



URUKIKO RW'IKIRENGA



ICYUMWERU CY'UBUCAMANZA KU NSHURO YA KABIRI

RAPORO Y'IBYAKOZWE

KIGALI, 25-29 UGUSHYINGO 2019



TRANSPARENCY
INTERNATIONAL
RWANDA



**ICYUMWERU CY'UBUCAMANZA KU
NSHURO YA KABIRI**

RAPORO Y'IBYAKOZWE

Contents

IJAMBO RY'IBANZE.....	2
ISOBANURAMPAMVU	3
1. IRIBURIRO.....	3
2. IKIGAMIJWE.....	5
3. GAHUNDA Y'ICYUMWERU.....	5
UMUTWE WA 1 : IBIGANIRO BYATANZWE MU CYUMWERU CY'UBUCAMANZA	7
ICYICIRO CYA 1: IMIKORANIRE Y'INZEGO MU MANZA NSHINJABYAHA N'UBUFATANYE BW'INZEGO MU KURWANYA UBWIYONGERE BW'IBYAHA N'UBUCUCUKE BW'ABAGORORWA MURI GEREZA.....	7
Igice cya 1: imikoranire y'inzego mu mikurikiranire, imiburanishirize n'imicire y'imanza nshinjabyaha n'imirangirize y'ibihano by'igifungo	8
Igice cya 2: ubufatanye bw'inzego mu kurwanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ubucucike bw'abagororwa mu magereza	11
ICYICIRO CYA 2: INGARUKA ZO KUDAHUZA IMYUMVIRE MU ISESENGURA RY'IMANZA MPANABYAHA N'IBIBAZO BIGARAGARA MU MANZA Z'IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA ABANA	14
Igice cya 1: Ingaruka zo kudahuza imyumvire mu isesengura ry'imanza mpanabyaha ...	14
Igice cya 2 : Ibibazo bigaragara mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana	18
Igice cya 3: Ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina: uburyo bwo guhuza umuco, indangagaciro za kinyarwanda n'icyerekezo cy'isi	21
ICYICIRO CYA 3. UBWUNZI MU NKIKO N'IBIBAZO BITERWA NA CYAMUNARA	24
Igice cya 1. Ubwunzi mu nkiko: icyo aricyo, akamaro kabwo naho bukwiye kugarukira	24
Igice cya 2 : Ibibazo bijyanye na cyamunara : amategeko, imicire y'imanza n'irangizwa ryazo.....	27
UMUTWE WA 2: IBYAKOZWE KU MUNSI W'IMURIKABIKORWA KUWA 29/11/2019.....	32
ICYICIRO CYA 1 IMIGENDEKERE Y'UMUNSI W'IMURIKABIKORWA.....	32
ICYICIRO CYA 2 UMUSARURO WAVUYE MU IMURIKABIKORWA.....	34
UMUTWE WA 3 : IMYANZURO YAFASHWE MU CYUMWERU CY'UBUCAMANZA N'UBURYO IZASHYIRWA MU BIKORWA	35
IMIGEREKA	46
1. ICYEREKEZO CY'UBUCAMANZA U RWANDA RWIFUZA	47
2. IBY'INGENZI BYAGEZWEHO N'URWEGO RW'UBUCAMANZA MU MYAKA 8 ISHIZE (2011-2019).....	51
IMIYOBORERE N'IMICUNGIRE Y'INKIKO MU MYAKA 8 ISHIZE.....	56

3. IKIGANIRO KU MIKORANIRE Y'INZEGO MU MANZA NSHINJABYAHA.....	68
4. UBUFATANYE BW'INZEGO MU KURWANYA UBWIYONGERE BW'IBYAHA N'UBUCUCIKE BW'ABAGORORWA MU MAGEREZA.....	75
5. INGARUKA ZO KUDAHUZA IMYUMVIRE MU ISESENGURA RY'IMANZA MPANABYAHA 78	
6. IBIBAZO BIGARAGARA MU MADOSIYE Y'IBYAHA BY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA ABANA	84
7. INGAMBA ZO GUGUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA: UBURYO BWO GUHUZA UMUCO, INDANGAGACIRO ZA KINYARWANDA N'ICYEREKEZO CY'ISI	90
8. UBWUNZI MU NKIKO : ICYO ARI CYO, AKAMARO KABWO NAHO BUKWIYE KUGARUKIRA	92
9. IBIBAZO BIVUKA MURI CYAMANURA HARANGIZWA IMANZA ZACIWE N'INKIKO CYANGWA IZINDI NYANDIKO MPESHA	98
10. IKIGANIRO KU BIBAZO BIJYANYE NA CYAMUNARA ZIKORWA HASHINGIWE KU CYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU	103
11. URUTONDE RW'ABATABIRIYE	106

Urutonde rw'amagambo mpine

CNLG: Commission Nationale pour la lutte contre le Genocide

DIU: Duteze Imbere Ubutabera

DNA: Deoxyribonucleic acid

GMO: Gender Monitoring Office

IECMS: Intergrated Electronic Case Management System

ILPD: Institute of Legal Practice and Development

INES: Institut d'Enseignement Superieur

LAF: Legal Aid Forum

MINIJUST: Ministry of Justice

NHRC: National Human Right Commission

NP: National Police

NPPA: National Public Prosecution Authority

PSF: Private Sector Federation

RBA: Rwanda Bar Association

RCS: Rwanda Correctional Services

RDB: Rwanda Development Board

RGB: Rwanda Governance Board

RIB: Rwanda Invetigation Burreau

RLRC: Rwanda Law Reform Commission

TI. Rwanda: Transparence Internation Rwanda

IJAMBO RY'IBANZE



Prof Sam RUGEGE

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Ubucamanza, ku bufatanye n'Ubushinjacyaha Bukuru bwateguye icyumweru cy'Ubucamanza ku nshuro ya kabiri cyabaye kuva ku wa 25 kugeza ku wa 29 Ugushyirwa 2019. Muri icyo cyumweru, hatanzwe ibiganiri bitandukanye biganisha ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: ***“Ubufatanye bw'inzego mu gukumira no gukemura amakimbirane abyara imanza, nk'inkingi y'ubutabera bunoze n'iterambere ryihuse”***.

Muri iki cyumweru kandi, izindi nzego zifite inshingano zo gukumira no gukemura amakimbirane, zifite aho zihuriye n'imicire y'imanza cyangwa ishyingirwa mu bikorwa ryazo, zunguranye ibitekerezo ku ruhare rwa buri wese mu gukumira no gukemura amakimbirane abyara imanza n'uburyo bwo kunoza imikorere, hagamijwe iterambere ry'abanyarwanda.

Kuri iyi nshuro haganirwe cyane cyane ku bibazo bituma imanza z'inshinjabyaha ziyongera n'ingaruka z'ubucucike bw'abagororwa muri za Gereza. Mu manza mbonezamubano, hasuzumwe uburyo ubwunzi (mediation) bwakwifashishwa mu manza zaregewe inkiko kugira ngo Ubucamanza bugire uruhare mu kongera kubanisha abafatanye amakimbirane. Ubucamanza bwifuzaga gusobanurira abatubanyarwanda ko imibanire n'imikoranire myiza yabo ari ingenzi cyane kurusha kumenya utsinze n'utsinzwe mu bagiranye ikibazo, ibi bikaba byagerwaho ari uko inzira y'ubwunzi mu manza zaregewe inkiko ikoreshejwe nk'uko bikwiye, kandi bikaba byakongera amahoro mu muryango nyarwanda no kugabanya ibirarane mu nkiko.

Ubucamanza burashimira ubwitange bwa buri wese, mu gushakisha ibisubizo by'ibibazo bitera gukora ibyaha n'ibikurura amakimbirane mu muryango nyarwanda. Burizera ko imyanzuro yavuye muri iki Cyumweru cy'Ubucamanza izashyirwa mu bikorwa kandi igatanga igisubizo kirambye ku mpamvu zituma abaturage basiragira mu nkiko, ku bwiyoungere bw'imanza z'inshinjabyaha n'ubucucike bw'abagororwa muri za Gereza.

Mugire amahoro.

Prof Sam RUGEGE

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

ISOBANURAMPAMVU

1. IRIBURIRO


Mu rwego rwo gukemura mu buryo burambye ibibazo by'ubutabera byugariye umuryango nyarwanda bituma abaturage bahora mu nkiko, bikongera amakimbirane n'umubare w'imanza kandi bikaremerera Ubucamanza n'inzego z'ubutabera muri rusange, mu mwaka wa 2017, mu mwiherero wahuje Ubucamanza n'Ubushinjacyaha Bukuru, hafatiwe umwanzuro w'uko Ubucamanza n'inzego z'ubutabera zajya zihurira mu cyumweru ngarukamwaka cy'ubucamanza. Iki cyumweru kigamije guhuriza hamwe Ubucamanza n'abafatanyabikorwa babwo kugira ngo higerwe hamwe uburyo bwo kunoza imikorere, gusobanurira abagana Ubucamanza n'izindi nzego z'ubutabera imikorere yazo, gushakira hamwe umuti urambye wo gukumira amakimbirane mu muryango nyarwanda hagamijwe kurushaho kubanisha abanyarwanda.

Mu Gushyamba 2018, Ubucamanza bufatanyije n'Ubushinjacyaha Bukuru byateguye ku nshuro ya mbere icyumweru cy'ubucamanza. Ibiganiro byari bigamije gushaka uburyo hakubakwa ubutabera buvomwe mu muco n'umurage w'u Rwanda hatabangamiwe Itegeko Nshinga n'amahame mpuzamahanga. Hatanzwe ibiganiro bigamije gushakira hamwe uburyo bwatuma Ubucamanza n'izindi nzego z'ubutabera zishingira ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda mu gukemura ibibazo izi nzego zishyikirizwa, hagamijwe kurushaho guhuza no kunoza imikorere kugira ngo imirimo zishinzwe irusheho kunoga no kwihutishwa.

Abitabiriye ibiganiro muri icyo cyumweru bashoje bumvikanye muri rusange ko bagiye gufatanyaga mu bukangurambaga bugamije gukumira igitera ibyaha cyangwa amakimbirane, bikaba inshingano ya buri munyarwanda ndetse n'umuryango nk'uko byahozze kera mu ndangagaciro z'abanyarwanda. Hemejwe kandi ko hakwiye gutangizwa uburyo bwo kumvikanisha abafitanye amakimbirane kuri buri rwego mu gihe bishoboka, aho kwihutira guhana cyangwa gufata icyemezo hatitawe ku mibanire y'abafitanye ikibazo. Hanzuwe kandi ko gutanga ibihano bikwiye kwibanda ku kugorora uwakoze icyaha cyangwa ikosa ku buryo uwahanwe agaruka mu murongo aho guheranwa n'uburemere bw'igihano. Hifujwe ko mu gukemura amakimbirane ayo ari yo yose, indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda byakwitabwaho.

Mu mwaka wa 2019 byagaragaye ko imanza zishyikirizwa inkiko zikomeje kwiyongera nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imanza zinjiye guhera 2016



Hagati y'umwaka 2017/2018 n'umwaka dushoje wa 2018/2019, imanza zinjira zazamutseho 19%. Mu mpamvu zishobora kuba zaragize uruhare mu izamuka ry'umubare w'imanza harimo izikurikira:

- Kuvana imanza nshinjabyaha mu bubasha bw'Abunzi;
- Ubwiyongere bw'abaturage, no kumva ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa ari uko bagannye inkiko;
- Ubwiyongere bw'ibigo by'ishoramari n'ubucuruzi;
- Iterambere ry'ikoranabuhanga ryoroheje imikorere y'ibyaha bimwe na bimwe ndetse rikoroshya n'uburyo bwo kugeza ibibazo mu nkiko.

Muri uyu mwaka, imanza nshinjabyaha nizo zifite umugabane munini mu manza zinjiye kuko zihariye 59%, zigakurikirwa n'imanza mbonezamubano zifite 29%, n'iz'ubucuruzi zifite 7%.

Mu rwego rwo gukumira ubwiyongere bw'imanza n'amakimbirane mu muryango nyarwanda, Ubucamanza n'Ubushinjacyaha Bukuru byateguye ku nshuro ya kabiri icyumweru cy'ubucamanza. Ikigamijwe kuri iyi nshuro, ni ugushakisha ibisubizo by'ibibazo bituma abataturwanda bagana mu nkiko ndetse bikadindiza iterambere ryabo. Inzego zose bireba zafatanyirije hamwe kwiga uburyo bwo gukumira ibibazo bishobora kuvuka hagati y'abaturage kugira ngo hakumirwe cyangwa hagabanywe amakimbirane abajyana mu nkiko. Ubucamanza n'Ubushinjacyaha bizigira hamwe uburyo bwo kwimakaza inzira zo kubanisha abafitanye ibibazo mu rwego rwo kubarinda guhindura izo nzego uruhando rwo guhanganiramo.

Iki cyumweru cyabaye kuwa 25/11/2019 kigeza kuwa 29/11/2019. Ibiganiro byatanze bikubiye mu nsangamatsiko igira iti: **«Ubufatanye bw'inzego mu gukumira no gukemura amakimbirane abyara imanza, nk'inkingi y'ubutabera bunoze n'iterambere ryihuse».**

2. IKIGAMIJWE

Ibiganiro byatanzwe byari bigamije kugaragaza uruhare rwa buri rwego bireba mu gukumira no gukemura amakimbirane. Hagaragajwe ibibazo bijyana abantu mu nkiko, hafatwa n'ingamba zo gukumira igitera imanza.

Ku bijyanye n'imanza zakiriwe n'inkiko, cyane cyane iz'imbonezamubano n'iz'ubucuruzi, hizwe uburyo hakwifashishwa ubwunzi (mediation) kugira ngo Ubucamanza bugire uruhare mu kongera kubanisha abafitanye amakimbirane. Inzira y'ubwunzi ikomoka mu muco n'indangagaciro nyarwanda kandi ifite inyungu yo kubaka amahoro mu muryango nyarwanda no kugabanya ibirarane mu nkiko. Ikoreshajwe uko bikwiye byatuma abacamanza bibanda ku manza zirimo ibibazo biremereye, bagaca imanza neza, bagatanga ubutabera bunoze kandi bugaragaza icyerekezo cy'uburyo ibibazo nk'ibyo bikwiye gukemuka no mu gihe kizaza.

Mu manza nshinjabyaha, hizwe uburyo abashinzwe kugenza ibyaha no kubishinja bagira n'uruhare mu kubikumira. Harebwe uburyo kuregera inkiko byakwitonderwa, hakoherewe dosiye zujuje ibisabwa, hakajyaho n'uburyo bwatuma abakurikiranwa badafunzwe by'agateganyo badatoroka ubutabera, kandi ibihano bigatangwa hitawe ku mwihariko w'uburemere bwa buri cyaha, imyitwarire ya buri mugororwa n'ibikenewe mu kuregera umuryango nyarwanda muri rusange.

Kuri iyi nshuro kandi abitabiriye ibiganiro bumvikanye ku buryo bwiza bwo gukurikirana imyanzuro ifatirwa muri ibi biganiro kugira ngo ishyirwe mu bikorwa bityo n'umusaruro w'ibyaganiriweho ubashe kugaragarira buri wese.

3. GAHUNDA Y'ICYUMWERU

Ku muni wa mbere (tariki ya 25/11/2019)

Buri rwego rwarisuzumye, rureba ibyo rwagezeho, imbogamizi rwahuye nazo n'uburyo bwo kuzikemura. Ku ruhande rw'Ubucamanza, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yagiranye ibiganiro n'Abayobozi n'Abanditsi Bakuru b'Inkiko.

Ku muni wa Kabiri (tariki ya 26/11/2019)

Ubucamanza, Ubushinjacyaha Bukuru n'izindi nzego zigira uruhare mu ikurikirana n'ihanacyaha zaganiriye ku mikoranire y'izi nzego ndetse no ku bufatanye bwazo mu kurwanya ikibazo cy'ubwiyongere bw'ibyaha ***n'ubucucike bw'abagororwa muri za***

Gereza n'icyakorwa kugira ngo icyo bibazo bibonerwe umuti urambye. Hakoze imirimo mu matsinda, hafatwa n'imyanzuro ijyanye n'ibiganiro byatanze kuri uwo muni.

Ku muni wa gatatu (tariki ya 27/11/2019)

Haganiriwe ku ngaruka zo kudahura imyumvire mu isesengura ry'amategeko mpanabyaha ku bashinzwe kuyashyira mu bikorwa n'iyubahirizwa ryayo. Haganiriwe kandi ku bibazo bigaragara mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana, izi nzego zirebera hamwe uburyo zafatanyaga kugishakira umuti uhamye hibandwa ku buryo bwo guhuza umuco, indangagaciro za Kinyarwanda n'icyerecyezo cy'isi

Ku muni wa kane (ku wa 28/11/2019)

Hatanze ikiganiro k'ubwunzi (mediation). Impuguke mu bwunzi zafashije kwerekana uburyo ibibazo bitandukanye byakemurwa hakoreshejwe iyi nzira mbere yuko biregerwa inkiko, ndetse n'uburyo inkiko zakoresheye mu kunoza ubwunzi bukorewe mu nkiko.

Haganiriwe kandi ku bibazo bijyanye na cyamunara; amategeko agenga cyamunara, imicire y'imanza zikomoka kuri cyamunara ndetse n'irangizwa ryazo.

Kuri uyu muni usozwa, inzego zose zitabiriye ibiganiro mu Cyumweru cy'Ubucamanza zemeranyijwe ku myanzuro rusange yavuye mu biganiro byatanze n'uburyo iyo myanzuro izashyirwa mu bikorwa mu bufatanye bw'inzego bireba.

Ku wa gatanu (ku wa 29/11/2019): Judicial Open Day

Kuri buri Rukiko, abaturage bamurikiwe imikorere y'Ubucamanza n'Ubushinjacyaha hagamijwe kubashishikariza kugira uruhare mu butabera bagenerwa. By'umwihariko abatabiriye uyu muni basobanuriwe biruseho ibijyanye n'ikorabuhanga rya IECMS, irya SOBANUZAINKIKO n'iry'uburyo bwo gusaba "extrait du casier judiciaire" bwitwa *criminal record system*.

UMUTWE WA 1 : IBIGANIRO BYATANZWE MU CYUMWERU CY'UBUCAMANZA

Mu cyumweru cy'ubucamanza hatanzwe ibiganiro mu minsi ine. Umunsi wa mbere wari umwiherero kuri buri rwego aho ku ruhande rwabacamanza ibiganiro byibanze ku byagezweho n'urwego rw'ubucamanza mu myaka umunani ishize ndetse n'uburyo bwo kunoza umurimo w'abacamanza. Ku munsi wa kabiri w'icyumweru cy'ubucamanza, hatanzwe ibiganiro bibiri aribyo: imikoranire y'inzezo mu manza nshinjabyaha n'Ubufatanye bw'inzezo mu kurwanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ubucucuke bw'abagororwa muri gereza. Ku munsi wa gatatu hatanzwe ikiganiro ku ngaruka zo kudahuza imyumvire mu isesengura ry'amategeko mpanabyaha, ibibazo bigaragara mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana n'ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ku munsi wa kane hatanzwe ibiganiro ku bwunzi mu manza n'ibibazo biterwa na cyamunara.

ICYICIRO CYA 1: IMIKORANIRE Y'INZEZO MU MANZA NSHINJABYAHA N'UBUFATANYE BW'INZEZO MU KURWANYA UBWIYONGERE BW'IBYAHA N'UBUCUCUKE BW'ABAGORORWA MURI GEREZA

Muri iki cyiciro, haragaragazwa ibiganiro biriri byatanzwe ku mikoranire y'inzezo mu mikurikiranire, imiburanishirize n'imicire y'imanza nshinjabyaha n'imirangirize y'ibihano by'igifungo n'ubufatanye bw'inzezo mu kurwanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ubucucuke bw'abagororwa muri gereza

Igice cya 1: imikoranire y'inzego mu mikurikiranire, imiburanishirize n'imicire y'imanza nshinjabyaha n'imirangirize y'ibihano by'igifungo

A. Ikiganiro cya mbere gisembura ibiganiro



NZAMUYE Jean Marie Vianney
Umugenzuzi w'Inkiko

Umugenzuzi w'Inkiko Bwana NZAMUYE Jean Marie Vianney yavuze ko kugira ngo urubanza nshinjabyaha rubeho runarangizwe, bigirwamo uruhare n'inzego zikurikira : Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha, Inkiko n'Urwego rushinzwe Imfungwa n'abagororwa, maze yibutsa inshingano za buri rwego.

Yavuze ko muri rusange imikoranire hagati y'Ubushinjacyaha n'Inkiko ari myiza, kuko buri rwego ruzi inshingano zarwo ndetse rukamenya n'inshingano z'urundi ku buryo hadakunze kugaragara ibibazo mu mikoranire. Ikindi ni uko abayobozi bakuriye izi nzego zombi ku nzego zitandukanye bajya bahura bakaganira

ku bibazo bihari bakanabifatira ingamba.

Yavuze ko imikoranire y'Inkiko n'amagereza nayo bigaragara ko atari mibi uretse ibibazo bike bigenda bivuka bituruka ahanini ku gukoresha nabi IECMS n'amakosa agenda agaragara mu byemezo by'abacamanza bamwe na bamwe nk'uko biza kugarukwaho.

Yavuze ko mu bibazo bikunda kugararara mu mikoranire y'izengo zihuriye ku manza nshinjabayaha hari ibituruka ku bwinshi bw'ibyaha bikurikiranwa n'imanza nyinshi ziba ziri mu nkiko, ubunyamwuga butaragera ku kigero gikwiye kuri bamwe mu bakozi b'izi nzego zose, kwitana ba mwana mu manza rimwe na rimwe, n'imikoreshereze ya system ya IECMS itarashobora gukoreshwa neza na bese.

Ubwinshi bw'imanza mu nkiko yavuze ko buterwa n'ibirego birebana n'ifungwa ry'agateganyo n'ibirego byihuririrwa bikomeza kujyanwa mu nkiko ari byinshi cyane, ariko cyane cyane mu nkiko zo mu mijyi, ku buryo usanga arizo ziharira umwanya munini w'abacamanza, imanza mu mizi zikaba ibirarane, ibi bikabangamira itangwa ry'ubutabera bwihuse kandi bunoze nyamara biri mu ntego y'ibanze y'Urwego rw'Ubucamanza.

Yatanze urugero avuga ko guhera muri Nyakanga kugeza mu Kwakira 2019, mu Nkiko z'ibanze eshatu zo mu Mujyi wa Kigali zonyine zaburanishije amadosiye arebana n'ifungwa ry'agateganyo 1.319 zirimo abantu 1.347, muri aba bantu hakaba haremejwe ifungwa by'agateganyo ku bantu 885 bangana na (65,70%), hemezwa ko hafungurwa by'agateganyo abantu 462 bangana na (34,30%) barenze gato icya kabiri cy'abafunzwe by'agateganyo.

Yavuze ko bigaragara ko umubare w'abasabirwa gufungwa by'agateganyo, bagafunguwe ari munini, ku buryo hakwiye kurebwa mbere yo gusabira umuntu gufungwa by'agateganyo, niba ibisabwa kugira ngo uwo muntu afungwe by'agateganyo byuzuye kandi niba ari ngombwa koko ko dosiye ye yoherezwa mu rukiko.

Yavuze ko zimwe mu mpamvu zaba zituma umubare w'imanza nshinjabyaha wiyongera zigizwe no kuba harabayeho kuvana imanza nshinjabyaha mu bubasha bw'Abunzi byakozwe muri 2016, ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'ubwiyongere bw'abakozi bo mu Nkiko, gutezuka ku nshingano y'uburere bukwiye kw'ababyeyi bituma abana babo bishora mu byaha bitandukanye, cyane cyane mu ikoreshwa ry'ibiyobyabwe nabyo bibashora mu bindi byaha, iterambere ry'ikoranabuhanga ryoroheje imikorere y'ibyaha, kuba abaturage bagenda bamenya uburenganzira bwabo, bakaba bashobora kurega abahohoteye ku nzego z'ikurikirana cyaha n'imbaraga ubugenzacyaha bukoresha mu kumenya ibyaha byakozwe.

Yavuze kandi ko bamwe mu Bagenzacyaha, Abashinjacyaha, Abacamanza n'abandi bakozi babafasha mu mirimo bakigaragaraho kutagira ubunyamwuga mu mirimo yabo, bigatuma mu gukora amadosiye, mu gushinja mu manza, mu kuburanisha no guca imanza badakora neza ibikwiye byatuma urubanza ricibwa neza, hatanzwe ubutabera ndetse bamwe bakaba bagifite ingeso n'indi myitwarire iganisha kuri ruswa.

Yavuze kandi ko hakiri ukwitana ba mwana mu manza kuko hari ubwo abacamanza bavuga ko amadosiye atuzuye, bagasaba abashinjacyaha gushaka ibibura nyamara abashinjacyaha bagasubiza ko abacamanza nabo bafite inshingano yo kwishakira ibimenyetso, ibyo bikadindiza itangwa ry'ubutabera bunoze kandi bwihuse.

B. Ibyavuzwe n'abunganiye uwatanze ikiganiro



TWAGIRAYEZU Jean Marie
Umuyobozi Mukuru ushinzwe
kugenza no gukurikirana ibyaha
muri RIB

Bwana TWAGIRAYEZU Jean Marie/ Umuyobozi Mukuru ushinzwe kugenza no gukurikirana ibyaha mu rwego rw'igihugu rw'ubugenzacyaha (RIB), yavuze ko abakozi z'inzego z'ubutabera batumva kimwe amategeko cyane cyane arebana n'ibyaha bimunga ubukungu n'ibyaha birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina maze bakitana ba mwana mu gihe habayeho gufungura by'agateganyo kubera ibura ry'ibimenyetso.



NTETE Jules
Umugenzuzi mukuru
w'urwego rw'Ubushinjacyaha

Bwana Jules NTETE Marius, Umugenzuzi mukuru w'Urwego rw'Ubushinjacyaha na we yavuze ko umubare w'amadosiye yinjiye arenga ibihumbi 45 muri uyu mwaka agizwe n'abantu ibihumbi 55 mu gihe nta bakozi bahagije bahari kandi ko ijanisha ryo gutsinda ryagabanutse rigera kuri 93%. Anavuga kandi ko ubushashatsi bwakozwe bwerekanye ko igipimo cy'isubiracyaha gikomeje kwiyongera. Yanibukije ko ihame ryo kudafunga umushingamategeko yarigarutseho bityo ko rero umuntu yagombye gufungwa mu gihe aribwo buryo bwonyine buhari ko ibyo nibyitabwaho umubare w'abafungwa uzagabanuka.

Yanavuze ku cyuho kiri mu itegeko, aho ababuranishwa ku buryo bwihuse kubera kwemera icyaha cyangwa gufatirwa mu cyuho ko hari igihe baregwa mu Rukuru Rukuru bakanamusabira ko aba afunze by'agateganyo kandi itegeko ribuza Urukiko Rukuru gufata icyemezo ku ifunga n'Ifungurwa ry'Agateganyo.



KABERA Johnson
Avoka Mu rugaga rw'Abavoka

Bwana KABERA Johnson intumwa y'Urugaga rw'Abavoka yavuze ko hari igihe abavoka badashobora kubona amadosiye y'abantu bafunze ari muri IECMS, ibyo bikababera imbogamizi yo gutegura dosiye zabo. Avuga ko

gufunga byagombye kuba igisubizo cya nyuma cyane ko ufunzwe aba ashyizwe mu buzima bubi bushobora gutuma asohoka yarabaye mubi kurushaho.



UJENEZA Jeanne Chantal
Komiseri Mukuru wungirije muri RCS

Madamu UJENEZA Jeanne Chantal/Komiseri Mukuru wungirije muri RCS, yavuze ko inshingano zabo ari ukugorora abafunzwe, ko ariko ikibazo ari uko batabasha kuzuzanya neza inshingano zabo zo kugorora abantu kuko ari benshi cyane, ubu bakaba ari ibihumbi 72 birenga. Akomeza avuga ko gereza ya Nyagatare ariyo yonyine igerageza ukugorora kuko abana bayirimo bose bacikirije amashuri babasha kwiga.. Yagaragaje ikibazo giterwa n'uko RIB ibazanira abagore bagomba

gufungwa kuri gereza z'abagabo gusa, yitwaje ko ari gereza igomba gutwara abo bagore muri gereza bagomba gufungirwamo kandi nyamara gereza nta bushobozi ifite nta n'ingengo y'imari yateganyirijwe kugeza abo bagororwa aho bagomba gufungirwa. Yakomeje avuga ku kibazo cy'abacamanza badashyira muri IECMS kopi y'urubanza rwuzuye, bagashyiramo gusa inyandiko mvugo y'isomwa ry'urubanza, bikagorana kurangiza urubanza cyane cyane abagizwe abere. Yavuze kandi ku kibazo cya CNLG, aho ishingira ku mvugo z'abaturage igasaba RIB ko umuntu afungwa kubera icyaha cya Jenocide, agafungwa mu gihe nyamara umuturage agaragaza ko yaburanye mu bujirire akagirwa umwere ku bw'ibyo asaba ko CNLG yajya ibanza gusaba amakuru yuzuye mu nkiko bireba.

Igice cya 2: ubufatanye bw'inzezo mu kurwanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ubucucike bw'abagororwa mu magereza

A. Ikiganiro cya kabiri cyasembuye ibiganiro



MUTANGANA Jean Bosco
Umushinjacyaha Mukuru

Ikiganiro cya kabiri cyatanzwe na Bwana MUTANGANA Jean Bosco/Umushinjacyaha Mukuru atangira avuga ko kurwanya ibyaha ari inshingano ya buri munyarwanda wese aho buri wese aba agomba gutanga amakuru ku cyaha mbere y'uko gikorwa kugira ngo gikumirwe kitaraba cyangwacyangwa se gihanwe niba cyarangije gukorwa

Yavuze ko by'umwihariko gukumira ibyaha biri mu nshingano z'inzezo z'umutekano, iz'ubuyobozi bw'ibanze ndetse n'iz'ubutabera, ariko izo nzezo zidakoranye n'abaturage cyangwa ngo zihuze imbaraga zazo (synergy of efforts) zigera ku nshingano yazo.

Yavuze ko icyo gukumira ibyaha bitageze ku ntego ari ngombwa gutera indi ntambwe hagakoreshwa guhana uwakoze icyaha (retribution) hatagamijwe kumwumvisha (vengeance) ahubwo hagamijwe kumwigisha we ubwe no kwigisha rubanda basigaye ingaruka z'icyaha kugira ngo nabo batazakigwamo (akaba ari nayo mpamvu imanza zimwe na zimwe zigomba kuburanshirizwa ahabereye icyaha), gukosora uwakoze icyaha kugira ngo atazavaho agisubiramo no kumufasha gusubira mu buzima busanzwe (rehabilitation and reintegration).

Yakomeje avuga ko abantu bose cyane cyane abakora mu nzezo z'ubutabera bamenya ko gukurikirana umuntu afunze atari ihame (principe) ahubwo ari irengayobora (exception) ndetse no guhana uwakoze icyaha atari ukumushyira muri gereza gusa.

Avuga ko nk'abakora icyaha cy'ubwicanyi, nk'umuntu usambanya umwana abo bakwiye gufungwa ariko hakaba hari ibyaha bishobora gukurikiranwa umuntu adafunze.

Yavuze ko iyo usesenguye uko amadosiye yinjiye mu Bushinjacyaha guhera mu 2016, ubwo itegeko ry'abunzi ryahindurwaga bakamburwa ububasha bwo kunga usanga amadosiye yaragiye ziyongera uko umwaka utashye hakaba hakwiye gufatwa ingamba zihutirwa zo kugabanya ubu bucucike bumaze kurenga ubushobozi bw'amagereza.

Yasoje atanga umwanzuro ko inzego bireba zashyiraho amabwiriza (policies) yerekeye ifunga n'ifungura ndetse n'ihana ry'uwakoze icyaha kugira ngo abari mu nzego z'ubutabera bagire imyumvire imwe yo gukurikirana no guhana abanyabyaha ariko na none abo banyabyaha badahawe icyuho cyo gukora ibyaha ngo be guhanwa nk'uko amategeko abiteganyaga.

B. Ibyavuzwe n'abunganziye uwatanze ikiganiro



Rwigamba Georges
Komiseri Mukuru muri RCS

Mu kunganira ibiganiro, CGP RWIGAMBA Georges/ Komiseri Mukuru muri RCS yavuze ko hari ubucucike bukabije bwiganje cyane muri gereza ya Rwamagana, Muhanga, Huye na Gicumbi, bikaba birengeje ubushobozi n'ingengo y'imari igenewe amagereza, avuga ko gereza zigenerwa ingengo y'imari ya miliyari 18 ku mwaka, ibiryo bikaba miliyari 9 nyamara ayo mafaranga akaba yaramaze gushira, bityo hakaba hari ikibazo cy'ibizatunga abagororwa mu gihembwe cya 4.

Yakomeje avuga ko ikibazo cy'ubucucike gikabije ko bityo gikwiye gushakirwa umuti uhereye aho ikibazo gitangirira, hagafungwa abantu mu gihe aricyo gisubizo cyonyine gisigaye.



Colonel RUHUNGA Jeannot
Umunyamabanga Mukuru wa RIB

Colonel RUHUNGA Jeannot/ Umunyamabanga Mukuru/RIB, yatangiye avuga ko hakwiye kwishimirwa ko abanyabyaha bafatwa bagafungwa kuko aribwo buryo bwonyine bugarura ituze muri rubanda, bukanatuma abanyabyaha banyura muri gereza hatabayeho kujenjeka. Asoza avuga ko mu rwego rwo kugabanya ubucucike muri gereza, umuti ukwiriye gushakirwa ahandi

nko mu kongera umubare w'abarekurwa ndetse n'abafungurwa ku mbabazi.



NDAHAYO Xavier
Perezida w'Urukiko Rukuru

Bwana NDAHAYO Xavier/ Perezida w'Urukiko Rukuru, yavuze ko inkiko zifite uruhare runini mu kurwanya ubucucike bwa Gereza kuko ziba zifiteamakuru menshi ajyanye n'ubuzima bw'abaturage bakura muri dosiye nyamara umushingamategeko akaba yarabimye ubwinyagamburiro aho yagennye igihano gito, umucamanza adashobora kujya muni bigatuma abantu batinda muri za gereza. Yanavuze ku bundi buryo bwo kurwanya ubucucike muri gereza aho ahateganyijwe amasezerano y'ubwumvikane hagati y'umushinjacyaha n'uwakoze icyaha (Plea Bargaining), ikibazo gisigaye akaba ari ukwemeza uko ayo masezerano azashyirwa mu bikorwa.

Abitabiriye ibiganiro bagarutse ku kibazo cy'uko ukurikije itegeko rihana ibyaha ryo mu mwaka wa 2018, umushingamategeko atahaye abacamanza ubwinyagamburiro aho yagennye igihano gito, umucamanza adashobora kujya muni nyamara hari igihe umucamanza aba asanga yarashoboraga kugabanya igihano kurushaho kubera impamvu nyoroshiyacyaha.

Abitabiriye ibiganiro basabye kandi ko RIB ikwiye gushyiraho ingamba zo kwigisha urubwiruko kwirinda ibiyobyabwenge ndetse na RCS igakomeza gahunda yo kwigisha abagororwa ku buryo nibasohoka bazaba baragorotse ku buryo batakongera -gukora ibindi byaha. Banasaba kandi ko urubwiruko rwasaritswe n'ibiyobyabwenge badakwiye gushyirwa muri gereza ahubwo bakwiye koherezwa mu bigo byabugenewe kugira ngo bavurwe kandi bakurikiranwe.

Hakurikiyeho imirimo mu matsinda, itsinda rya mbere rikaba ryarasuzumye ibibazo bikurikira :

- a) Ni izihe mbogamizi zituma habaho ubwiyongere bw'umubare mwinshi w'abafungwa n'abagororwa mu Rwanda?
- b) Ni izihe ngamba zafatwa na buri rwego mu guhashya ubucucike uhereye mu kugenza icyaha, gushinja icyaha, guhana uwakoze icyaha na nyuma yo guhana (Pre-trial, trial and post-conviction phase)?

Itsinda rya kabiri ryo ryasuzumye ikibazo bikurikira:

- a) Ni izihe ngamba zafatwa na buri rwego mu kugabanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ukuntu izo ngamba zashyirwa mu bikorwa?

- b) Sobanura uburyo butandukanye bwo gukumira, kugenza ibyaha mo guhana hadakoreshejwe gufunga n'uburyo bwo kubishyira mu bikorwa?

Itsinda rya gatatu ryasuzumye ikibazo kirebana no kumenya imbogamizi muri rusange n'izishingiye ku mikoranire y'inzeho zigira uruhare mu manza nshinjabyaha by'umwihariko, zituma umubare w'imanza nshinjabyaha ziri mu nkiko ukomeza kuba munini bikabangamira intego yo gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse, n'ingamba zikwiriye gufatwa hagamijwe gukemura iki kibazo.

Itsinda rya kane ryasuzumye ikibazo kijyanye no kugaragaza imbogamizi zituma inzego zigira uruhare mu manza nshinjabyaha zikomeza kwitana ba mwana no kudahura imyumvire ku byerekeye amategeko bikagira ingaruka ku itangwa ry'ubutabera, n'ingamba zikwiriye gufatwa mu gukemura iki kibazo.

ICYICIRO CYA 2: INGARUKA ZO KUDAHUZA IMYUMVIRE MU ISESENGURA RY'IMANZA MPANABYAHA N'IBIBAZO BIGARAGARA MU MANZA Z'IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA ABANA

Muri iki cyiciro, haragaragazwa ibiganiro byatanzwe ku ngaruka zo kudahura imyumvire mu isesengura ry'imanza mpanabyaha n'ibibazo bigaragara mu manza z'ihohotera rishingiye ku gitsina rikorerwa abana

Igice cya 1: Ingaruka zo kudahura imyumvire mu isesengura ry'imanza mpanabyaha

A. Ikiganiro cya mbere gisembura ibiganiro



Dr Aimé Muyobokeye Karimunda
Perezida wa'Urukiko rw'Ubujurire

Dr Aimé Muyobokeye Karimunda / Perezida wa'Urukiko rw'Ubujurire watanze ikiganiro cya mbere yagaragaje inkomoko y'ihame rivuga ko abacamanza basabwa kuba umunwa uvuga amagambo y'itegeko, batagize icyo bongeraho cyangwa bagabanyaho.

Asobanura ko iki gitekerezo aricyo cyagiye kigarukwaho mu Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda n'amategeko mpanabyaha yo mu Rwanda mu ngingo ya 3 y'Itegeko-Teka ryo ku wa 18/08/1977, iya 4 y'Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012, iya 4 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 zose zihuriza

ku kuvuga ko "amategeko ahana agomba gufatwa uko ateye....".

Yakomeje avuga ko iri hame rishoboka iyo imiterere y'ingingo y'itegeko ihura n'ikigamijwe, ko iyo ikigamijwe n'imyandikire bidahuye cyangwa bitumvikana mu buryo bumwe, ushinzwe gukoresha itegeko abura icyerekezo, ko rero iyo urukiko rutumvise neza icyari kigamijwe itegeko mpanabyaha rishyirwaho, kurishyira mu bikorwa bigorana.

Yatanze ingero zirimo ikibazo cyo gucura umugambi wo gukora icyaha (conspiracy) agaragaza ko kuri iki kibazo hagikoreshwa amategeko abiri (irya 2012 ku beregewe inkiko rigikoreshwa n'irya 2018) ko kandi mu isesengurwa ryacyo bitera urujijo. Akibaza niba *conspiracy* yashyizwe mu ngingo ya 20 (itegeko rya 2018), ingingo ya 25 (itegeko rya 2012) byaba bivuze ko icyo cyaha gishoboka ku byaha byose biri mu itegeko mpanabyaha?

Yanavuze ku byaha bijyanye no guhungabanya umudendeko w'igihugu, ko bimwe byagiye bihindurirwa amagambo yari abigize bigateza impaka mu Rukiko, Abavoka bakavuga ko ibitari mu itegeko ari uko Umushingamategeko yabivanyemo, abashinjacyaha bamwe bakabyemera batyo abandi bakavuga ko n'ubwo bitari mu itegeko rishya ariko Umushingamategeko yabivuze ukundi. Urugero akaba ari ingingo 463 y'itegeko rya 2012 ugereranyije n'ingingo ya 204 y'itegeko rya 2018. Anibutsa ko iri tegeko ryatowe nta politiki y'ibyaha n'ibihano ihari ko n'iyi Urukiko rushatse kwiyambaza inyandiko z'ibiganiro byigiwemo imishinga y'amategeko (Travaux préparatoires), rusanga ahanini ntazo Inteko Nshingamategeko iratangira gutangaza, bikagora Urukiko kumenya icyari kigamijwe.

Yasoje avuga ko mu mategeko mpanabyaha umucamanza adashobora gukora inshingano ze uko bikwiye ururimi rudahujwe n'ikigamijwe. Anavuga ko ukora ubushakashatsi agomba kumenya amagambo yakoreshejwe, impamvu yayo n'icyari kigamijwe n'uburyo ayo magambo bayahinnye.

B. Ibyavuzwe n'abunganiye uwatanze ikiganiro



BUSINGYE Johnston
Ministiri w'Ubutabera

Ministiri w'Ubutabera BUSINGYE Johnston yatangiye avuga ko Ministeri ayoboye igira uruhare runini mu ishyirwaho ry'amategeko anongeraho ko gushyira mu bikorwa amategeko ku bacamanza benshi bigorana kubera ko batayumva kimwe.

Yavuze ko ari ngombwa mbere ya byose kugira Politiki iherwaho mu gukora amategeko kuko bifasha kumenya icyo itegeko rigamijwe maze atanga igitekerezo cy'uko inyandiko z'ibiganiro byigiweho amategeko mu Nteko ishingana amategeko (travaux préparatoires), isobanurampamvu, za politique zigomba gushyirwa ahagaragara ku buryo zakwifashishwa mu kumenya icyari kigamijwe mu gushyiraho itegeko runaka.

Yakomeje avuga ko umucamanza adakwiye kuba gusa umugaragu w'itegeko ahubwo akwiye kujya kure agashaka icyo umushingamategeko yashatse kuvuga.



HAVUGIYAREMYE Aimable
Umuyobozi Mukuru wa RLRC

Bwana HAVUGIYAREMYE Aimable, Umuyobozi Mukuru wa RLRC yavuze ko ikibazo nyamukuru ari imyumvire y'inzego z'ubutabera ku mategeko mpanabyaha kuko akamaro ka mbere k'amategeko ahana ari ugukumira ibyaha (prevention), ikindi akaba ari uguhana.

Yavuze ko umucamanza iyo asesengura itegeko agomba kubanza kureba icyo rigamije, ko kandi abujijwe gutanga ibihano bidateganywa n'itegeko cyangwa guhana igikorwa kidateganyijwe nk'icyaha mu mategeko. Avuga kandi ko mu gihe haba hari amategeko abiri, irishya ridateganya ibyaha byari biri mu itegeko rishaje, biba bitavuze ko ibyo byaha byavuyeho, ko umucamanza agomba kubanza kwibaza niba icyaha kitagaragara mu mategeko ahana mu byukuri cyagombaga kuvaho, yabona cyari gikwiriye kugumaho akabanza kubaza impamvu kitakiri muri iryo tegeko. Asoza agira inama abacamanza kujya bagisha inama, anashimangira ko inyandiko z'ibiganiro byigiweho amategeko mu Nteko ishingamamategeko (travaux préparatoires) zigomba guhabwa abacamanza kugira ngo bamenye ubusobanuro nyabwo bw'itegeko.



MUKAGASHUGI Agnes
Umushinjacyaha Mukuru wungiririje

Madamu MUKAGASHUGI Agnes/ Umushinjacyaha Mukuru wungiririje nawe yahawe ijamba avuga ko isesengura ry'amategeko rigomba gukorwa harebwa ikigamijwe kandi abakozi b'ubutabera bakagira umuco wo kugisha inama ndetse bagakora inama nyinshi kugira ngo

babashe kumva kimwe ayo mategeko.



KALIHANGABO Isabelle
Umunyamabanga Mukuru wungirije
muri RIB

Madamu KALIHANGABO Isabelle/ Umunyamabanga Mukuru wungirije muri RIB yashimangiye ikibazo cy'imyumvire itandukanye ku mategeko mu nzego zishinzwe ubutabera, kuko usanga urwego rw'ubugenzacyaha ruba rwumva ko ukwemera icyaha cyo gusambanya umwana mu nzego zishinzwe iperereza bihagije ngo ukurikiranweho icyaha wemera, ahamwe nacyo nyamara yagera mu rukiko, yabihakana, umucamanza akavuga ko ari umwere kubera ko nta expertise medical yerekana.

Yavuze ko no mu gutanga ibihano mu manza zo gusambanya abana, abacamanza badatanga ibihano biteganyijwe n'amategeko kuko babigabanya cyane bakajya muni y'igihano gito cyateganyijwe n'umushingamategeko maze asoza avuga ko ibirego byashyikirijwe ubushinjacyaha abahohotewe bagera kuri 50% aribo babonye ubutabera anasaba ko umucamanza akwiye kwibutsa kwishakira ibimenyetso (actif) mu gihe iby'ubushinjacyaha bidahagije, byaba ngombwa, dosiye ituzuye akayisubiza inzego bireba kugira ngo ikorwe neza.

Abitabiriye inama bavuze ko amahame agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha akwiye kubahirizwa, ko rero bidashoboka ko umucamanza urimo kuburanisha urubanza yasubiza dosiye umushinjacyaha kuko yabonye ituzuye, cyane ko n'ukurikiranweho icyaha nawe aba akeneye ubutabera, basoza bavuga ko n'ubwo icyaha cyo gusambanya umwana gifite ubukana ariko n'ibimenyetso bigomba kugaragazwa kugira ngo hatangwe ubutabera.

Abitabiriye inama bavuze kandi ko Umushingamategeko yakagombye gushingira ku murongo uboneye watanzwe n'inkiko ku kibazo runaka mu gihe cyo gushyiraho cyangwa kuvugurura amategeko, banasaba abacamanza kujya bakora ubushakashatsi bwimbitse kugira ngo bashobore guca imanza zinoze. Banasabye kandi ko umushinga w'itegeko wajya uteguranwa n'inyigo ku nkurikizi z'itegeko (études d'impact) kugira ngo iyo nyigo izashingirweho mu itorwa ry'amategeko.

Igice cya 2 : Ibibazo bigaragara mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana

A. Ikiganiro cya kabiri gisembura ibiganiro



MUHONGERWA Agnès
Umuyobozi w'ishami rishinzwe
kurwanya ihohoterwa rishingiye ku
gitsina mu Bushinjacyaha Bukuru

Ikiganiro cya kabiri cyatanzwe na Madamu MUHONGERWA Agnès /Umuyobozi w'ishami rishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Bushinjacyaha Bukuru aho yasobanuye ko umwana ari impano ikomeye itangwa n'Imana ikwiye kubungabungwa ndetse ikarengerwa na buri muntu.

Yavuze ko n'ubwo hashyizweho amategeko atandukanye y'imbere mu gihugu ndetse n'amasezerano mpuzamahanga arengera umwana, hakomeje kugaragara imibare myinshi y'abana bahohoterwa, ko kandi ubwoko bw'ihohoterwa rikorerwa umwana riza ku isonga ari "icyaha cyo gusambanya umwana." Yavuze ko ukwiyongera k' umubare w'abakorerwa ihohoterwa ushobora no kuba uterwa n'ubukangurambaga bugenda bukorwa hirya no hino aho abantu baba basabwa kumenyekanisha ibi byaha.

Yakomeje avuga ko mu gukurikirana abakekwa gukora iki cyaha, hagenda hagaragara imbogamizi zitandukanye zishingiye kubura kw'ibimenyetso, imiterere y'ingingo zimwe z'amategeko, imikorere cyangwa imyumvire itandukanye y'abagenzacyaha, abashinjacyaha n'abacamanza mu ikurikiranacyaha n'ihana ry'iki cyaha. Izi mbogamizi zikaba zituma rimwe na rimwe abakekwa badahamwa n'ibyaha, bityo umwana wahohotewe ndetse n'uwakoze icyaha ntibahabwe ubutabera.

Yavuze ko ari ngombwa ko dosiye zikwiye kuregerwa inkiko zuzuje ibimenyetso, byaba ibishingiye kuri DNA, ariko ko mu gihe bidashobora kuboneka hakwiye kujya hashingirwa ku bindi bimenyetso byagaragajwe, aho gushyingura dosiye cyangwa kugira uregwa umwere.

Yongeyeho ko n'ubwo mu gukurikirana amadosiye y'ibi byaha hagenda hagararamo ibibazo bitandukanye, ibyinshi ari ibishingiye ku ibura ry'ibimeyetso, kuko ibi byaha bikorerwa ahantu hahirereye ndetse n'uwagikorewe agatinda kubimenyekanisha, hakabaho gutinda kugera kwa muganga ngo hafatwe ibimeyetso hakiri kare, raporo z'abaganga zitera urujijo cyangwa ugasanga umuganga yafashe icyemezo mu mwanya w'umucamanza, uwahohotewe uhabwa inyandiko (requisition) yo kujya kwa muganga hanyuma kubera impamvu zitandukanye ntajyeyo, kutagera ahabereye icyaha kigikorwa

ngo habe hafatwa ibimenyetso, abatangabuhamya baba batabajijwe hakiri kare, ibyemezo by'amavuko bitaboneka cyangwa bikaza bivuguruzanya n'ibindi.

Yanavuze ko mu rwego rw'amategeko nta bibazo byinshi birimo, uretse gusa ko ingingo za 9 n'ya 10 y'iteka rya Minisitiri No 002/MoH ryo kuwa 08/04/2019, rigena ibigomba kubahirizwa kugira ngo muganga akuremo umuntu inda riteganywa ko umuganga ukuyemo inda agomba kubigira ibanga, kandi ko bayimukuriramo nta rupapuro rumwohereza babanje kumusaba, ko rero bitera ikibazo mu gihe inda yakurwamo kandi ariyo yari kuzaba kimwe mu bimenyetso byashingirwaho hakurikiranwa uwasambanyije uwo mwana. Avuga ko kuba nta bimenyetso bifatwa mu gihe cyo gukuramo inda, bizagorana gutsinda iyi dosiye, ko kubw'ibyo byakabaye byiza umwana wese usaba gukurirwamo inda abanje kunyura kuri IOSC, byibura bagasaba umuganga kugira samples afata kuri iyo nda ikurwamo.

Yavuze ko zimwe mu mbogamizi zihari ari uko hadakorwa iperereza ry'inyongera kandi byari ngombwa, aho umucamanza yirengagiza gushaka ibimenyetso byuzuzwa ibyashatswe n'umushinjacyaha, bigatuma uregwa ahita agirwa umwere, aho urukiko rwanga guha agaciro ibindi bimenyetso ngo kuko DNA itarakozwe n'aho urukiko rugira uregwa umwere kuko nta cyemezo cy'amavuko cy'uwasambanijwe cyashatswe.

Ku bijyanye n'ibimenyetso, inkiko zikwiye kumva ko DNA igira amasaha igomba kuba yafatiweho, ko rero mu gihe umwana wasambanijwe adahise abivuga ngo ahite ayanwa kwa muganga, cyangwa ngo habe hafashwe imyenda yari yambaye harebwe niba hari ibimenyetso byayisigayeho, raporo ya DNA idashobora kuzaboneka; akaba ariyo mpamvu hajya hashingirwa no ku bindi bimenyetso mu guca urubanza.

Yasoje asaba ko mu muryango ababyeyi bakwiye kuba inshuti z'abana babo bakagerageza kubaha umwana, kugeza ku rugero rw'aho umwana adashobora kugira icyo ahisha umubyeyi we igihe yagize ikibazo.



KALIWABO Charles
Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire

Justice KALIWABO Charles yavuze ko ikibazo gikomeye ari ibura ry'ibimenyetso bihagije bituma umucamanza yabura aho ashingira aca urubanza. Yavuze ko Inkiko zemeranywa n'abanyarwanda ko guhohotera umwana ari icyaha gikwiye kutajenjekerwa ari ko nanone umucamanza atagomba kwibagirwa ko ihame ari uguhamya umuntu icyaha ari uko hari ibimenyetso simusiga bikimuhamya. Yavuze ko hari igihe abacamanza batinya pression sociale bakaba bahana umuntu nta bimenyetso bafite byagera mu rukiko rw'ikirenga urega akaba umwere. Yasabye ko niba nta bimenyetso ubushinjacyaha bufite bajya bashyingura dosiye aho kuyizana mu nkiko baziko nta bimenyetso bihagije bafite.

Yanavuze ko n'ubwo amategeko ahana icyaha cyo gusambanya umwana yagiye akaza ibihano bitabujije ibyo byaha kwiyongera, avuga ko rero hakwiye gufatwa izindi ngamba nko gutangaza amazina y'abahamwe n'ibyo byaha kugira ngo harebwe niba byakumirwa.



URUJENI Martine
Umuyobozi w'Ishami rishinzwe
kwegereza abatwaga Serivisi/
MINIJUST

Madame URUJENI Martine yavuze ko politique y'ubutabera k'uwahohowe igomba gutangira agihohoterwa akagirwa inama, agashakirwa umwunganizi kuko icyo adafashijwe hakiri kare aba ahungabanye inshuro 2. Yakomeje avuga ko imbogamizi zihari ari abantu bakurikiranwa badafunze bagahita batoroka, kuba hakiri ubujiji bw'abahohotewe bumva ko uwabahohoteye nafungwa batari bubone ikibatunga nk'igihe uwakoze icyaha ariwe utunze uwakorewe icyaha hakaba n'imbogamizi ku ibura ry'ibimenyetso nko kutandikisha abana bigatuma ibyemezo by'amavuko yabo bibura, hamwe n'ikibazo cya DNA, aho inkiko zumva ko aricyo kimenyetso simusiga kandi hari ibindi bimenyetso byakabaye bishingirwaho.



KANANGA Andrew
Umuyobozi wa LAF

Bwana KANANGA Andrew/Umuyobozi wa LAF yavuze ko imbogamizi bagira muri LAF ari uko batamenya amakuru y'uwahohotewe hakiri kare ngo bamushakire umwunganizi, anavuga ko bamwe mu bakoze icyaha badafatwa ngo bafungwe, abandi bagatoroka asoza asaba ko abatwaga bakwiye kwigishwa ku gutanga amakuru hakiri kare kugira ngo iryo hohoterwa rikurikiranwe no kwita ku bakorewe icyaha.

Igice cya 3: Ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina: uburyo bwo guhuza umuco, indangagaciro za kinyarwanda n'icyerekezo cy'isi.

A. Ikiganiro cya gatatu gisembura ibiganiro



Padiri Prof NYOMBAYIRE Faustin

Padiri Prof NYOMBAYIRE Faustin yatangiye avuga ko ari ngombwa gukumira ibyaha kuruta guhana kuko guhana biba byarenze igaruriro. Avuga ko ari ngombwa ko umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo bihuzwa n'icyerekezo cy'isi, ko kandi hakenewe kumenya ibiwugize, ibiwuranga,

tukawureba twireba kuko igihugu cyacu atari ikirwa, ko kandi kubungabunga uwo muco bihera mu muryango kugera ku mashuri.

Yavuze ko turi mu isi yabaye umudugudu kubera ikomatanyabukungu n'ikusanyamico (globalization et mondialisation) kandi ifite umuvuduko usakazwa n'ikorabuhanga mu itumanaho, ko umuco wacu n'indangagaciro bitavuguruzanya n'icyerekezo cy'isi y'amajyambere turimo, ko kubijyanisha ahubwo biduha guhinduka tudahindanye.

Yasoje avuga ko uburezi burera bwubaka umuntu, bukamubanisha n'abandi ko kandi amategeko agomba gushinga imizi mu ndangagaciro ko ndetse iyo dukurikije indangagaciro, bitugira imfura naho amategeko akaturinda iyo tubyubahirije, asaba ko aho tutabona neza dukwiye kujya inama, cyane ko abajya inama Imana ibasanga.

B. Ibyavuzwe n'abunganiye uwatanze ikiganiro



BAMPORIKI Edouard
Umunyamabanga wa Leta muri
Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco

Mu kunganira uwatanze ikiganiro, BAMPORIKI Edouard/ Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco, yahawe ijamba avuga ko dukwiye kwemera ko twataye umuco kuko asanga guhohotera umwana ari amahano akwiye kurwanya mu buryo bukomeye. Yavuze ko ibyinshi mu bibazo dufite tubikomora ku bakoroni, ko n'amazina menshi y'ibigo bya Leta akomoka ku bukoroni nyamara twari dukwiye kugendera ku muco wacu kandi tukabanza gushungura ibyo iterambere rituzaniye.



RWABUHIHI Rose
Umgenzuzi Mukuru w'Uburunganira/
GMO

Madame RWABUHIHI Rose/GMO nawe yavuze ko abaturage bakomeje guhishira abakoze icyaha cyo gusambanya abana cyane iyo bireba abavuga rikijyana kuko abaturage batarumva neza icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, asoza asaba ko hakwiye gukomeza gushishikariza abaturage gutanga amakuru, abakoze icyo cyaha bagakurikiranwa.



MUPIGANYI Appolinaire
Umuyobozi nshingwabikorwa/
Transparency International-Rwanda

Bwana MUPIGANYI Appolinaire, Umuyobozi nshingwabikorwa muri Transparency International-Rwanda yavuze ko mu bibazo bakira no mu bushakashatsi bakoze, byagaragaye ko harimo n'ikirebana na ruswa ishingiyeye ku gitsina. Avuga ko imbogamizi zihari ari uko abenshi bakora ibyo byaha badakurikiranwa kuko abakorerwa icyo cyaha badashaka gutanga amakuru.



Dr BIKESHA Denis
Umuyobozi w'Ishuli ry'Amategeko
muri Kaminuza y'u Rwanda

Dr BIKESHA Denis/ Umuyobozi w'Ishuli ry'Amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda yavuze ko ikibazo gihari ari uko abaturage badashaka kuvuga ukuri hakaba n'ubujiji kuko benshi batazi ko icyaha cyo gusambanya abana gihanwa n'amategeko .Yakomeje avuga ko abana basambanywa abenshi baba bafitiye ikizere abakibakorera ku buryo bigoye gutanga amakuru.Yasoje avuga ko ingamba zafatwa ari ukumenyekanisha iki cyaha hifashishijwe itangazamakuru kandi n'ababyeyi bakegera abana bakabaha umwanya uhagije ntibabe abana b'abakozi bo mu rugo cyane ko akenshi ari nabo babasambanya. Anasaba ko hakorwa ubushakashatsi bwimbitse bugamije kwiga impamvu ibi byaha bikomeza kwiyongera.

Abitabiriye inama batanze ibitekerezo bitandukanye aho bashimangiye ko hakwiye kubaho ubufatanye bw'inzego mu gukumira icyaha cyo gusambanya abana, hakanabaho gushishikariza abaturage ububi bw'icyo cyaha tukazabona igihugu cyiza tuzaraga abana bacu.

Hakurikiyeho gahunda y'amatsinda, itsinda rya mbere risuzuma ikibazo kirebana n'imyumvire itandukanye ku mategeko mpanabyaha ikunze kugaragara mu gukurikirana ibyaha, mu kubishinja no mu mihanire n'ingamba zafatwa mu rwego rwo gukemura ikibazo cyo kugira imyumvire itandukanye mu Bugenzacyaha, Ubushinjacyaha n'Inkiko.

Itsinda rya 2 risuzuma ikibazo kirebana n'ingaruka zikomoka ku myumvire itandukanye y'inzego z'ubutabera mu isesengura ry'amategeko mpanabyaha n'ingamba zafatwa mu gutanga ubutabera bunoze.

Itsinda rya gatatu rikaba ryarasuzumye ibibazo byerekeranye n'amategeko n'ibibazo bishingiye ku itangwa ry'ibimenyetso bikunze kugaragara mu manza zo gusambanya abana n'uko byakemuka.

Itsinda rya kane naryo risuzuma ikibazo kirebana no kumenya ingamba zafatwa n'inzego z'Ubutabera (RIB, NPPA, JUDICIARY, RCS, MINIJUST) mu rwego rwo gukumira ihohoterwa nyuma yo kugaragaza ubwiyongere bukabije bw'ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorera abana.

ICYICIRO CYA 3. UBWUNZI MU NKIKO N'IBIBAZO BITERWA NA CYAMUNARA

Ku munsu wa gatatu, tariki ya 28/11/2019 hakomeje gahunda y'icyumweru cy'ubucamanza, hatangwa ibiganiro bibiri ku bwunzi mu nkiko no ku bibazo bijyanye na cyamunara.

Igice cya 1. Ubwunzi mu nkiko: icyo aricyo, akamaro kabwo naho bukwiye kugarukira

A. Ikiganiro cya mbere gisembura ibiganiro



UWICYEZA Bernadette
Impuguke mu bwunzi

Madamu UWICYEZA Bernadette yatangiye avuga ko ubwunzi bushingira ku nzira yo gushyikirana mu biganiro no gushaka igisubizo abafitanye ibibazo bahurizaho kuko iyo abantu bagiranye amakimbirane akenshi haba hari n'amarangamutima atuma umuntu adatekereza neza, bikaba ngombwa ko hazamo umuhuza wumvikanisha impande zombi.

Yavuze ko guhuza abantu bisaba kumva no gusobanukirwa ibibazo impande zombi zifite mu mizi yabyo, inyungu buri wese ashaka kurengera, kuganira ku bisubizo byose bishoboka, kureba icyo buri wese yakwigomwa no gusabana imbabazi iyo bishoboka.

Anavuga ko inyungu atari ibintu bifatika gusa nk'amafaranga cyangwa indi mitungo, hashobora kubamo ibindi bintu bidafatika nko guhabwa agaciro, kumva ufite umutekano, kwanga guhemuka, kuba intore, kwanga icyimwaro, kwitabwaho nk'umuntu, kubahwa n'ibindi.

Yakomeje avuga ko ubu buryo bwo guhuza inyungu z'abafitanye amakimbirane no kureba aho bahuriza bihendutse kandi bigera ku bisubizo byiza kurusha gukoresha ingufu cyangwa amategeko n'ibimenyetso. Kwita ku nyungu za buri ruhande bifasha gushyira ahabona ibibazo byari bihishwe no kubishakira ibisubizo bikwiye. Bifasha kandi kumenya ibyo abafitanye impaka baha agaciro kuruta ibindi, ibyo bashobora guhana bitabangamiye inyungu zabo ku buryo birangira bageze ku mwanzuro buri wese yumva ko yakiriye.

Yanavuze ko ubwunzi bukorwa mu nzira zitandukanye, ko mu bihugu bimwe inkiko zifite abahuza zikorana n'abo mu nkiko (Court annexed mediation), bagakora nk'abakozi

b'inkiko cyangwa abahuzwa bigenga bakorera mu nkiko igihe bahamagawe. Mu bindi bihugu cyangwa se mu nkiko zimwe mu gihugu, Inkiko zoherereza ababuranyi mu bunzi bikorera ku giti cyabo. Hari naho ubwunzi buba itegeko mbere yo kuregera inkiko. Yanavuze ko mu bihugu bimwe nka Singapore, ubwunzi bwatangiyeye bukorwa n'abacamanza, bikaba byaratumye ababuranyi bamenyaye ubwunzi maze batangira kugana abunzi bigenga.

Yanavuze ko Itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza rya 2018 riteganyaga ko ababuranyi bashobora kumvikana igihe cyose Urukiko rutarafata icyemezo ko kandi bashobora kwiyumvikanira bo ubwabo cyangwa bagasaba urukiko kubafasha kumvikana binyuze mu nzira y'ubwunzi. Itegeko riteganyaga kandi ko mu gihe cyo gutegura urubanza ababuranyi bashobora kumvikana babifashijwemo n'umwanditsi, umucamanza cyangwa undi muhuza wese wemewe.

Yasoje avugira ko Itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha ryo muri 2019 ryateganyaga kumvikana gushingiye ku kwemera icyaha, ko ariko uburyo bigomba gukorwa bitasobanuwe mu itegeko, ko bityo abashinjacyaha bakwiye kuzamura ubumenyi bwabo mu birebana no kumvikana gushingiye ku kwemera icyaha k'ukurikiranywe nk'uko abacamanza barimo kwiga ubwunzi mu manza mbonezamubano .

B. Ibyavuzwe n'abunganiye uwatanze ikiganiro



KAYIHURA Didace
Umuyobozi wa ILPD

Dr. KAYIHURA Didace/ Umuyobozi wa ILPD yavuze ko ikibazo cy'imanza nyinshi mu nkiko atariyo mpamvu yatuma ubwunzi butezwa imbere mu Rwanda ahubwo ikigomba kuza imbere ari ukubanza abanyarwanda kuko icyo inkiko zica imanza zemeza utsinze n'utsinzwe bigatuma bahinduka abanzi. Yavuze ko ubwunzi bushoboka mbere y'uko ibibazo bigezwa mu nkiko, bugashoboka byanageze mu nkiko, bukanashoboka nyuma y'uko inkiko ziciye imanza. Yavuze ko ikibazo gihari ari uko hatakibaho abantu benshi bafite indangagaciro zikwiriye ku buryo abafitanye ikibazo babagirira icyizere, bakabasha kubungira. Anavugira kandi ko

hakenewe kubaka ubushobozi bw'abunzi ku buryo babasha kugira ubumenyi buhagije mu kumvikana abantu.



KAMERE Emmanuel
Perezida w'Urukiko Rukuru
rw'Ubucuruzi

Bwana KAMERE Emmanuel/ Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nawe yahawe ijambo avuga ko ubwunzi bwahozeho kuva na kera, ko no mu bacuruzi bo mu Rwanda bagira uko bakemuramo amakimbirane mu buryo buri *informel* ku buryo biramutse bidakozwe imanza zakwinjira mu nkiko zaba ari nyinshi cyane. Yavuze ko mu nkiko z'ubucuruzi mbere y'iburanisha babanza kubunga bakabasaba niba batabanza kumvikana mbere yo kwinjira mu manza. Anavuga ko na nyuma yo guca imanza abahesha b'inkiko bajya bafasha ababuranyi maze imanza bafitanye zikarangira. Yavuze ko kunga abantu bisaba umwanya uhagije kandi bigakorwa n'abantu b'abahanga, anavuga ko ubwunzi mu nkiko budashoboka bwonyine, ko hakenewe n'izindi nzego, ko amategeko agomba gusobanura neza uburyo ubwunzi bwakorwamo n'ibyo uwunga agomba kuba yujuje.



NABAHIRE Anastase
Umuhuzabikorwa w'Urwego
rw'Ubutabera/ MINIJUST

Bwana NABAHIRE Anastase, yavuze ko ibyitwaga za *Alternative Disputes Resolutions* bidakwiye kwitwaga gutyo mu Rwanda kuko indangagaciro n'intekerezo biba mu Rwanda bigaragaza ko ubwunzi bushoboka ko kandi bwahozeho nk'urugero kuva kera, ibyo bikaba bigaragarira mu migani y'abanyarwanda nko : “kubaho ni ukubana” ; “umuryango utazimuye urazima” ; “nta muryango utagira mukuru”, “kudatitira igihango”, “kutarenga umweko”, n'ibindi... Yavuze ko ibiri mu muco wacu bikwiye kwitabwaho mu kugenga amabwiriza agenga ubwunzi butandukanye n'ubukomisiyoneri ndetse bigashyirwaho imbaraga ko kandi mu bushakashatsi bakoze, babonye ko bishoboka .



KANANGA Patrick
Umuyobozi w'Ishami rishinzwe
imiyoborere y'Umurimo/MIFOTRA

Mr. KANANGA Patrick, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imiyoborere y'Umurimo muri MIFOTRA nawe yavuze ko ubwunzi bushoboka mu nzego zose anavuga ko muri MIFOTRA babikura mu ngingo ya 102 y'itegeko ry'umurimo nabo bakaba babikomora ku Muryango Mpuzamahanga wita ku murimo. Yavuze ko bakira imanza nyinshi gusa imbogamizi bafite hakaba harimo kuba bamwe mu bakoresha baba bumva bafite ingufu

(strong position), maze bakavuga ko bazakiranurwa n'inkiko, aho kwiyinga n'abo bafitanye amakimbirane. Izindi mbogamizi zikaba ari uko abunga baba badashaka gushyira ingufu mu kumvikanisha abantu, abagenzuzi bakaba batumva kimwe uburyo ubwunzi bukorwamo ndetse n'abakoresha bamwe bakaba banga kwitaba ubwabo bagatuma abavoka, bigatuma ubwumvikane butaba.

Yavuze ko uburyo ibyo bibazo byakemuka ari uko habaho umushyikirano hagati y'abakozi n'abakoresha bakajya bumvikana kandi hakabaho n'amahugurwa ku bagenzuzi b'umurimo kugirango bumve kimwe gahunda y'ubwunzi.

Abitabiriyi inama bashimangiye ko hakozwe ubushakashatsi bugaragaza ko ubwunzi bukorwa mu byiciro bitandukanye by'abanyarwanda, abapasiteri, abasirikare, n'izindi nzego nyinshi. Bavuze ko mu Rwanda hari itegeko ry'ubwunzi kandi iryo tegeko rikaba rishingiye ku mahame mpuzamahanga kandi bigafasha u Rwanda kuzamuka muri Doing Business ranking. Bavuze ko ubwunzi bugira agaciro kubera uwabukoze, ko kandi umwunzi agomba kuba afite umwanya munini kuko ubwunzi nyabwo bugomba kumara nibura iminsi 66, ko rero umucamanza atabona umwanya wo gukora ubwunzi neza, kubera izindi nshingano ziba zimutegereje.

Igice cya 2 : Ibibazo bijyanye na cyamunara : amategeko, imicire y'imanza n'irangizwa ryazo

Mu gusesengura uko iki kibazo giteye, hatanzwe ibiganiro bibiri aribyo : cyamunara mu rwego rwo kurangiza imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe na cyamunara zikorwa hashingiwe ku cyemezo cy'Umwanditsi Mukuru.

A. Ibiganigo byasembuye ibindi biganiro

Hatanzwe ibiganiro bibiri byasembuye ibindi biganiro kuri cyamunara zikorwa mu rwego rwo kurangiza imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe na cyamunara zikorwa hashingiwe ku cyemezo cy'Umwanditsi Mukuru

1. Cyamunara mu rwego rwo kurangiza imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe



UDAHEMUKA Adolphe
Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa
Nyarugenge

Bwana UDAHEMUKA Adolphe yatanze ikiganiro ku bibazo bijyanye na cyamunara mu rwego rwo kurangiza imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe, avuga ko kugira ngo irangizwa ry'imanza, hakwiye ubufatanye bw'inyabutatu ariyo abaturanyi, ubuyobozi (ni ukuvuga inzego z'ibanze n'abahesha b'inkiko b'umwuga) hamwe n'inkiko.

Avuga ko byagaragaye kenshi ko ubwo bufatanye butagenge neza ari nayo mpamvu imanza zakomeje

kwiyongera mu nkiko, ko kandi imanza zabaye ndakuka zitashoboye kurangizwa ahubwo zikabyara izindi, yanavuze ko buri rwego rwagiye rugira intege nke, ku buryo nta rwahirahira ngo rwemeze ko rwo rwakoze inshingano zarwo uko bikwiye.

Yagaragaje ko mu nkiko hacibwa imanza nyinshi ariko izirangizwa zikaba nkeya ndetse n'izirangijwe zigatera ibibazo, izindi ntizirangizwe kuko icibwa ryazo riba ridasobanutse kuko haba umuntu utsindira umurima ariko ubuso bwawo bukaba butagaragara, ubundi hakabaho ibyemezo bivuguruzanya. Yatanze urugero, aho Urukiko rwategetse ko A asubiza B inka 3 yamwibye maze urangiza urubanza yibaza inka azasubiza uwatsinze izo arizo, biramuyobera. Mu bihe nk'ibyo urangiza urubanza ashobora guhitamo kutaruranga cyangwa kururanga nabi cyangwa se yagira amakenga agasaba umucamanza ko yasobanura ubwoko bw'inka yavugaga, niba ari utumasa cyangwa inyana, inzungu cyangwa inyarwanda kuko uwatsinzwe ashobora kubikora nkana agatanga utumasa 3 tw'incuke, avuga kandi ko mu bihe haciwe imanza zidasobanutse, havuka urundi rubanza rwo gusobanura izo nka izo arizo n' uko zingana bityo umubare w'imanza ukarushaho kwiyongera mu nkiko n'uwatsinze agatinda kubona ibyo yatsindiye hatirengegijwe n'ikiguzi bikomeza kumutwara.

Yanavuze ko ababuranyi banga kurangiza imanza ku neza cyangwa bagatuma hagarurishwa ibitagombaga kugurishwa nyuma bakazatanga ibirego bavuga ko bagurishije imitungo yabo itimukanwa kandi yari afite imitungo yimukanwa yavamo ubwishyu ibi nabyo bigakurura izindi manza.

Yanavuze n'ikibazo cy'abahesha b'inkiko barangiza imanza nabi, aho byakunze kugaragara ko mu manza zirangizwa abaguzi b'ukuri bataza ahubwo bohereza abakomisiyoneri bakaba bafite inshingano yo guhombya ba nyir'imitungo, hakaba hari kandi n'abahesha b'inkiko bamwe bagiye bagaragarwaho gukorana n'abakomisiyoneri, bagamije gupfobya imitungo y'abaturage nk'uwari ufite agaciro ka 100M ukagurishywa kuri 20M.

Anavuga ko Abahesha b'inkiko batari ab'umwuga bakunze kutitababira kurangiza imanza nyamara biri mu nshingano zabo ibi bigatuma abaturage baserera mu nkiko, babaza icyakorwa. Yasoje asaba ko buri wese urebwa n'irangiza ry' imanza akwiye gutanga umusanzu we nta guhimana kujemo kuko byagaragaye ko amakosa yose akoze abyara izindi manza, ibyo bikaba byatuma intego yo gutanga ubutabera bwihuse igerwaho, aho gusiragiza ababuranyi mu nkiko baba bakeneye umwanya wo kujya mu bikorwa by'iterambere.

2. Cyamunara zikorwa hashingiwe ku cyemezo cy'Umwanditsi Mukuru



BWASISI Mugabo Germain
Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi

Bwana BWASISI Mugabo Germain yavuze ko ubundi habaho kugurisha mu cyamunara iyo hari ugomba kwishyura utarishyuye ku neza, noneho hakabaho kugurisha umutungo we ku gahato kugira ngo ukurwemo ubwishyu bw'uwo abereyemo umwenda ufite inyandikompesha, cyangwa bitegetswe n'Umwanditsi Mukuru kugira ngo hishyurwe uberewemo umwenda wahawe ingwate yandikishijwe mu bitabo by'Umwanditsi Mukuru, cyangwa se cyamunara ikorwa n'ikigo cy'imisoro n'amahoro hagamijwe kwishyura umusoro mu gihe usora yanze kwishyura.

Yavuze ko kugeza uyu muni, itegeko rigenga ibirebana na cyamunara muri rusange ari iryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu. Irikoreshwa ubu rikaba ari Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

Yongeraho ko mu mwaka wa 2009 hatowe Itegeko N° 10/2009 of 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa. Iri tegeko rikaba ryarazanye ikintu gishya kitari gisanzwe mu mategeko y'u Rwanda cyo gushyiraho uburyo bwo kwandikisha ingwate no kugurisha mu cyamunara ingwate zandikishijwe, bigakurwa mu buryo bwa rusange bugengwa n'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu. Rikaba ryanashyizeho uburyo bunoze bwo kwandikisha ingwate. Ndetse rinashyiraho ubundi buryo bwo kubyaza ingwate ubwishyu mu gihe byaba bitabaye ngombwa kuyigurisha. Muri bwo harimo nko kuba yakodeshwa. Iryo Tegeko ryanahaye Umwanditsi Mukuru inshingano yo kwandikisha ingwate, gutanga uburenganzira bwo kuyigurisha, gushyiraho uyigurisha, rinamuha inshingano yo gushyiraho amabwiriza agenga cyamunara ikorerwa ku ngwate yanditse.

B. Ibyavuzwe n'abunganiye ibiganiri



GAKIRE Bob
Umuyobozi mukuru ushinzwe
imiterere y'Inzego z'ibanze/ MINALOC

Bwana GAKIRE Bob, Umuyobozi mukuru ushinzwe imiterere y'Inzego z'ibanze muri MINALOC yahawe ijambo avuga ko inzego z'ibanze zishinzwe kurangiza imanza neza kandi ku gihe ariko ko bahura n'imbogamizo nk'igihe basabwa gusohora umuntu mu nzu kandi ariyo afite yonyine bagatinya kuzirangiza kugira ngo batabera umutwara sosiyete nyarwanda.



Prof NGAGI Munyamfura Alphonse
Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire

Bwana Prof NGAGI yavuze ko hakenewe umurungo inkiko zafata ku kibazo kirebana na cyamunara kandi uwo murungo ukaba umwe kuko byatuma imanza zigabanuka mu gihe uteganya gutanga ikirego amenye uwo umurungo agasanga unyuranye n'uko yabyumvaga.



KAYIGI Kajuga Léon
Business Facilitation Division
Manager/ RDB

KAYIGI Kajuga Léon/ Business Facilitation Division Manager muri RDB yavuze ko hari ibibazo biterwa n'uko hari abafata umwenda baziko batazabona ubwishyu na Bank ikawumuha atujuje ibisabwa kubera ko haba hatanzwe ruswa. Yagaragaje ko muri cyamunara harimo ibibazo bishingiye ku mategeko nk'uburenganzira Banki iba ifite bwo gutanga igiciro kiri hejuru, atanga urugero mu gihe banki yahawe ingwate yakorewe igenagaciro rigaragaza ko umutungo ufite agaciro k'amafaranga 100.000.000 ariko kuko uwatanze igiciro cya nyuma aba avuga 20.000.000 akaba ariyo umutungo ugurishwa.

Yasobanuye ko ntacyo bashobora kubikoraho kubera uko amategeko ateye kugeza ubu. Ku bijyanye n'ingwate zigurishwa ku gaciro gito, yavuze ko bituruka ku mategeko asobanura ko amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ateganya inshuro cyamunara ikorwa, bikaba byaragiye bikoreshwa mu buryo budakwiye, aho rimwe na rimwe hari ababyihisha inyuma bagakora ku buryo umutungo ugurwa ku giciro kidakwiye no kuba abagenagaciro usanga baha imitungo agaciro katari ko, hakurikijwe icyo urisaba agamije.



BALINDA Anastase
Umunyamabanga Nshingwabikorwa/
Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko

Bwana BALINDA Anastase nawe yavuze ko imiterere y'amategeko ihari ituma imanza za cyamunara ziyongera, atanga urugero rw'itegeko rya *insolvency* naryo rituma cyamunara ihagarikwa nyamara uberewemo umwenda atishyuwe, ubunyangamugayo bukaba bukwiye kugaragara ku nzego zose zirebana n'impamvu ituma cyamunara ibaho asaba ko hakwiye kujyaho gahunda ya cyamunara ikozwe hifashishijwe ikoranabuhanga mu rwego rwo kwirinda uburiganya bugaragara muri cyamunara.

Abitabiriyeho inama bashimangiye ikibazo cy'ingwate zigurishwa ku gaciro gato, kubera ko amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ateganya inshuro cyamunara ikorwa, hakaba ababiyihisha inyuma bagakora ku buryo umutungo ugurwa ku giciro kidakwiye no kuba abagenagaciro usanga baha imitungo agaciro katari ko basozza basaba ko hakwiye gukurikirana no guhana by'intangarugero abagenagaciro n'abashinzwe kugurisha ingwate batakoze neza inshingano zabo, byaba bitewe n'uburiganya, cyangwa bitewe n'uburangare.

Hakurikiyeho gahunda y'amatsinda :

- ✓ Itsinda rya mbere risuzuma ikibazo kijyanye no kumenya imbogamizi zibangamira uburyo bwo kugana ubwunzi mbere y'imanza mu nkiko n'ingamba zafatwa mu rwego rwo gutuma abanyarwanda bitabira ubwunzi, mbere y'urubanza, mu gihe cy'urubanza na nyuma y'urubanza mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ubufatanye bw'inzego mu gukumira no gukemura amakimbirane abyara imanza, nk'inkingi y'ubutabera bunoza n'iterambere ryihuse.
- ✓ Itsinda rya kabiri ryasuzumye ikibazo cyo kumenya uburyo ubwumvikane hagati y'umushinjacyaha n'uregwa (plea bargaining) bwakorwa mu manza z'inshinjabyaha no kumenya icyakorwa ngo bushyirwe mu bikorwa.
- ✓ Itsinda rya gatatu ryasuzumye impamvu zituma abaterezwa cyamunara bagana inkiko ngo ihagarikwe cyangwa iseswe, kumenya icyakorwa ngo izo mpamvu zigabanuke cyangwa zicike burundu, no kumenya uruhare rwa buri rwego kugirango bigerweho.
- ✓ Itsinda rya kane ryasuzumye icyakwitabwaho mu kwemeza abunzi bigenga kuko byagaragajwe ko inkiko zifite umwanya muto wo kuba baha ubwunzi igihe gihagije kugira ngo butange umusaruro, no kumenya icyakorwa ngo abantu bagane abunzi bigenga.

UMUTWE WA 2: IBYAKOZWE KU MUNSI W'IMURIKABIKORWA KUWA 29/11/2019

Nk'uko byari biteganyijwe kuri gahunda y'icyumweru cy'ubucamanza, ku muni wa 29/11/2019 wari umuni w'imurikabikorwa (open day). Kuri uwo muni ku cyicaro cya buri Rukiko n'icya buri urwego rw'Ubushinjacyaha hateguwe igikorwa cyo kwakira abaturage kugirango bamurikirwe muri rusange imikorere y'ubucamanza n'ubushinjacyaha hagamijwe kubashishikariza kugira uruhare mu butabera bubagenerwa.

ICYICIRO CYA 1 IMIGENDEKERE Y'UMUNSI W'IMURIKABIKORWA

Kuri uwo muni w'imurikabikorwa mu nkiko zose abitabiriye basaga 1200 bakaba basobanuriwe n'abayobozi b'inkiko n'ubushinjacyaha ndetse n'abandi bafatanyabikorwa ibijyanye n'insanganyamatsiko y'icyumweru cy'ubucamanza hagamijwe ku bashishikariza kugira uruhare rugaragara mu kugera ku ntego igamijwe ijyanye no gukumira no gucyemura amakimbarane abyara imanza. Basobanuriwe kandi ibyerekeranye n'imikorere muri rusange y'izo nzego zombi, hibandwa cyane cyane ku mikorere y'ubwanditsi n'ibijyanye n'imiburanishirize y'imanza, ndetse n'ibijyanye n'uko ikurikiranacyaha rikorwa. By'umwihariko abitabiriye icyo gikorwa basobanuriwe ibijyanye n'ikoranabuhanga rikoreshe mu nzego z'ubutabera rya IECMS, irya SOBANUZINKIKO n'iry'uburyo bwo gusaba icyangombwa cyemeza ko umuntu yahamwe cyangwa atahamwe n'icyaha (extrait du casier judiciaire).

By'umwihariko mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi ari naho icyumweru cy'ubucamanza cyasorejwe, hakoze urugendo rwahuje abakozi b'inkiko n'ab'ubushinjacyaha bahakorera, Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi n'abakozi b'Akarere, ndetse n'abayobozi b'inzego z'umutekano muri ako karere, abatwara moto n'abatwara amagare mu karere ka Gicumbi ndetse n'abandi baturage ba Gicumbi.

Mbere yo gutangira urwo Rugendo Mayor w'Akarere ka Gicumbi ndetse na Perezida w'Urukiko Rwisumbuye basobanuriye muri make abari barwitabiriye igikorwa bagiyemo maze bageze ku Rukiko hatangwa ibiganiro bitandukanye basobanurirwa imikorere yinkiko n'ubushinjacyaha hanibandwa ku bijyanye n'ikoranabuhanga rikoreshe mu gutanga services zitandukanye.

Abitabiriye imurikabikorwa kandi bahawe umwanya wo kubaza ibibazo ku byo badasobanukiwe bahabwa ibisubizo n'ababashinzwe kuri buri rwego.

Amafoto akurikira arekana uko uwo muhango wageze muri rusange.

URUGENDO RWAKOZWE N'ABITABIRIYE IMURIKABIKORWA



Abitabiriye imurikabikorwa bahabwa ibiganiro bitandukanye



ICYICIRO CYA 2 UMUSARURO WAVUYE MU IMURIKABIKORWA

Abitabiriye umunsi w'imurikabikorwa, binyuze mu biganiro byatanzwe bibasobanurira imikorere y'inkiko n'ubushinjacyaha ndetse no mu bisubizo by'ibibazo byabajijwe barushijeho gusobanukirwa uburyo bashobora kwiambaza izo nzego kugirango zibakemurire ibibazo bashobora kugira biri mu bubasha bw'izo nzego.

Barushijeho kandi kumva uruhare bashobora kugira mu gushyira mu bikorwa ubutumwa bukubiye mu nsanganyamatsiko y'icyumweru cy'ubucamanza bwerekeranye no gufatanya kw'inzego mu gukumira no gukemura amakimbarane abyara imanza, ibi bikazatuma batongera gutakaza imitungo n'igihe byabo bajyana mu nkiko ibibazo bo ubwabo bashoboraga kwikemurira mu mahoro n'umutekano ahubwo bakitabira ibikorwa bibateza imbere.

**UMUTWE WA 3 : IMYANZURO YAFASHWE MU CYUMWERU CY'UBUCAMANZA
N'UBURYO IZASHYIRWA MU BIKORWA**

► Imyanzuro rusange				
N°	UMWANZURO	IGIKORWA	UBUSHINZWE	IGIHE
1.	Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu cyumweru cy'Ubucamanza ku nshuro ya mbere cyabaye mu 2018;	<ul style="list-style-type: none"> - Kwibutsa inzego bireba imyanzuro yafatiwe mu cyumweru cy'ubucamanza cya mbere 2018 - Gukurikirana ko imyanzuro yashyizwe mu igenamigambi y'inzego bireba 	Ubunyamabanya Bukuru bw'Urwego rw'ubucamanza	Ukuboza 2019
2.	Gushyiraho itsinda rishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iva mu cyumweru cy'ubucamanza	<ul style="list-style-type: none"> - Kugena abagize itsinda n'uburyo bwabo bw'imikorere 	Itsinda rishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro SUPREME COURT MINIJUST NPPA	Mutarama-Kamena 2020 Ukuboza 2019
► Imyanzuro ku mikoranire y'inzego mu manza nshinjabyaha n' Ubufatanye bw'inzego mu kurwanya ubwiyongere bw'ibyaha n'ubucucike bw'abagororwa muri gereza				
N°	UMWANZURO	IGIKORWA	UGISHINZWE	IGIHE
3.	Gushyiraho politiki y'ikurikiranacyaha (criminal justice policy)	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura politiki y'ikurikiranacyaha 	MINIJUST	Ukwakira 2020

	<p>n'inyandiko ngenderwaho mu mihanire ishingiywe ku bushakashatsi bwimbitse (sentencing guidelines)</p>	<p>- Gutegura imirongo ngenderwa mu mihanire (sentencing guidelines)</p>	<p>SUPREME COURT</p>	<p>Igihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingano y'imari 2020/2021</p>
<p>4.</p>	<p>Gushishikariza abashinjacyaha n'abacamanza gukurikirana adafunze ari ihame keretse igihe byabangamira ituze n'ubuhoro bya rubanda no kubakangurira gukoresha izindi nzira zo guhana ziteganywa n'amategeko nk'ihazabu, igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, kumvikanisha ababuranyi, ibihano byifashisha uburyo bw'ikoranabuhanga (electronic bracelets), ...</p>	<p>- Gutegura no gutanga amahugurwa ahoraho ku bacamanza n' abashinjacya yerekeye ikurikirana cyaha n' imihanire</p> <p>- Gukora Inama zihariye ku ruhande rw'ubucamanza no kuruhande rw'ubushinjacyaha zigamije kubibutsa amahame agenga ikurikirana cyaha cyane cyane iryo gufunga by' agateganyo</p>	<p>ILPD</p> <p>SUPREME COURT NPPA</p>	<p>Igikorwa gikomeza</p> <p>Igihembwe 3 2019/2020</p>
<p>5.</p>	<p>Gushyiraho itsinda rihoraho rihuriweho n'Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha n'inkiko ku nzego zitandukanye kugira ngo hanozwe imikorere n'imikoranire,</p>	<p>- Gushyiraho itsinda rihoraho rihuriweho n'Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha n'inkiko rishinzwe gukurikirana imikorere n'imikoranire y'izo nzego</p>	<p>CSUPREME COURT NPPA RIB</p>	<p>Ukuboza 2019</p>

	<p>hagamijwe kuzamura ubunyamwuga n'ireme mu byo bakora</p>	<p>- Guha inshingano iryo tsinda no kurisaba gutanga raporo y'ibyagezweho buri gihembwe</p>	<p>SUPREME COURT NPPA</p>	<p>Ukuboza 2019</p>
<p>6. Kongerera abavoka, abacamanza, abashinjacyaha n'abagenzacyaha amahugurwa ahuriweho kuzamura agamije imyumvire imwe ku mategeko asanzwe n'amashya,</p>	<p>- Gutegura no gutanga amahugurwa y'igihe gito</p>	<p>ILPD</p>	<p>Igikorwa gikomeza</p>	
	<p>- kugaragaza ibyagezweho buri gihembwe</p>	<p>Supreme court NPPA RBA RIB</p>		
	<p>- Kugena no korohereza abitabira amahugurwa</p>	<p>Supreme court NPPA RBA RIB</p>		
<p>7. Gushyiraho amategeko aha abacamanza ubwinyagamburiro mu gutanga ibihano, kuvugurura amategeko asanzwe ariho ababuzabwinyagamburiro no kureba uko inzego z'ubutabera zose zagira uruhare rugaragara mu itegurwa ry'amategeko</p>	<p>- Gusuzuma amategeko ariho adaha abacamanza ubwinyagamburiro mu gufata ibyemezo</p>	<p>RLRC MINIJUST PARLEMENT</p>	<p>Igihembwe Cya Mbere 2020-2021</p>	
	<p>- Gutegura amategeko aha abacamanza ubwinyagamburiro</p>	<p>RLRC MINIJUST PARLEMENT</p>	<p>Ukuboza 2019</p>	
	<p>- Gushyiraho itsinda rishinzwe gutanga inama ku mishinga y'amategeko mashya by'umwihariko areba inzego z'ubutabera</p>	<p>RIB NPPA SUPREME COURT</p>	<p>Ukuboza 2019</p>	

8. Kwihutisha iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukora ighano cy'imirimo y'inyungu rusange kugirango gitangire gushyirwa mu bikorwa;		MINIJUST	ryemejwe n'inama y'abaminisitiri yo kuwa 28/11/2019
► Ingaruka zo kudahuza imyumvire mu isesengura ry'amategeko mpanabyaha			
9. Gutegura mu buryo bunoze no korohereza abavoka, abacamanza, abagenzacyaha n'abashinjacyaha kubona, igihe babikeneye, inyandiko z'ibiganiro byigiweho amategeko mu Nteko Ishinga amategeko (travaux préparatoires), isobanurampamvu (exposé des motifs), Politiki (politiques) n'inyigo ku ngaruka z'itegeko d'impact) byashingiweho mu gushyiraho itegeko runaka ku buryo zishobora kwifashishwa mu gusesengura amategeko	Gutegura ku buryo bunoze isobanurampamvu (exposé des motifs), Politiki (politiques) n'inyigo ku ngaruka z'itegeko ritegurwa (études d'impact)	Minisitiri bireba MINIJUST RLRC	
	Gutegura mu buryo bunoze inyandiko z'ibiganiro byigiwemo imishinga y'amategeko (Travaux préparatoires)	Inteko Ishinga Amategeko	
	Gushyiraho uburyo bworoshye ababyifuza bashobora kubona izi nyandiko (exposé des motifs, Travaux préparatoires, études d'impact, politique)	- Inteko Ishinga Amategeko	

	no gutanga umurongo w'Inkiko (Jurisprudence);			
10.	Kwita ku biteganywa n'amasezano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono mu gihe hategurwa amategeko hagamiywe kwirinda kunyuranya no gusesengura amategeko igice	Guhuza amategeko n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono	<ul style="list-style-type: none"> - Inteko Ishinga Amategeko - RLRC - MINIJUST 	
11.	Kuvugurura ingingo z'amategeko atera urujijo mu ishyirwa mu bikorwa ryayo	Kugaragaza ingingo z'amategeko zitera urujijo, no kuzimenyeshya inzego bireba	<ul style="list-style-type: none"> - Supreme Court - NPPA - RBA - Urugaga rw'abahashe b'inkiko - RIB 	Kamena 2020
	Kuvugurura ayo mategeko	Inteko Ishinga Amategeko MINIJUST RLRC		

► Ibibazo bigaragara mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana; ► Ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina: uburyo bwo guhuza umuco, indangagaciro za Kinyarwanda n'icyerekezo cy'isi		IGIKORWA	UGISHINZWE	IGIHE
N°	UMWANZURO	IGIKORWA	UGISHINZWE	IGIHE
12.	gushaka ibimenyetso bya gihanga (preuves scientifiques) byunganira ibyashakishijwe aho icyaha cyakorewe kandi aho bishoboka uwasambanijwe akumvwa n'inzego z'iperereza ndetse n'umucamanza kabone n'iyoyaba ari umwana	Gushaka ibimenyetso bya gihanga mu manza zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina Kumva uwasambanijwe mu iperereza no mu iburanisha aho bishoboka Kugaragaza Raporo y'ibyagenzweho	RIB NPPA INKIKO NPPA RIB INKIKO NPPA RIB	Igikorwa Gikomeza d Igikorwa Gikomeza Igikorwa Gikomeza
13.	Kuvugurura iteka rya Minisitiri w'Intebe ryerekeye itangazwa ry'abahamwe n'icyaha cyo guhohotera abana, hakagaragazwa urwego rushinzwe gukora urutonde rw'abahohoteyi abana no gushyiraho ubundi buryo bwo gutangaza, abahamwe n'ibyo byaha, ahantu rusange	Kugaragaza urwego rushinzwe gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe n'ibyaha byo gusambanya abana	Primature	Igihembwe cya kabiri 2020

14.	Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku mpamvu zituma ibyaha byo gusambanya abana bikomeza kwiyoungera hagafatwa ingamba zo kubikumira no kubirwanya	Kugena itsinda rizakora ubushakashatsi no gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi	NPPA	Igihembwe cya kabiri 2020
15	Gukangurira abanyarwanda uburyo bwo kubungabunga ibimenyetso no kwirinda ko bizimangatanywa	Gukora ubukangurambaga mu gihugu hose ku buryo bwo kubungabunga ibimenyetso mu gihe habaye ihoterwa rishingiye ku gitsina	MINIJUST MINALOC RIB	Iligikorwa Gikomeza
16.	Gukora ubukangurambaga ku bana n'abanyarwanda muri rusange hagamijwe kubakangurira kwirinda guhoterwa no guhoterwa abana, no kubashishikariza gutanga amakuru ku byaha byakozwe ku nzego zinyuranye no guhugura inshuti z'abana ku buryo bagira uruhare mu ikumira n'ikurikirana ry'abakoze ibyaha.	Gukora ubukangurambaga ku buryo bwo kwirinda ihoterwa rikorerwa abana no gutanga amakuru, mu miryango, imidugudu, ibigo by'amashuri, mu madini n'ahandi Guhugura inshuti z'abana ku bibazo by'ihoterwa rishingiye ku gitsina, n'uburyo bwo kumva abana no kubagira inshuti	MINIJUST MINALOC RGB AMADINI N'AMATORERO MINALOC MINIJUST	Iligikorwa gikomeza Iligikorwa gikomeza
		Kugena umukozi wa MAJ ushinzwe guhuza ibikorwa by'inshuti z'abana no gukorana nazo ku buryo buhoraho	MINIJUST	igihembwe cya gatatu 2019/2020

► Ubwunzi mu nkiko: icyo aricyo, akamaro kabwo n'aho bukwiye kugarukira (Court annexed, mediation, relevance and scope);				
N°	UMWANZURO	IGIKOWA	UGISHINZWE	IGIHE
17.	Gutegura amabwiriza agenga ishyirwa mu bikorwa ry'ubwumvikane hagati y'Ubushinjacyaha w'ukurikiranywe (plea bargaining) hitawe ku mucu nyarwanda	- Gushyiraho amabwiriza	NPPA	Igihembwe cya mbere cya 2020
18.	Kwihutisha Politiki yerekeye ubwunzi muri rusange (Mediation)	- Kwihutisha ishyirwaho ry'ubwunzi - Gushyiraho amabwiriza yerekeye ubwunzi bukorerwa mu nkiko	MINIJUST SUPREME COURT	Igihembwe cya mbere cya 2020 Igihembwe cya mbere cya 2020
19.	Gutanga amahugurwa ku banyamwuga bireba arebana n'ubwunzi by'umwihariko harimo abavoka, abanditsi b'inkiko, abagenzacyaha, abashinjacyaha n'abacamanza n'abandi bagira uruhare mu gufasha abaturage gukemura amakimbirane	- Gutegura no gutanga amahugurwa y'igihe gito - Kugena no korohereza abitabira amahugurwa	ILPD Supreme court MIFOTRA NPPA RIB RBA n'abandi gukemura amakimbirane	Igikorwa gihoraho Igikorwa gihoraho

20.	<p>Gushishikariza Abavoka kwitabira inzira y'ubwunzi mbere y'urubanza mu gihe cy'urubanza na nyuma y'urubanza no kuyikangurira abo bunganira no gushyiraho ingamba zo kubishyira mu bikorwa</p>	<p>Ubukangurambaga bugenewe Abavoka ku nyungu z'ubwunzi</p> <p>- gutanga raporo y'ibyakoze buri gihembwe</p>	<p>MINIJUST RBA</p>	<p>Igikorwa gihoraho</p>
21.	<p>Gushyiraho urwego rwa Leta rw'ubwunzi rushinzwe gukemura ikibazo cyangwa amakimbirane areba inzego za Leta mbere yo kujya mu nkiko no kugena ibyiciro by'amakimbirane binyuranye ubwunzi bwakorwamo</p>	<p>Gushyiraho itsinda rishinzwe ubwunzi mu bibazo cyangwa amakimbirane areba inzego za leta n'abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo byigenga</p>	<p>Primature</p>	<p>Igihembwe cya mbere cya 2020</p>
22.	<p>Gukora no gutangaza urutonde rw'abunzi bemewe n'Urwego rw'Ubucamanza hashingiwe ku bumenyi, ubunararibonye mu bibazo bitandukanye n'ubunyamugayo kugira ngo rujye rugenderwaho mu kugena</p>	<p>Gukora no gutangaza urutonde rw'abunzi bemewe n'urwego rw'ubucamanza</p> <p>Kugena ibyo abunzi basaba kwemererwa bagomba kuba bujuje</p>	<p>Supreme Court</p>	<p>Igihembwe cya mbere cya 2020</p>
			<p>Supreme Court</p>	<p>Igihembwe cya mbere cya 2020</p>

	abazagira uruhare mu gukemura amakimbirane atandukanye				
23	Gushishikariza abafitanye amakimbirane kwibera ubwabo mu biganiro by'ubwunzi (mediation) mu gihe bishoboka aho guhagararirwa n'abavoka	Ubukangurambaga ku nyungu z'ubwunzi	MINIJUST MIFOTRA RBA/LAF PSF	Igikorwa (gutanga y'ibyakoze gihembwe	gihoraho raporo buri
▶ Ibibazo bijyanye na cyamunara: amategeko, imicire y'imanza n'irangiza ryazo					
N°	UMWANZURO	IGIKORWA	UGISHINZWE	IGIHE	
24.	Kugena ikigero ntarengwa cy'inyungu zibarwa n'ibigo by'imari iciriritse ndetse n'amakoperative (microfinances & SACCOs) nk'uko byakozwe ku ma banki (itegeko rigenga imitunganyirize y'imirimo y'amabanki ingingo 112);	Kuvugurura itegeko rigenga ibigo by'imari iciriritse n'amakoperative	MINIJUST BNR RLRC	Igihembwe cya kabiri 2020	
25.	Gukurikirana no guhana by'intangarugero	Gukurikirana no guhana abagenagaciro, abashinzwe	- Uragaga rw'abagenagaciro	Igikorwa (gutanga	gihoraho raporo

	<p>abagenagaciro n'abashinzwe kugurisha ingwate batakoze neza inshingano zabo, byaba bitewe n'uburiganya, cyangwa bitewe n'uburangare.</p>	<p>kugurisha ingwate n' abahesha b'inkiko badakora neza inshingano zabo</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Urugaga rw'abahesha b'inkiko - Urugaga rw'abavoka - RDB 	<p>y'ibyakoze gihembwe</p> <p>buri</p>
<p>26.</p>	<p>Kwihutisha gukoresha ikoranabuhanga mu guteza cyamunara yaba ishingiyeye ku irangizwa ry'urubanza n'izindi nyandiko mpesha cyanga ishingiyeye ku igurishwa kw'ingwate hagamijwe gukumira no kurwanya uburiganya bukorwa muri cyamunara</p>	<p>Kwihutisha ishyirwaho ry'amateka ya Minisitiri ubutabera mu nshingano yerekeye uburyo bwo gukora cyamunara hifashishijwe ikorana buhanga</p>	<ul style="list-style-type: none"> - MINIJUST - RLRC 	<p>Igihembwe cya kabiri 2020</p>
		<p>Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bwo kurangiza imanza hifashishijwe ikorana buhanga</p>	<ul style="list-style-type: none"> - MINIJUST 	<p>Igihembwe cya kabiri 2020</p>



IMIGEREKA

1. ICYEREKEZO CY'UBUCAMANZA U RWANDA RWIFUZA

Uwatanze ikiganiro : KAYITESI ZAINABO Sylvie (Visi Perezida w'Urukiko rw'ikirenga)

I. IBICE BY'INGENZI BY'IKIGANIRO

- A. *Umusingi w'Icyerekezo cy'Ubucamanza*
- B. *Ingamba z'Igihugu, Icyerekezo cy'Ubucamanza gishingiyeho*
- C. *Icyerekezo cy'Ubucamanza u Rwanda rwifuza*
- D. *Gusigasiga icyerekezo cy'Ubucamanza twahisemo.*

A. Umusingi w'Icyerekezo cy'Ubucamanza

Umusingi w'icyerekezo cy'ubucamanza bw'u Rwanda wubatswe guhera 2004, ivugurura ry'Urwego rw'Ubucamanza ritangiye nyuma y'uko Itegeko Nshinga ry'u Rwanda rya 2003 ryavugururwe muri 2015 rishyizweho, ubwo ryagenaga ishusho y'Urwego rw'Ubucamanza, hakurikijwe imiyoborere mishya y'Igihugu. Amahame y'ingenzi uru rwego ruzagenderaho ashirwa muri iryo Tegeko Nshinga mu ngingo ya 151, arimo:

- ubwigenge bw'ubucamanza, n'ubwigenge bw'umucamanza mu kazi ke utagomba kuvugirwamo n'ubutegetsi cyangwa umuyobozi uwo ari we wese;
- uburinganire imbere y'amategeko, ko imanza zicibwa mu izina ry'abaturage;
- mu myandikire y'urubanza ko rugomba kwandikwa mu ngingo zarwo zose kandi rugaragaza impamvu rwashingiyeho;
- ubunyangamugayo n'imyifatire myiza bigomba kuranga umucamanza, bigashyirwa mu Itegeko ryihariye: "Code d'Ethique".

Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahame n'imikorere myiza y'Urwego rw'Ubucamanza (**The performance of the Judiciary**) bigomba kugaragarira:

- mu gihe gikoreshwa mu guca urubanza
- Ireme ry'imanza (**quality of judgments assessed by criteria of consistency in rendering judgement**).

Amategeko yagiyeho nyuma yerekeye ububasha, imikorere n'imitunganyirize by'inkiko, agenga abacamanza n'abakozi b'inkiko, yahereye kuri ayo mahame y'ingenzi, ari nayo yagiye ayobora ingamba z'Igihugu mu butabera no mu bucamanza by'umwihariko.

B. Ingamba z'Igihugu Icyerekezo cy'Ubucamanza gishingiyeho

Icyerekezo cy'ubucamanza u Rwanda rwifuzza gishingiye kuri gahunda zitandukanye Igihugu cyashyizeho zirimo :

- Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (National Strategy of Transformation (NST1), yatangiyeho gushyira mu bikorwa, Icyerekezo cy'Igihugu 2050 (Vison 2050) kiganisha ku iterambere rirambye n'impinduka zigamije imibereho myiza y'abanyarwanda bose;
- Gahunda y'ibikorwa y'igihe kirambye 2018-2024 (Judicial Strategic plan 2018-2024);
- Gahunda y'ibikorwa y'Urwego rw'Ubutabera muri rusange ya 2018-2024 (Justice, Reconciliation, Law and Order Sector Strategic plan 2018-2024).

Izi nyandiko ngenderwaho zose zigaragaza imirongo migari y'Icyerekezo cy'Ubucamanza bw'u Rwanda. Muri Gahunda y'Igihugu igamije impinduka (National Strategy for Transformation (NST1), mu gice cyerekeye guteza imbere ubutabera n'amategeko (Strengthen Justice, Law and Order), Urwego rw'ubucamanza rusabwa ibintu 3 by'ingenzi:

- 1) Gukora amavugurura agamije kugabanya ibirarane mu nkiko bikazajya muni ya 10% muri 2024 (Reform the Judiciary to tackle backlog cases with the aim of reducing the rate of back log to below 10% by 2024);
- 2) Kwegereza abaturage ubutabera bunoze kandi budahenze hagakoreshwa ikoranabuhanga mu nkiko no mu zindi nzego z'ubutabera kandi rikajyana n'iterambere ry'Igihugu muri rusange (Improve Access to quality justice by modernizing the judicial system, IECMS will fully operationalized and used in all relevant institutions involved in case management);

Ubucamanza bugomba gukoranwa ubunyamwuga (enhancing professionalism in judicial system). Niyo mpamvu hifuzwa ko mu micire y'imanza hashyirwaho amashami yihariye, abacamanza bafite ubumenyi bwihariye runaka (establishing specialized units in areas of criminal, commercial and civil justice system) akaba ari bo bajya baca imanza zijyanye n'ubwo bumenyi.

Muri uwo murongo, Urwego rw'Ubucamanza rufatanyije n'Ishuri ryo kwigisha no guteza imbere amategeko (ILPD), hashyizweho uburyo bwo gutanga ubumenyi bwihariye ku bacamanza, abashinjacyaha n'abandi banyamategeko, ubu icyiciro cya mbere kigizwe n'ubumenyi bwihariye muri *family law, corporate law, banking practices, financial crimes, contract law, international crimes*, kikaba cyarahawe impamyabumenyi mu kwezi kwa munani uyu mwaka. Iyo gahunda ikaba igomba gukomeza no mu bindi byiciro.

- 3) Kwimakaza Ubucamanza buri muntu wese yibonamo kandi agiramo uruhare, bushingiye ku kwikemurira ibibazo bitarinze kugera mu nkiko (Enhance alternative Dispute resolution mechanisms to promote the culture of problem solving in families and reinforce amicable settlement of disputes). Mu mavugurura atandukanye yagiye akorwa mu Rwego rw'Ubucamanza, hashyizwe imbere Ubwunzi n'Ubwumvikane (Conciliation& Mediation), kugira ngo haboneke ubutabera bubereye buri wese, yiyumvamo, kandi butanga ituze –ubuhoro- mu banyarwanda.

Nkuko bigaragara mu Ngamba z'igihe kirambye 2018-2024 z'Urwego rw'Ubucamanza (Judicial Strategic plan 2018-2024), Urwego rw'ubucamanza rufatwa nk' inkingi ikomeye ituma u Rwanda ruba Igihugu kigendera ku mategeko, n'inkingi ya ngombwa ku mpinduka mu miyoborere y'Igihugu (The Judicial is a Key Player to guarantee that Rwanda upholds the Rule of law as a prerequisite for transformational governance). Uru rwego rukaba rugomba kubaka icyizere mu Bucamanza bw'Igihugu n'icy'arwo ubwacyo (The Judiciary will have to strengthen the confidence and trust in the judicial system). Rugomba kandi kwirinda, gukumira no kurwanya ruswa mu nkiko, abacamanza bakora kinyamwuga bagaca imanza zitabera zishingiye ku mategeko, kandi bakagira ubunyangamugayo (To make courts free of corruption: prevent Corruption by enhancing professionalism and ethical standards of judges and others judicial staff).

C. Icyerekezo cy'Ubucamanza u Rwanda rwifuza

U Rwanda rwiyejeje kuba Igihugu kigendera ku mategeko, icyerekezo cy'Ubucamanza u Rwanda rwifuza ni icyerekezo kiganisha ku bucamanza bufite inzego zigenga kandi zigendera ku mategeko.

Icyerekezo (Vision) cy'Urwego rw'Ubucamanza ni : Ubucamanza bwigenga kandi bwizewe, butanga ubutabera ku gihe kandi bunoze. (An independent and trusted judiciary delivering timely and Quality Justice).

Intego (Objectives) z'Urwego rw'Ubucamanza zikubiye mu ngingo 5 arizo:

- To enhance the effective and Independent judiciary
- To reduce case backlog
- To reinforce Judicial independence
- To deliver timely and quality judgment
- To improve court service delivery by strengthening the use of ICT especially IECMS

Mu cyerekezo cy'ubucamanza Igihugu cyifuza, ubunyamwuga no guca imanza ziboneye (coherent and consistent rulings) kandi ku gihe, bigomba kuba ku isonga mu mikorere y'inkiko. Bikajyana no gutanga ubutabera burengera kandi buharanira uburenganzira bwa buri wese. Mu guca imanza ziboneye kandi zifite ireme hagomba gushyirwa ingufu ku mikoranire n'izindi nzego z'ubutabera; uburyo bwo kubona ibimenyetso hakoreshejwe ikoranabuhanga cyane cyane mu manza nshinyabyaha no mu manza mbonezamubano bugakomeza gutezwa imbere.

Mu mikoranire n'izindi nzego hakitabwa no gushyira ingufu mu kugorora kurusha guhana, aho gufunga bizaba irengayobora (exception) aho kuba ihame.

Ubucamanza kandi Igihugu cyifuza ni ubucamanza buzira ruswa n'ibisa nayo. Ingamba zashyizweho zo kuyikumira no kuyirwanya zizakomeza gushyirwamo ingufu. Gukangurira abacamanza kurangwa n'ubunyangamugayo mu micire y'imanza no mu myitwarire yabo.

D. Gusigasiga icyerekezo cy'Ubucamanza twahisemo

Icyerekezo cy'ubucamanza twifuza tukirimo n'ubwo hakiri byinshi byo kunoza no kongeramo imbaraga. Ni ngombwa kwongera imbaraga aho zigikenewe :

- Gutanga ubutabera bwihuse (timely justice), kwirinda ibirarane mu nkiko zose, ku buryo igihe cy'amezi 6 itegeko ryagennye kuba urubanza rwatangiye kuburanishwa cyubahirizwa, no gukomeza gufatira ingamba zihamye isubika ry'imanza.
- Gukoresha ikoranabuhanga (IECMS) ku rwego rw'100% mu nkiko zose.
- Gukorana ubunyamwuga (professionalism) mu micire y'imanza, bikongerera irema ryazo (quality justice), imanza zirimo akarengane zigashira.
- Ubunyangamugayo bukaranga buri mucamanza n'umukozi w'urukiko wese, ku buryo icyizere cy'abaturage mu bucamanza kigera nibura kuri 95%, n'ubucamanza ntiburangwemo ruswa (free corruption Judiciary).
- Guteza imbere ubucamanza bukemura ibibazo by'ababuranyi, bwunga kandi abaturage ntibahore mu nkiko (Mediation), ahubwo bukimakaza ituze n'iterambere ry'abaturage.

II. UMWANZURO

Ubutabera butanzwe muri ubwo buryo nibyo byongerera icyizere abagana inkiko, bugashimangira ik'icyizere mu bacamanza no mu bucamanza bw'Igihugu.

Nibwo bushingimangira intego Igihugu cyiyemeje mu mirongo migari cyashyizeho cyo kuba Igihugu kigendera ku mategeko, gitanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

2. IBY'INGENZI BYAGEZWEHO N'URWEGO RW'UBUCAMANZA MU MYAKA 8 ISHIZE (2011-2019)

Uwatanze ikiganiro : Rutazana Angeline (Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko)

I. IRIBURIRO

Iki kiganiro kiribanda ku kugaragaza ibyingenzi byagezweho n'Urwego rw'Ubucamanza mu gihe cy'imyaka umunani ishize (2011-2019), igihe cya manda y'Abayobozi bakuru b'Urwego rw'Ubucamanza yegereje umusozo, hibandwa ku ngingo z'ingenzi zikurikira: kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko, gutanga ubutabera bunozze kandi mu gihe gikwiye, kwagura amarembo no kwita ku mibereho myiza y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko.

II. KU BYEREKEYE KUNOZA SERIVISI ZIHABWA ABAGANA INKIKO

Imwemu ntego Urwego rw'Ubucamanza rwihaye mu rwego rwo kubaka icyizere abagana inkiko bazigirira, ni ukubaha serivisi zihuse kandi zinoze. Ni muri urwo rwego mu myaka 8 ishize, Urwego rw'Ubucamanza rwashyizeho ingamba zinyuranye, zigamije kurufasha kugera kuri iyo ntego, muri iki kiganiro tukaza kwibanda kuri izi zikurikira: gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo y'inkiko, hagamijwe kunoza serivisi inkiko ziha abazigana, kwegera abaturage no kubamenyesha imikorere y'inkiko.

- **Gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo y'inkiko**

Nta gushidikanya ko gukoresha ikoranabuhanga ari bumwe mu buryo bufasha urikoresha wese kunoza serivise atanga cyane cyane azegereza abo aziha. Ni muri urwo rwego guhera mu mwaka wa 2011, Urwego rw'Ubucamanza narwo rwihaye icyerekezo cyo gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo y'inkiko. Mu mwaka wa 2011 hatangiye gukoreshwa ikoranabuhanga rya *Electronic Filing System (EFS)* mu nkiko zimwe na zimwe, naryo ryagarukiraga gusa ku gufasha abaturage mu gutanga ibirego bitabaye ngombwa ko baza ku rukiko. Nyuma y'uko bigaragaye ko ryitabiriwe n'abagana inkiko ku rwego rushimishije (61.22% barikoresheje mu mwaka wa 2014/2015) hatekerejwe ku ikoranabuhanga riteye imbere kurushaho, ryakwifashishwa mu buryo bwagutse.

Ni muri urwo rwego mu ntangiriro z'umwaka wa 2016, Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza bwatangije ikoranabuhanga rya *Integrated Electronic Case Management System (IECMS)* rihuriweho n'inzego zose zigira uruhare mu butabera, rifasha abaturage gutanga ibirego cyangwa imyanzuro yo kwiregura no gukurikirana imanza zabo bitabaye ngombwa kujya ku rukiko; guhererekanya amakuru hagati y'inkiko n'abazigana, kwandika no kwakira ibirego, gutumiza ababuranyi, gutegura no gukora inama ntegururubanza, gukora gahunda y'iburanisha no kuyimenyesha ababuranyi.

Abacamanza kandi baryifashishaATEGURA, baburanisha, banaca imanza ndetse bakanarikoresha batanga kopi z'imanza.

IECMS kandi yifashishwa mu guhererekanya amadosiye hagati y'abakozi b'urukiko no hagati y'inkiko zitandukanye, by'umwihariko igafasha mu guhererekanya amadosiye hagati y'inkiko, Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imfungwa n'Abagororwa mu manza nshinjabyaha.

N'ubwo hari ibigikeneye kunozwa, iri korana buhanga ryagize uruhare rukomeye mu guhindura imikorere y'inzezo zirikoresha muri rusange. Ku buryo bw'umwihariko, IECMS yafashije mu micungire y'imanza kuko ituma ubuyobozi bw'inkiko bushobora gukurikirana mu buryo bworoshye kandi buhoraho uko imanza zinjira, zicibwa, zisubikwa ndetse n'izisigaye mu nkiko, ahari ibibazo bikagaragara ku gihe bityo hagafatwa ingamba zo kubikemura.

Gukoresha iri koranabuhanga mu mirimo yose y'inkiko kandi byagabanyije mu buryo bugaragara ingengo y'imari yakoreshwaga mu bikorwa binyuranye byo gutumiza abaturanyi, guhererekanya amadosiye hagati y'inkiko, gukoresha impapuro, kubika amadosiye n'ibindi.

Hari kandi ikoranabuhanga rya SOBANUZAINKIKO ryatangiyeho gukoreshwa mu kwezi kwa Kamena/2019, rifasha abaturage kugeza ku bayobozi b'inkiko n'Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza muri rusange ibibazo n'ibitekerezo, bakabatungira agatoki nta kwishisha aho bakeka imikorere mibi cyangwa ruswa. Iri koranabuhanga kandi ryifashishwa n'abifuzaga gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.

Urwego rw'Ubucamanza kandi rwatangije umushinga w'ikoranabuhanga rya *Judicial Performance Management System (JPMS)* rizafasha Urwego rw'Ubucamanza mu gukurikirana ibikorwa bya buri mukozi n'umusaruro yagezeho, n'uruhare rwa buri wese ku musaruro wose Urwego rwagezeho. Biteganijwe ko iri koranabuhanga rya *Judicial Performance Management System* rizatangira gukoreshwa muri Mutarama 2020.

- **Kwegera abaturage no kubamenyesha imikorere y'inkiko.**

Mu rwego rwo kurushaho kunoza serivisi zihabwa abagana inkiko, guhera mu mwaka wa 2012 Urwego rw'Ubucamanza rwakomeje gushyira imbaraga mu bikorwa bigamije gusobanurira abaturage uko inkiko zikora, basobanurirwa amategeko agenga imikorere y'inkiko, uburenganzira bwabo ndetse n'ibyo basabwa igihe baje mu rukiko, binyuze mu biganiriro hifashishijwe itangamakuru (radio na televiziyo zinyuranye, amakuru n'inyandiko bitangwa ku rubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza (website) hibandwa cyane

cyane ku kugaragaza ibyo urwego rwiyeje mu gutanga serivisi (*service charter*), gahunda y'iburanisha, raporo zinyuranye z'Urwego rw'Ubucamanza, etc, ibiganiri n'abanyamakuru byagiye bitangwa na Perezida cyangwa Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga.

Guhera mu mwaka wa 2018 Urwego rw'Ubucamanza rwatangije icyumweru cy'Ubucamanza (*Judicial week*) rutegura buri mwaka rufatanyije n'Ubushinjacyaha Bukuru: muri iki cyumweru inzego zitandukanye zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage ziganira ku nsangayamatsiko iba yateguwe, hagamijwe kungurana ibitekerezo ku buryo bwo kubaka ubutabera buvoma mu muco nyarwanda, ubutabera bugamije kurandura imizi y'amakimbirane no kubumbatira ituze mu banyarwanda.

III. KU BYEREKEYE GUTANGA UBUTABERA BUNOZE KANDI MU GIHE GIKWIYE

Gutanga ubutabera bunoze kandi mu gihe gikwiye niyo ntego nkuru Urwego rw'Ubucamanza rwubakiraho igenamigambi n'ibikorwa byarwo byose.

- **Gutanga ubutabera mu gihe gikwiye.**

Ingamba zikurikira zafashije Urwego rw'Ubucamanza kugera ku ntego rwihaye yo gutanga ubutabera mu gihe gikwiye:

- Gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo yose y'inkiko nk'uko byasobanuwe haruguru. Aha twavugaga nko gutunganya amadosiye y'imanza ziburanishwa, guhamagara abaturanyi no kubamenyesha gahunda z'inkiko hakoreshejwe ikoranabuhanga bikorwa mu buryo bwihuse bigatuma umubare w'imanza zisubikwa ukagabanuka.
- Ivugurura ry'amategeko (mu mwaka wa 2012, uwa 2015 n'uwa 2018) yaba ayerekeye ububasha, imiterere n'imikorere y'inkiko, kimwe n'ayerekeye imiburanishirize y'imanza, hagamijwe guhangana n'ikibazo cy'ibirarane by'imanza mu nkiko. Ni muri urwo rwego umwaka ushize wa 2018 hashyizweho Urukiko rw'ubujurire, ubu rukaba rumaze guca imanza hafi ya zose zari zarabaye ibirarane mu Rukiko rw'Ikirenga cyane cyane kubera ko rwemerewe ko inteko iburanisha ishobora kuba igizwe n'umucamanza umwe.
- Hashyizweho kandi *procedure* y'inama ntegarubanza mu nkiko zose, hagamijwe ko urubanza rutegurwa n'umwanditsi (*mise en état*) mbere y'uko ruhabwa umucamanza ugomba kuruburanisha, ibisabwa byose bikabanza kuzuzwa n'inzitzi zose zari gutuma iburanisha risubikwa zikavanwaho, ku buryo umucamanza azaruburanisha bitabaye ngombwa ko rubanza gusubikwa ku mpamvu zinyuranye.

- Mu rwego rwo kwimakaza umuco wo gukemura ibibazo bitabaye ngombwa ko ababifitanye baburana hagamijwe kwihutisha imanza no kugabanya ibirarane mu nkiko, Urwego rw'Ubucamanza rwagize uruhare runini mu gutuma inkiko zihabwa ububasha bwo kumvikanisha ababuranyi babyemeye (*mediation*), byaba bikozwe n'abanditsi b'inkiko mu gihe cy'inama ntegururubanza, cyagwa abacamanza mu gihe cy'iburanisha.
- N'ubwo imanza zirangirira mu bwumvikane zikiri nkeya, nta gushidikanya ko iyi nzira y'ubwunzi nimara kumenyerwa kandi abakozi b'inkiko bakabihugurirwa mu buryo buhagije kandi bakabiha agaciro, izafasha kugabanya imanza zagombaga kuburanishwa, ariko cyane cyane abari bafitanye ikibazo bagakomeza kubana neza.
- Ivugururwa ry'amategeko hagamijwe kugabanya umubare w'imanza ziregerwa mu nkiko (aha twavugaga nko kongera ububasha bw'abunzi ku buryo ibibazo ibito bitaza mu nkiko).
- Gushyiraho uburyo bwihariye bwo kuburanisha mu buryo bwihuse ibirego by'agaciro gato bitari mu bubasha bw'abunzi ariko bitarengeje miliyoni eshanu (*small claims procedure*).
- Gushyiraho umubare fatizo w'imanza nibura 15 buri mucamanza aca mu kwezi.

- **Gutanga ubutabera bunoze**

Kubona ubutabera mu gihe gikwiye byonyine ntibyaba bihagije mu gihe ubwo butabera butanoze. Ni muri urwo rwego mu myaka 8 ishize Urwego rw'Ubucamanza rwihiye kurushaho kuzamura ubudakemwa bw'imanza zicibwa, hashyirwaho ingamba z'ingenzi zikurikira kandi zatanze umusaruro mu buryo bugaragara:

- Abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bahawe amahugurwa mu bumenyi bunyuranye, yaba amahugurwa y'igihe kirekire ndetse n'ay'igihe gito, mu rwego rwo kubongerera ubumenyi n'ubunararibonye hagamijwe kongera ubudakemwa bw'imanza baca.
- By'umwihariko, mu myaka umunani ishize Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza bwashyize ingufu mu kwimakaza ihame rya *judicial precedent*. Abacamanza, abanditsi n'abashakashatsi bahuguwe ku myandikire y'imanza (*Judgment writing*), hibandwa ku kwandika urubanza rutuma urusoma arwumva mu buryo bworoshye, kandi uwifuza gukora ubushakashatsi ku kibazo cy'amategeko iki n'iki yahuye nacyo bikamworohera kuko ruba rwanditse mu buryo bugaragaza buri kibazo n'isesengura cyakorewe; ariko cyane cyane rukaba rugomba kugaragaza umurongo (*ruling*) urukiko rwafashe ku kibazo rwasuzumye ku buryo uwo murongo udakemura gusa ikibazo hagati y'ababuranyi muri urwo rubanza, ahubwo unafasha izindi nkiko cyane cyane izo hasi mu gukemura ibibazo bisa n'icyo

(*STARE DECISIS: the doctrine of precedents, under which it is necessary for a court to follow earlier judicial decisions when the same points arise again in litigation*).

- Guhera muri 2014, hatangiye gahunda yo gutoranya no gusesengura imanza z'icyitegererezo ziba zatanze umurongo zigatangazwa mu cyegeranyo cyabugenewe (*Law Report*) gisohoka inshuro enye mu mwaka, hagamijwe guhuza imicire y'imanza ku buryo habaho imirongo imwe mu byemezo bifatwa n'inkiko ku bibazo bisa. Umwihariko w'iki cyegeranyo ukaba ari uko giteguwe mu buryo bworohereza abacamanza n'abandi bagikoresha gukora ubushakashatsi bakabona imanza bakeneye mu buryo bworoshye. Imanza ziri muri icyo cyegeranyo kandi zihindurwa mu ndimi z'igifaransa n'icyongereza, ibi bigatuma ibikorwa n'inkiko z' u Rwanda bimenyekana no hanze yarwo.
- Hashyizweho uburyo butuma buri kwezi abacamanza baganira ku manza baciye, izo baciye zahinduwe mu bujirire n'izo baciye zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane, bagafata imirongo ngenderwaho ku bibazo bisa kandi bigatangazwa ku rubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza.
- Urwego rw'Ubucamanza rwashyize ingufu mu kurushaho guharanira imyitwarire iboneye ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, hibandwa ku kurwanya ruswa n'indi myitwarire isa nayo, kuko imyitwarire izira amakemwa/ubunyangamugayo ari ishingiye ryo kugera ku ntego yo gutanga ubutabera bunoze. Ni muri urwo rwego Ubugenuzi bw'Inkiko bwagenzuye ubudakemwa bw'imanza, izagaragayemo amakosa zikorera raporo zishyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza, abakozi bagaragayeho amakosa barahanwa.

IV. KWAGURA AMAREMBO NO KWITA KU MIBEREHO MYIZA Y'ABACAMANZA N'ABANDI BAKOZI B'INKIKO.

Abacamanza n'abanditsi b'inkiko babiyobowemo n'Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza bashoboye kwibumbira hamwe mu Ishyirahamwe ry'Abacamanza n'Abanditsi b'inkiko mu Rwanda, bagamije kurushaho guteza imbere no gusigasira amahame y'ingenzi agenga umwuga wabo, nk'ubwigenge bw'Urwego rw'Ubucamanza, ubunyangamuganyo n'ubudakemwa, guteza imbere umuco wo kungurana ibitekerezo ku mategeko no gutanga ubutabera; kugirana umubano n'ubufatanye n'indi miryango duhuje intego, hitawe ku kungurana ubumenyi n'ubushobozi, guteza imbere inyungu rusange z'abanyamuryango, no guharanira icyubahiro cyabo, etc.

Tubifashijwemo kandi tubishyigikiwemo n'Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza, Ishyirahamwe ry'Abacamanza n'Abanditsi b'inkiko mu Rwanda ryinjiye mu yandi mahuriro mpuzamahanga agizwe n'abacamanza n'abanditsi b'inkiko, twavugaga nka *Commonwealth Magistrates and Judges Association (CMJA)* na *East African Magistrates*

and Judges Association (EAMJA) , mu myaka umunani ishize Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza bukaba bwaragize uruhare runini cyane mu gushyigikira no guteza imbere ishyirahamwe ryacu, bunadufasha mu kohereza abarihagarira mu nama zinyuranye z'iyi miryango, zaba izabereye mu Rwanda no mu mahanga ndetse u Rwanda rukaba rwarayoboye EAMJA mu myaka itatu ishize. Nta gushidikanya ko guhura na bagenzi babo byafashije abacamanza n'abanditsi bacu kurushaho kwiyungura ubumenyi mu nzego zinyuranye, binyuze mu gusangira ibitekerezo, *good practices* n'inararibonye.

Mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza nytibwahwemye guharanira ko imishahara y'abakozi yongerwa uko bishoboka hakurikijwe amikoro y'igihugu; ku buryo bw'umwihariko, bwatugiriye inama kandi budushyigikira mu gufata ubwishingizi bw'ubuzima (*life insurance*) no gushyiraho ikigega cyo kwiteza imbere, mu mwaka umwe gusa kimaze gitangiye gukora kikaba kimaze kugeza abanyamuryango bacyo kuri byinshi.

V. UMWANZURO

Ibyagezweho mu myaka umunani ishize ni byinshi, ariko muri iki kiganiro twibanze ku by'ingenzi byazanye impinduka nziza kandi zigaragarira buri wese mu Rwego rw'Ubucamanza, bituma abarugana barushaho kurugirira icyizere; tukaba rero tugomba kubifata nk'umurage dusigiwe, tukawusigasira kandi tugakomeza kuwubakiraho ibyo dukora, mu kuzaza inshingano yacu nyamukuru yo guha abanyarwanda n'abaturarwanda ubutabera buzira amakemwa.

IMIYOBORERE N'IMICUNGIRE Y'INKIKO MU MYAKA 8 ISHIZE

Uwatanze ikiganiro: MURORA Beth (Umunyamabanga Mukuru)

1. Intangiriro

Amategeko/Ingingo z'amategeko

- ▶ Iteka rya Perezida N° 123/01 ryo ku wa 20/07/2018 rigena imitunganyirize y'inzego z'imirimo z'Urwego rw'Ubucamanza, imishahara n'ibindi bigenerwa Abacamanza b'umwuga, Abagenzuzi n'Abanditsi b'Inkiko;
- ▶ Iteka rya Minisitiri w'Intebe No96/03 ryo ku wa 17/07/2018 rigena imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Inkiko;
- ▶ Itegeko N°012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza;
- ▶ Itegeko N°86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga (Ingingo ya 37 y'Itegeko N°012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza)

1. Guhuza ibikorwa byose by'inzego z'imirimo zishinzwe imikorere y'abakozi bunganira inkiko;
2. Gucunga imari, umutungo n'ibikoresho by'inkiko zisanzwe n'iz'ubucuruzi;
3. Gushyira mu bikorwa politiki y'Urwego rw'Ubucamanza kimwe n'imigambi na gahunda byarwo;
4. Kwita ku mikoranire n'izindi nzego za Leta ku rwego rwa teknikiki;
5. Kuyobora inzego zishinzwe imirimo yunganira inkiko;
6. Gufata ibyemezo bya ngombwa, bijyanye n'inshingano ze, birebana n'imitunganyirize y'inkiko;
7. Gutegura umushinga w'ingengo y'imari y'inkiko zisanzwe n'iy'inkiko z'ubucuruzi.
- 8.

Uko inshingano zigabanijwe mu Mashami y'imirimo

▶ **Ubuyobozi bukuru bushizwe Ikoranabuhanga (gukurikirana ikoresha ry'ikoranabuhanga mu Nkiko)**

-Gutegura iteganyabikorwa na gahunda zijyanye na Politiki y'Igihugu y'Ikoranabuhanga, NST1, icyerekezo 2050 na Gahunda y'Iterambere rirambye,

-Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gushimangira gahunda yo kwegera abaturage ubutabera bunoze na Leta igendera ku mategeko (Universal Access to Quality Justice and Rule of Law)

-Imicungire y'imanza hifashishijwe ikoranabuhanga rya IECMS

-Gushyiraho uburyo bwo gutanga ibisubizo hifashishijwe ikoranabuhanga hagamijwe kunoza imicungire

-Kunoza imicungire y'ibikoresho by'ikoranabuhanga

-Gukurikirana ikoresha ry'ikoranabuhanga mu Nkiko.

▶ **Ishami rishinzwe iteganyabikorwa, ikurikiranabikorwa n'igenzura**

-Gushyiraho ingamba zijyanye na politiki na gahunda z'igihugu zigamijwe gushyira mu bikorwa Gahunda y'iterambere rirambye, icyerekezo 2050, NST1 Igenabikorwa ry'Urwego, ...hashyirwa mu bikorwa gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Ubucamanza

-Gukurikirana, gusesengura no gusuzuma imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza hashingiwe ku ngamba zashyizweho

-Gukurikirana uko ibyemezo byafatiwe ku nzego zitandukanye bishyirwa mu bikorwa

▶ **Ishami rishinzwe imari**

-Kugenzura iyubahirizwa rya PFM no gushyira mu bikorwa gahunda na porogaramu z'igihugu ziberana n'imari ziteganywa n'Imiryango mpuzamahanga ya Bretton Woods (Ikigega mpuzamahanga cy'imari na Banki y'isi)

-Gukoresha neza umutungo ukomoka ku ngengo y'imari y'igihugu no ku baterankunga.

▶ **Ishami rishinzwe imicungire y'abakozi n'ubuyobzoi**

-Imicungire y'abakozi b'inkiko (bigakorwa hitawe ku bwuzuzanye bw'ibitsina)

-Kugena ibihembo no kubaka ubushobozi bw'abakozi hashyirwa mu bikorwa NST1, icyerekezo 2050 n'Ingamba z'iterambere rirambye

-Gushaka no gutanga ibikoresho bikenewe mu Nkiko

▶ **Ishami rishinzwe gushyira mu bikorwa imishinga (Single Project Implementation Unit SPIU)**

-Gukurikirana uko hashyirwa mu bikorwa imishinga yumvikanyweho n'abaterankunga

Ibyifashishwa mu gushyira mu bikorwa amategeko n'ingamba

Gahunda z'ikoranabuhanga zifashishwa

- ▶ Ikoranabuhanga rijyanye n'imicungire y'imanza (Integrated Electronic Cases Management System (IECMS))
- ▶ Sobanuzinkiko
- ▶ Decisia
- ▶ Ikoranabuhanga rijyanye n'imitangire y'amasoko (E-Procurement)
- ▶ Ikoranabuhanga rijyanye n'imicungire y'imari (Integrated Financial Management Information System (IFMIS): Iteganyabikorwa, Ingengo y'imari no gukora raporo
- ▶ Ikoranabuhanga rijyanye n'imishahara n'amakuru areba umukozi (Integrated Payroll and Personnel Information System (IPPIS))
- ▶ WINISIS (ikoranabuhanga rijyanye no kubika ibitabo no gucunga isomero)
- ▶ INVICTUS (ikoranabuhanga rijyanye no gucunga umutungo n'ububiko bw'ibikoresho).


Ibigaragaza ibipimo by'uko amategeko n'ingamba byubahirizwa

- ▶ Raporo igaragaza uko abaturage babona inzego (Rwanda Governance Score Card)
- ▶ Raporo y'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta
- ▶ Raporo ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta

Imiterere y'ingengo y'imari ku birebana n'imishahara y'abakozi n'ibitari imishahara

FISCAL YEAR	Description		Total
	Wages and Salaries	Non - wages expenditures	
2011/2012	3,969,655,580	3,728,587,794	7,698,243,374
2012/2013	4,807,841,311	4,908,435,705	9,716,277,016
2013/2014	4,919,729,045	6,048,294,886	10,968,023,931
2014/2015	5,055,598,736	6,648,227,375	11,703,826,111
2015/2016	5,372,742,738	7,003,251,840	12,375,994,578
2016/2017	6,372,078,492	6,099,997,277	12,472,075,769
2017/2018	6,774,578,733	4,647,216,947	11,421,795,680
2018/2019	7,196,071,807	4,494,943,416	11,691,015,223
2019/2020	7,424,057,681	5,499,654,934	12,923,712,615

Ingengo y'imari y'Urwego rw'ubucamanza 2011-2019 (imyaka 8)



Imishahara

- ▶ Imishahara yiyongereyeho 21% muri 2012/13 ugereranije na 2011/12 kubera ko umubare w'abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga wiyongereye
- ▶ Habaye ubwiyongere bwa 19% muri 2016/17 ugereranije na 2015/16 kubera izamurwa mu ntera y'ingazi ntambike n'agahimbazamusyi kajyanye n'isuzumabushobozi
- ▶ Muri 2019/20 ugereranije na 2016/17 ibihembo byazamutseho 17% kubera ivuguruwa ry'inkiko, kwiyongera bw'abacamanza n'abanditsi b'inkiko z'ibanze n'izamurwa mu ntera y'ingazi ntambike.

Ibindi byatwaye amafaranga bitari imishahara

- ▶ Kwishyura amafaranga y'ingendo, ay'itumanaho, ibikoresho by'ikoranabuhanga, kugura umuriro n'ibikoresho byawo (imashini itanga umuriro), kwita ku bikorwa remezo by'inkiko, kwishyura umuriro n'amazi
- ▶ Inyongera yabaye kuva 2016/17 kugera 2018/19 yatewe n'uko ibikorwa by'imishinga byari byarahagaze.

Inkunga zo hanze (2012 – 2022)

Umushinga	Ingengo y'imari	Igihe	ibikorwa
ICF PROJECT/ Investment Climate for Africa wari ugenewe inkinko z'ubucuruzi	Amadolari 2.100.000 yatanzwe na ICF na 3.100.000 yatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda	Kuva 2012 kugera 2017	Ibikoresho by'ikoranabuhanga no kongera ubushobozi bwa porogaramu za mudasobwa
KONGERA UBUSHOBOZI BW'INKIKO N'UBUSHINJACYAHA	4.103.000.000 yatanzwe n'Ubuholandi n'amafaranga 1.245.205.905 yatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda	Kuva 2012 kugera mu Kwakira 2018	Ibikoresho by'ikoranabuhanga no kongera ubushobozi bwa porogaramu za mudasobwa, gushyigikira ibikorwa remezo no gutera inkunga Ishami rishinzwe gushakisha

			abakoze Jenoside batorotse ubutabera
KONGERA UBUSHOBOZI BW'INKIKO N'UBUSHINJACYAHA	5.540.669.967 frw	Kuva muri Nyakanga 2019 Kugera mu Kwakira 2022	Ibikoresho by'ikoranabuhanga no kongera ubushobozi bwa porogaramu za mudasobwa no gutera inkunga Ishami rishinzwe gushakisha abakoze Jenoside batorotse ubutabera

Ibyagezweho n'Urwego rw'Ubucamanza mu myaka 8

1. Ivugururwa ry'inzego z'ubucamanza

- ▶ Imbonerahamwe y'imyanya nshya yaremejwe nk'iko Iteka rya Perezida N° 123/01 ryo ku wa 20/07/2018 rigena imitunganyirize y'inzego z'imirimo z'Urwego rw'Ubucamanza ribiteganyanya
- ▶ Itegeko Ngenga n°002/2018.ol of 04/04/2018 rishyiraho Urukiko rw'Uburire
- ▶ Guhuza inkiko z'Ibanze zikava kuri 60 zikagera kuri 41, n'inkiko z'Ubucuruzi kuva kuri 3 kugeza kuri 1 akaba ari narwo rusigaye rukora kugeza ubu
- ▶ *Urugereko rw'Urukiko Rukuru ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambukiranya imipaka*
- ▶ *Imyanya y'imirimo mishya yongewe mu mbonerahamwe y'imyanya: abakozi bashinzwe ibyegegeranyo by'amategeko, abahindura mu zindi ndimi na bashinzwe gucunga imari n'umutungo by'urukiko bazamuwe kuva mu Rukiko rw'Isumbuye baja mu Rukiko Rukuru*
- ▶ Hashyizweho uburyo bwo kwizigamira mu rwego rw'Ubucamanza hagamijwe kunoza imibereho myiza y'abakozi barwo
- ▶ Abakozi b'Urwego rw'Ubucamanza mu myaka yashize bagize uruhare mu gufasha abacitse kw'icumu rya Genocide yakorewe abatutsi binyuze mu kwishyurira amafaranga y'ishuri abana badafite ubushobozi, no gukora ibindi bikorwa bitandukanye

Umubare wabakozi hakurikijwe igitsina

Ubusobanuro	Gabo	%	Gore	%	Igiteranyo
Abacamanza	172	55	138	45	310
Abanditsi bi'nkiko	133	42	184	58	317
Abagenzuzi bi'nkiko	3	50	3	50	6
Abashakashatsi mu by'amategeko	6	86	1	14	7
Abakozi bashinzwe gukora ibyegeranyo by'imanza	2	67	1	33	3
Abakozi bashinzweguhindura mu ndimi	2	100	0	0	2
Abanyamabanaga b'umunyamabanga nyubahiriza tegeko	3	43	4	57	7
Abakozi bafasha abandi	44	50	44	50	88
Igiteranyo	365	49	375	51	740

Umubare w'abakozi kugeza ubu

Ubusobanuro	Umubare w'abakozi
Igiteranyo cy'umubare w'abakozi bakenewe	758
Umubare w'abakozi bahari kugeza ubu	740
Imyanya y'imirimo itarimo abakozi	18

IBYAGEZWEHO MU MYAKA UMUNANI

Kubaka ubushobozi

UMYAKA	SEX	IECMS	Kwandika igitekerezo	Ubuhuza	Abakozi bo mu buyobozi (Igenamigambi, PFM, HR, Itangwa ry'amasoko)	Amasomo mu by'amategeko ahoraho	Igiteranyo
2015/16	GORE	105				22	136
	GABO	93				13	127
	IGITERANYO	198	0	0	0	35	263
2016/17	GORE	175		9		52	248
	GABO	257		17		120	404
	IGITERANYO	432	0	26	0	172	652
2017/18	GORE	17			6	20	57
	GABO	13			12	37	78
	IGITERANYO	30	0	0	18	57	135
2018/19	GORE	101	80	38		0	219

	GABO	124	115	48		4	291
	IGITERANYO	225	195	86		4	510
2019/20	GORE	57			3	62	122
	GABO	54			2	122	178
	IGITERANYO	111	0	0	5	184	300
Imyaka 5		996	195	112	23	452	1860

KUBAKA UBUSHOBOZI MURI _ DLP

Ubusobanuro	Abateganyijwe kwiga DLP	Abafite impamyabumenyi muri DLP	Abadafite (Non DLP Holders)
Abacamanza	318	243	75
Abanditsi bi'nkiko	318	10	308
Abasemuzi n'abahindura mu ndimi	2	1	1
Abashakashatsi muby'amategeko	17	11	6
Abakozi bashinzwe ibyegegeranyo by'imanza	3	2	1
Igiteranyo	658	267	391

IMICUNGIRE Y'IBIKORWA REMEZO

1. INYUBAKO N'IBIKORESHO BY'URUKIKO

- ▶ Kuva muri 2012 kugeza ubu, hari inyubako nshya z'nkiko zubatswe, izindi zirasanwa.

1. Inyubako nshya zi'nkiko

- Urugereko rw'Urukiko Rukuru- Nyanza
- Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

2. Inyubako zi'nkiko zasanwe:

- Urukiko rw'Ikirenga
 - Urukiko Rukuru rwa Musanze
 - Urugereko rw'Urukiko Rukuru- rwa Rusizi
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Huye
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga
 - Urukiko Rwisumbuye rwa Mukamira
- TB Bwishyura
TB Ndora
TB Gakenke
TB Gihango
TB Kabaya

2. Ibikoresho by'Amashanyarazi byabonetse: Moteri itanga amashanyarazi (16) zaratanzwe Inyubako nshya zubatswe



Old Commercial High Court building



New Commercial High Court building



Old HCC NYANZA



New HCC NYANZA



Ibikorwa remezo n'ibikoresho by'ikoranabuhanga

Ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga

- ▶ Inkiko zose zashyizwe ku muyoboro w'ikoranabuhanga (fiber) no ku ikoranabuhanga rya 4G (4G internet)
- ▶ Porogaramu z'ikoranabuhanga: zarasabwe kandi ibikoresho biraboneka (IECMS yaha EFS, Sobanuzinkiko)
- ▶ Umushinga ugikomeza: Judicial Performance Management System (JPMS) no kunoza IECMS
- ▶ Ibikoresho byatanzwe" mudasobwa 623 zirimo into (laptops) n'inini (desktops), ibikoresho byabonetse harimo servers 2, Display Monitors 40, Video Conference Facility for SC and RSC, Digital Court Recording Systems (DCRS), Steno Machines).
- ▶ Ubufatanye n'abikorera: serivisi zo gutubura (printing) no gufotora inyandiko (scanning).

Ishami rishinzwe imari

2011/2012: Raporo igaragaza ko nta makemwa mu micungire y'amafranga
(Clean Audit report in Financial Management)

2012/2013: Raporo igaragaza ko nta makemwa mu micungire y'amafranga
(Clean Audit report in Financial Management)

2016/2017: Raporo igaraza ko nta makemwa mu kubahiriza amategeko n'ingamba (Clean audit report in compliance)

Raporo igaraza ko imicungire y'amafaranga yakozwe uko bikwiye (Qualified - Financial Management)

2017/2018: Raporo igaraza ko nta makemwa mu kubahiriza amategeko n'ingamba
(Clean audit report in compliance)

Raporo igaraza ko imicungire y'amafaranga yakozwe uko bikwiye
(Qualified - Financial Management)

- Kubahiriza igihe mu kwishyurira inyandiko zose zishyuzwa no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari

Icyitonderwa: Raporo z'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta n'ikigo gishinzwe amasoko ya Leta

Iteganyabikorwa:

-Gahunda y'ibikorwa bya 2013-2018 yarateguwe kandi ishyirwa mu bikorwa

-Gahunda y'ibikorwa ya 2018-2024 yarateguwe kandi irimo gushyirwa mu bikorwa

-Raporo z'ibikorwa zarateguwe kandi zikamurikwa mu gutangiza umwaka w'ubucamanza (2012/2013-2018/2019)

Imbogamizi

- ✓ Ibirarane by'imanza biracyari ikibazo
- ✓ Ubukeye bw'amafaranga yo gusana amazu inkiko zikoreramwo, kugura ibikoresho bikomeye bitanga amashanyarazi (imishini zitanga amashanyarazi), interineti yizewe kimwe n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga (mudasobwa, UPS, scanner, ...) no kubaka ubushobozi bw'abacamanza b'umwuga n'abanditsi b'inkiko
- ✓ Raporo y'igenzura igaragaza ko nta makemwa kubera ingwate y'amagarama itangwa mu izina ry'abandi bantu batanzwe (2016/2017 na 2017/2018)

Umwanzuro

Hagomba ubufatanye n'abafatanyabikorwa bose mu gushyira mu bikorwa intego z'igihe gito n'igihe kirambye z'Urwego rw'Ubucamanza.

3. IKIGANIRO KU MIKORANIRE Y'INZEGO MU MANZA NSHINJABYAHA

Uwatanze ikiganiro : NZAMUYE JMV (Umugenzuzi w'Inkiko)

IRIBURIRO

Nk'uko biteganyijwe n'amategeko, ndetse binamenyerewe n'abakora mu nzego z'Ubutabera kugira ngo urubanza nshinjabyaha rubeho, bigirwamo uruhare n'inzego eshatu arizo Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha ndetse n'Inkiko.

Ubugenzacyaha nibwo bushinzwe kugenza ibyaha, kwakira ibirego by'abakorewe ibyaha, gukora amaperereza y'ibanze, no gukusanya ibimenyetso bwarangiza bugashyikiriza amadosiye Ubushinjacyaha.

Ubushinjacyaha buhera ku byakozwe n'Ubugenzacyaha, bukuzuzwa dosiye bushyiramo ibikenewe byose, bwarangiza bukayiregera Urukiko cyangwa bukayishyngura iyo busanga nta mpamvu zo gukurikirana. Bushobora no guca ihazabu nta rubanza ukurikiranyeho icyaha iyo busanze aribwo buryo bukwiye, dosiye ikarangirira aho.

Iyo buyiregeye Urukiko havuka n'inshingano yo gushinja abo bukurikiranyeho ibyaha no kubasabira ibihano.

Iyo Inkiko ziregewe imanza nshinjabyaha ziba zifite inshingano yo kuziburanisha no kuzica mu gihe gikwiye, abo zihamije ibyaha zikabahana zikurikije amategeko, abo zisanze badahamwa n'ibyaha zikemeza ko bitabahama.

Iyo hari abakurikiranyeho ibyaha Inkiko zemeje ko bafugwa by'agateganyo bashyikirizwa amagereza, Urwego rushinzwe Imfungwa n'abagororwa narwo rukaba rufite inshingano zo kubacunga neza, kubajyana ku nkiko iyo bahamagawe kuburana cyangwa gusomerwa imanza zabo.

Iyo hari abahamwe n'ibyaha bagahabwa ibihano by'igifungo, Urwego rushinzwe Imfungwa n'abagororwa ruba rufite inshingano zo kubafasha kurangiza ibihano byabo, no kubafasha kugororoka kugira ngo igihe cyo kuzisohokamo nikigera bazabe bashobora gusubira mu muryango nyarwanda nta bindi bibazo bashobora guteza.

3.1 UKO IMIKORANIRE IHAGAZE MURI IZI NZEGO

Muri rusange imikoranire hagati y'Ubushinjacyaha n'Inkiko ni byiza, kuko buri rwego ruzi inshingano zarwo ndetse rukamenya n'inshingano z'urundi ku buryo hadakunze kugaragara ibibazo mu mikoranire. Ikindi ni uko abayobozi bakuriye izi nzego zombi ku

nzego zitandukanye bajya bahura bakaganira ku bibazo bihari bakanabifatira ingamba. icyakora ahari abantu ntihabura ibibazo tukaba tuza kubiganiraho mu gice cyahariwe imbogamizi ziboneka mu mikoranire y'izo nzego.

Imikoranire y'Inkiko n'amagereza nayo bigaragara ko atari mibi uretse ibibazo bike bigenda bivuka bituruka ahanini ku ikorehwa nabi rya IECMS n'amakosa agenda agaragara mu byemezo by'abacamanza bamwe na bamwe nk'uko biza kugarukwaho.

Imikoranire y'Inkiko n'Ubugenzacyaha nayo si mibi cyane kuko izi nzego zombi ntaho zikunda guhurira kuko urwego rw'Ubushinjacyaha ruziri hagati, ikibazo gikunze kuvuga akaba ari igihe Abacamanza bafashe ibyemezo byo gufunga cyangwa gufungura ku manza z'ifungwa ry'agateganyo ntibatange amakopi bakirama gufata ibyemezo ngo abo bantu bafungurwe cyangwa bajyanwe mu magereza. Iki kibazo kinakunze kugaragara no ku manza zaregerewe ku buryo bwihuse (procédure accélérée) ku bantu bakurikiranywe barafatiwe mu cyuho cyangwa bemeye ibyaha ku buryo budashidikanywaho aho imanza zicibwa kopi ntiziboneke vuba abo bantu bakamara igihe muri kasho ubundi bakaba baragejewe mu magereza.

Imikoranire y'Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha nta byinshi nayivugaho kuko nk'umuntu wibera mu Nkiko nta hantu henshi nkuze guhirira n'Ubugenzacyaha ariko muri rusange harebwe umusaruro uva mu bufatanye bwabo n'ibyo twumva hanze ugomba kuba ari myiza, uretse ko byakumvikana neza aribo babyivugiye.

3.2 IBIBAZO BIKUNZE KUGARAGARA MU MIKORANIRE Y'IZI NZEGO

Mu bibazo bikunda kugaragara mu mikoranire y'inzego zihuriye ku manza nshinjabyaha hari ibituruka ku bwinshi bw'ibyaha bikurikiranwa n'imanza nyinshi ziba ziri mu Nkiko, ubunyamwuga butaragera ku kigero gikwiye kuri bamwe mu bakozi b'izi nzego zose, kwitana ba mwana mu manza, rimwe na rimwe, n'imikoreshereze ya system ya IECMS itarashobora gukoreshwa neza na bese.

3.2.1 Ubwinshi bw'imanza mu nkiko (izirebana n'ifunga ry'agateganyo, iz'ibirego byihutirwa (procédure accélérée n'izo mu mizi)

Ibirego birebana n'ifunga ry'agateganyo n'iby'ibirego byihutirwa bikomeza kujyanwa mu nkiko ari byinshi cyane muri rusange, ariko cyane cyane mu nkiko zo mu Mijyi, ku buryo usanga arizo abacamanza bahugiyemo, umwanya wo kuburanisha izindi manza ugasa nutaboneka, ibi bikabangamira itangwa ry'ubutabera bwihuse kandi bunoze nyamara biri mu ntego y'ibanze y'Urwego rw'Ubucamanza;

Urugero

Guhera muri Nyakanga kugeza mu Kwakira 2019 mu Nkiko z'ibanze eshatu zo mu Mujyi wa Kigali zonyine zaburanishije amadosiye arebana n'ifungwa ry'agateganyo 1.319 zirimo abantu 1.347, muri aba bantu hakaba haremejwe ifungwa by'agateganyo ku bantu 885 bangana na (65,70%), hemezwa ko hafungurwa by'agateganyo abantu 462 bangana na (34,30%) barenze gato icya kabiri cy'abemejwe ko bafungwa by'agateganyo.

Aha bigaragara ko umubare w'abasabirwa gufungwa by'agateganyo bagafungurwa ari munini, ku buryo hakwiye kurebwa mbere yo gusabira umuntu gufungwa by'agateganyo, niba ibisabwa kugira ngo uwo muntu afungwe by'agateganyo byuzuye kandi niba ari ngombwa koko.

Zimwe mu mpamvu zaba zituma umubare w'imanza nshinjabyaha wiyongera

- Kuvana imanza nshinjabyaha mu bubasha bw'Abunzi byakozwe muri 2016;
- Ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'ubwiyongere bw'abakozi bo mu Nkiko ;
- Gutezuka ku nshingano y'uburere bukwiye ku babyeyi bituma abana babo bishora mu byaha bitandukanye, cyane cyane mu ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge nabyo bibashobora mu bindi byaha (iyo urebye neza usanga abantu benshi bakurikiranyweho ibyaha ari urubiruko kurusha kure abakuze);
- Iterambere ry'ikoranabuhanga ryoroheje imikorere y'ibyaha;
- Kuba abaturage bagenda bamenya uburenganzira bwabo, bakaba bagerageza kurega ababahohoteye ku nzego z'ikurikirana cyaha;
- Ukwiye ku bunyamwuga ku rwego rushinzwe kugenza ibyaha, bituma bumena ibyaha byinshi byakozwe.

3.2.2 Ubunyamwuga butaragera ku kigero gikwiye kuri bamwe mu bakozi b'izi nzego

Haracyagaragara bamwe mu bagenzacyaha, abashinjacyaha, abacamanza n'abandi bakozi babafasha mu mirimo bakigaragaraho kutagira ubunyamwuga mu mirimo yabo. Ibi bigatuma mu gukora amadosiye, gushinja mu manza, kuburanisha no guca imanza badakora neza ibikwiye byatuma urubanza rucibwa neza, hatanzwe ubutabera.

Urugero:

- Mu rubanza RP 00265/2017/TGI/MHG rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, Ubushinjacyaha bwaburanagamo na NYIRABAGENZI Primitive aregwa kunyereza umutungo wa SACCO, hagaragayemo amakosa akomeye ku nzego zose kuva mu Bugenzacyaha kugeza mu Rukiko. Uyu mugore wari ushinze gukora isuku kuri SACCO maze abakozi bayikoramo bakaza kumwifashisha kujya yuzura amafishi y'abakiriya, yaje kubyuriraho yuzura amafaranga ku ifishi y'umugabo we n'undi muntu bari babereye mu nzu, nyuma baza kuyabikuzza.

Ubugenzacyaha bwakurikiranyeho uyu mugore icyaha cyo kunyereza umutungo wa SACCO, Ubushinjacyaha buba aricyo bumurega, ariko mu guca urubanza Urukiko rwo ruza guhindura inyito y'icyaha rumuhamya icyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano. Umugenzacyaha n' Umushinjacyaha bavuga ko NYIRABAGENZI Primitive yakoze icyaha cyo kunyereza umutungo, bigaragara ko batari bazi ko kugira ngo umuntu aregwe kunyereza umutungo ari uko aba ashinzwe kuwucunga ku bw'inshingano z'akazi afite. Umucamanza nawe n'ubwo yashoboye kubona ko icyaha NYIRABAGENZI Primitive yakoze ari ugukora no gukoresha inyandiko mpimbano ariko ntiyashoboye kubona ko n'igikorwa cyo gutwara amafaranga ya SACCO kigize ikindi cyaha nacyo ngo akimuhanire. Aha hakaba hagaragara ubushobozi buke kuri aba bose uko ari batatu bwo gusesengura ibikorwa bigize ibyaha no kubiha inyito zikwiye.

3.2.3 Kwaka no kwakira indonke n'indi myitwarire iganisha kuri ruswa

Haracyagaragara abakozi bo muri izi nzego zose bakigaragaho kwijandika mu bikorwa bya ruswa cyangwa kuriganya abatwaga babaza amafaranga babizeza ko bazabafasha mu bibazo babyo biri mu Bugenzacyaha, mu Bushinjacyaha no mu Inkiko, ku buryo bamwe mu batwaga bacyumva ko badashobora kubona ubutabera mu gihe nta kintu batanze. Twavugaga ko twemeranyaga n'ubushakashatsi bwa Transparency International Rwanda ko ibipimo byo kwaka no kwakira ruswa byazamutse mu nkiko muri iyi minsi nkabihuzaga n'uko ku makuru Ubugenzuzi bw'Inkiko bwumvise bwashobuye gukurikirana icyarimwe abacamanza bagera kuri bane (4) n'umwanditsi imwe (1) bamwe bavugwaho kwaka no kwakira ruswa, abandi bakavugwaho kuriganya abatwaga babizeza kubafasha mu manza zabo, bakaba bagomba kwitaba Inama Nkuru y'Ubucamanza mu gihe cya vuba kugira ngo harebwe ko ayo makosa abahamya maze bayahanirwe, ndetse hakaba hakiri n'undi Mucamanza n'Umwanditsi bagikurikiranwa n'Ubugenzuzi Bw'Inkiko.

3.2.4 Kwitana ba mwana mu manza

Mu gihe imanza zikiburanishwa hari ubwo abacamanza bavugaga ko amadosiye atuzuye hari ibindi byagombaga gukorwa byatuma ubutabera bugerwaho, bavugaga ko Abashinjacyaha bakwiye kubanza kuzuzura ; Abashinjacyaha bakabwirako Abacamanza ko nabo bafite inshingano yo kwishakira ibimenyetso bityo ko bagomba kwishakira ibyo bakeneye ko bo ibyo babonye ari ibyo, ako gasigane kakaba gatuma rimwe na rimwe hafatwa ibyemezo bidatanga ubutabera.

Hari n'igihe imanza zicibwaga Ubushinjacyaha cyangwa urwego rw'Umuvunyi bakavugaga ko bakoze ibishoboka byose bagatanga ibimenyetso byose bikenewe ariko Urukiko rukanga guhamya uregwa icyaha; ku rundi ruhande hakaba hari ubwo Inkiko nazo zivugaga ziti Ubushinjacyaha ntibukora inshingano zabwo neza kuko buregera imanza zitarimo ibimenyetso bifatika, abantu batahamwe n'ibyaha bakazikomana nta mpamvu.

Urugero

- Urukiko Rukuru rwacye urubanza **RPA 01082/2017/HC/KIG – RPA 0001/2019/HC/KIG** ku wa 14/09/2018, rwemeza ko abitwa MUGISHA David Livingstone na MBOWA Festo badahamwa n’ibyaha byose baregwaga, rwemeza ko bahita bafungurwa. Ibi ntibyashimishije Urwego rw’Umuvunyi rwari rwareze aba bantu ruvuga ko Urukiko Rukuru rwanze kubahamya ibyaha nyamara bwari bwatanze ibimenyetso bifatika, bwumvikanisha ko habaye kubogama gukomeye. Mu rubanza RPA 01082/2017/HC/KIG - RPA 00001/2018/HC/KIG, Ubushinjacyaha bwaburanagamo na MUGISHA David Livingston wari ukurikiranyweho ibyaha bine birimo icyo kwigwizaho imitungo, icyo gusaba ishimishamubiri rishingiye ku gitsina kugira ngo hakorwe umulimo, icyo guhishira inkomoko y’umutungo, n’icyo kunyereza umutungo, MBOWA Festo aregwa icyaha cyo kunyereza umutungo n’icyo guhishira inkomoko y’umutungo.
- Muri workshop yahuriwemo n’abahagarariye urwego rw’Ubucamanza, Ubushinjacyaha, Urwego rw’Umuvunyi, Ubugenzacyaha, n’Umugenzuzi Mukuru w’Imali mu rwego rwo kurebera hamwe amakosa akunda kugaragara mu mikurikiranire n’imicire y’imanza ku byaha bimunga ubukungu bw’Igihugu, bamaze gusesengura ibyakozwe n’inzego zose kuri uru rubanza kuva iperereza ritangiye kugeza urubanza ruciwe mu bujurire, basanze Ubugenzacyaha, Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw’Umuvunyi ndetse n’Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge bose batagaragaragaje ubushobozi bukwiye mu gusesengura dosiye ngo hatangwe ubutabera bukwiye kuko abari bakurikiranyweho ibyaha babihamijwe bombi kandi nta bimenyetso bifatika bihari. Basanze Urukiko Rukuru arirwo rwaje gukora igikwiye rukemeza ko badahamwa n’ibyaha kandi rubisobanuye mu buryo bwimbitse. Kubera uburyo uru rubanza rusesenguye neza ndetse rurimo inyigisho zafasha abakora muri izi nzego bose, hifujwe ko rwagera kuri benshi bakarusoma ndetse n’izindi zimeze nkarwo zikaba zajya zimenyekana zikagezwa kuri benshi zikababera inyigisho.

By’umwihariko, ku cyaha cyo kwigwizaho imutungo byagaragaraye ko mu manza nyinshi Ubushinjacyaha buregamo abantu bushingiye ku imitungo yose batunze, bukabarega kuba barayigwijeho nyamara bamaze igihe bakora kandi bahembwa rimwe na rimwe n’abo bashakanye nabo bafite ibyo binjiza mu rugo, hakaba kwibaza niba igihe cyose bamaze bakora nta kintu na gito bahashye bakaba bagitunga. Umurongo watanze n’Umucamanza muri ruriya rubanza ni uko n’ubwo iki cyaha kidateye nk’ibindi kuko uregwa ariwe utanga ibimenyetso kubyo aregwa mu gihe ku bindi byaha Ubushinjacyaha aribwo bubanza gutanga ibimenyetso biragaragaza ko uregwa yakozwe icyaha, *mbere yo kurega umuntu kwigwizaho imitungo, Ubushinjacyaha bwajya bubanza bukareba ibyo umuntu yakabaye atunze buhereye kubyo yinjiza, bwabona hari ibirengaho atakabaye*

atunze akaba aribyo bumurega ko yigwijeho, maze na we akabona kubyisobanuraho.

Icyagaragaye ni uko kugeza magingo aya Urwego rw'Umuvunyi rutigeze rwemeranywa n'uyu murungo ndetse bukigaragaraza ko urwo rubanza rwaciwe nabi.

3.2.5 Imikoreshereze ya IECMS itaragera ku kigero cyiza kuri bose

Inzego zose zihuriye ku manza nshinjabyaha, ubu mu gihugu hose zikoresha IECMS (Integrated Electronic Case Management System). Ikibazo kikaba ari uko abakozi bose batarashobora kumenya neza imikoreshereze yayo neza ku buryo mu kuzuza amadosiye muri iyo system, hari byinshi batubahiriza bigatuma hari amakuru abura muri dosiye, cyangwa dosiye igatakaza kamere yayo, ibi bikaba bigira ingaruka mu ica ry'imanza n'irangizwa by'ibihano.

Ingero :

- Iyo Ubugenzacyaha butibutse kuzuza itariki umuntu afungiweho no kuyikorera validation, system imugaragaza nkaho adafunzwe, bityo igihe hafashwe icyemezo cy'uko afungwa by'agateganyo, ntihagire dosiye yifungura muri gereza, nyuma bamujyana kuri gereza ngo afungwe, ikamwanga ivuga ko nta dosiye ye ibona ;
- Hari ibibazo ababuranyi bakunda kugaragaza by'uko Ubushinjacyaha bubahisha dosiye muri IECMS umunsi wo kuburana ukarinda ugera batarayibona (ngo banga gukanda ahari '**share with public**', akenshi bigatuma imanza zisubikwa. Bavuga ko ibi Ubushinjacyaha bubikora kugira ngo buzabubikire babatsinde batiteguye kuburana. Kugeza magingo aya ntabwo turamenya niba byaba bikorwa ku bwende cyangwa niba ari ikibazo cyo kutamenya gukoresha system ;
- Mu nkiko naho hari ubwo abanditsi bapfa kwakira amadosiye badasabye Ubushinjacyaha gukosora amakosa aba ari muri system bakayakoreraho cyangwa nabo bakongeramo ayabo, ayo makosa akazagira ingaruka mu gihe cyo kuburanisha imanza, mu kumenya igihe ibihano bigomba kurangirira, cyangwa bigatuma amaraporo akenewe adashobora gukorwa neza;
- Hari n'Abacamanza badakora '**actions**' ku gihe no muburyo busabwa cyangwa buzuza muri system ibihano bitandukanye n'ibiri kuri kopi y'urubanza bigateza ingorane zitandukanye rimwe na rimwe bisaba ko hiyambazwa aba 'développeurs' baba imahanga kugira ngo bafashe mu gukosora ayo makosa.

4. INGAMBA ZAFATWA MU GUHANGANA N'IBYO BIBAZO

- Inzego z'ubutabera zakwifashisha inzego z'ibanze kugira ngo habe ubukangurambaga bwimbitse mu baturarwanda bose ku kwirinda kwishora mu byaha, bigakorwa mu biganiri byabera mu mahuriro atandukanye, ku muni w'umuganda, mu nama z'abaturage, imigoroba y'ababyeyi n'ahandi... ;
- Inzego z'Ubutabera zafatanyaga na Ministeri ishinze iterambere ry'umuryango gukangurira ababyeyi guha abana babo uburere bukwiye, buzabarinda gukurana ingeso zatuma bakwishora mu byaha;
- Gukomeza gukangurira abakozi b'izi nzego kugira imyitwarire ikwiye no kuzamura ubunyamwuga mu kazi kabo;
- Ubushinjacyaha bukwiye kureba ko ku byaha bito bwajya bwibanda ku guca ihazabu yumvikanyweho aho gufunga abantu mu rwego rwo kugabanya imanza zinjira mu nkiko, n'ubucucike bw'abantu mu magereza ;
- Guharanira ko ihame riba gukurikiranwa umuntu ari hanze, ifungwa rikaba irengayobora nk'uko amategeko abiteganyaga, kuko magingo aya iri hame rikoresheya ricuritse ;
- Ubushinjacyaha bwakwihatira gukoresha ibiteganyijwe mu ngingo ya 24 y'itegeko numero 029/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha birimo gukora umuhango wo kumvikanisha ukekweho icyaha n'uwagikorewe (initiate formalities for negotiations between the victim and the suspect), kumvikana n'uwakoze icyaha ku kwemera icyaha (plea bargaining), guca ukurikiranyweho icyaha ihazabu nta rubanza (fine without trial), ibi bikaba byagabanyaga imanza zinjira mu Nkiko, ubundi bigatuma n'izinjijemo zoroha kuziburanisha;
- Gushyiraho gahunda yo guhugurira hamwe abagenzacyaha, abashinjacyaha n'abacamanza bagira uruhare mu manza zihuje kamere, hagamiywe kugira imyumvire imwe ku mategeko bakunze gukoresha;
- Gushyiraho itsinda rihuriweho n'Ubugenzacyaha, n'Ubushinjacyaha ndetse n'Ubucamanza ryajya rikurikirana rikanasesengura imanza zavuzweho gucibwa nabi hakarebwa intandoro, ndetse rikajya rigira abayobozi inama y'ibyakorwa;
- Gukomeza gahunda yo guhugurira abakoresha IECMS bose, bakayimenya ku rwego rutuma badakomeza gukora amakosa mu kuyuzuzamo amakuru;

4. UBUFATANYE BW'INZEGO MU KURWANYA UBWIYONGERE BW'IBYAHA N'UBUCUCIKE BW'ABAGORORWA MU MAGEREZA

Uwatanze ikiganiro : MUTANGANA Jean Bosco/Umushinjacyaha Mukuru

IRIBURIRO

Kurwanya ibyaha ni inshingano ya buri munyarwanda wese aho buri wese aba agomba gutanga amakuru ku cyaha mbere y'uko kiba kugira ngo gikumirwe kitaraba cyangwa se ngo gihanwe niba cyarangije kuba.

Muri urwo rwego, ingingo ya 243 y'itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange iteganywa ibihano ku "muntu wese umenya ko icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye kigiye gukorwa cyangwa cyakozwe ntahite abimenyeshya kandi abishoboye inzego zishinzwe umutekano, iz'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi kandi byari kukibuza gukorwa cyangwa kugabanya ingaruka zacyo, aba akoze icyaha".

Ibihano bigenda bitandukana bitewe n'ingaruka icyaha cyagize cyangwa uwo icyaha cyakorwe (mwana).

By'umwihariko gukumira ibyaha biri mu nshingano y'inzego z'umutekano, iz'ubuyobozi bw'ibanze ndetse n'iz'ubutabera. Ariko izo nzego zidakoranye n'abaturage ndetse cyangwa ngo zihuze imbaraga zazo (synergy of efforts) ntizagera ku nshingano yazo. Ni muri urwo rwego izi nzego zikorana inama zinyuranye n'abaturage ndetse zikanakorana n'itangazamakuru mu kumenyekanisha ububi bw'ibyaha hagamijwe gukangurira abaturage kubyirinda.

Icyakora iyo gukumira ibyaha bitageze ku ntego ni ngombwa gutera indi ntambwe hagakoreshwa guhana uwakoze icyaha (retribution) hatagamijwe kumwumvisha (vengeance) ahubwo hagamijwe kumwigisha we ubwe no kwigisha rubanda basigaye ingaruka z'icyaha kugira ngo nabo batazakigwamo (muri urwo rwego imanza zimwe na zimwe ziba zigomba kuburanishirizwa ahabereye icyaha), gukosora uwakoze icyaha kugira ngo atazavaho agisubira no kumufasha gusubira mu buzima busanzwe (rehabilitation and reintegration).

N'ubwo abantu benshi bibwira ko uburyo bwo gukurikirana ukekwa icyaha cyangwa guhana uwo cyahamye ari ukumushyira muri gereza ari nabyo bigira ingaruka ku kugira imfungwa n'abagororwa benshi muri Gereza zacu, ni ngombwa ko abantu bose cyane cyane abakora mu nzego z'ubutabera (abagenzacyaha, abashinjacyaha, abacamanza) bamenya ko gukurikirana umuntu afunze atari ihame (principe) ahubwo ari irengayobora (exception) ndetse ko no guhana uwakoze icyaha atari ukumushyira muri gereza gusa.

Nyuma yo kugaragaza ibibazo by'ubucucike mu magereza, iki kiganiro kiribanda ku ngamba z'amategeko zafashwe n'izishobora gufatwa kugira ngo icyo kibazo kigabanye ubukana ndetse n'icyakorwa kugira ngo ayo mategeko yubahirizwe.

2.1 IKIBAZO CY'UBWIYONGERE BW'AMADOSIYE MPANABYAHA UBUCUCIKE BW'IMFUNGWA N'ABAGORORWA MU MAGEREZA

2.1.1 Ubwiyongere bw'amadosiye mpanabyaha

Iyo dusesenguye uko amadosiye yinjiye mu Bushinjacyaha guhera mu 2016 ubwo itegeko ry'abunzi ryahindurwaga bakamburwa ububasha bwo kunga usanga amadosiye yaragiye yiyongera uko umwaka utashye mu buryo bukurikira:¹

2016-2017	35,509
2017-2018	43,226
2018-2019	45,444

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira ubwiyongere bw'amadosiye yinjiye bwagize ingaruka ku bwiyongere bw'imfungwa n'abagororwa mu buryo bukurira

Ubucucike mu magereza²

SN	UMWAKA	UMABARE W'ABAGOMBA KWAKIRWA	ABAKIRIWE	IJANISHA RY'UBUCUCIKE
1	2015-2016	52.710	51.112	96.9%
2	2016-2017	57481	58230	100.2%
3	2017-2018	57.482	66.392	114.6%

Iyi mbonerahamwe y'ubucucike mu magereza bugenda bwiyongera, iratugaragariza ko hakwiye gufatwa ingamba zihutirwa zo kugabanya ubu bucucike bumaze kurenga ubushobozi bw'abo gereza zigomba kwakira tutabariyemo ibibagendaho nk'ibibwira, imiti, ibyambarwa...byakorehwa mu zindi nyungu rusange nk'amavuriro, imihanda...

¹ Source: NPPA, Department of Inspectorate

² Source: NCHR annual reports

2.2 INGAMBA Z'AMATEGEKO AHARI YAKWIFASHISHWA MU GUHANGANA N'UBWINSHI BW'AMADOSIYE MPANABYAHA N'UBUCUCIKE BW'IMFUNGWA N'ABAGORORWA MU MAGEREZA

Iyo urebye itegeko rishya ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha usanga harimo ingingo zakwifashishwa n'abo bireba kugira ngo hirindwe ubwinshi bw'amadosiye nshinjabyaha yoherezwa mu nkiko ndetse n'umubare w'imfungwa n'abagororwa boherewe mu magereza.

1. Ku rwego rw'ubugenzacyaha

Ingingo ya 81 agace ka 1 CCP yemerera umugenzacyaha kuba yakoresha ubushishozi akarekura ukekwa hatanzwe ingwate ku byaha bito n'ibyaha byoroheje. Iyo uregwa ari umwana, ingingo 25 y'itegeko rirongerera umwana rimwemerera gusaba ko haba ubwumvikane hagati y'umwana, umubyeyi cyangwa umurera n'uwakorewe icyaha bikemezwa n'umushinjacyaha, iyo icyo cyaha gihanishwa igifungo kitarengeje imyaka itanu (5).

2. Ku rwego rw'ubushinjacyaha

Ku byaha byose umushinjacyaha akoresheje ubushishozi yemerewe kurekura uregwa akamuca ingwate (ingingo ya 81 agace ka 2 CCP)

Ku byaha bihanishwa igihano kiri muni y'imyaka 2 ccyangwa muni y'imyaka itanu ku bana yemerewe kumvikanisha uregwa n'uwakorewe icyaha hanyuma agashyingura dosiye (ingingo ya 24 agace ka 3 CCP)

Ku byaha abona ko umucamanza ashobora kuzahanisha uregwa ihazabu, yemerewe guca uregwa ihazabu amaze kumwukinvisha n'uwakorewe icyaha (ingingo ya 24 agace ka 4 n' ingingo ya 25 CCP).

3. Ku rwego rw'urukiko

Ku byaha byose, umucamanza waregewe ifunga/ifungura ry'agateganyo akoresheje ubushishozi yemerewe kurekura uregwa hatanzwe ingwate (ingingo ya 81 agace ka 3 CCP).

Mu gihe cy'iburanisha mu mizi ashobora gutanga igihano gisubitse hakurikijwe ibyo amategeko ateganyaga.

4. Ku rwego rwa Minisitiri y'ubutabera ifatanyije na RCS

Ingingo ya 234 CCP iteganya ko nibura rimwe mu mwaka Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa ashyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze urutonde rw'abasabye ifungurwa ry'agateganyo baba bujuje ibisabwa bakarihabwa biciye mu Iteka rya Minisitiri

Hakurikijwe ibyagaragajwe birakwiye ko inzego bireba zishyiraho amabwiriza (policies) zerekeye ifunga n'ifungura ndetse n'ihana ry'uwakoze icyaha kugira ngo abari mu nzego z'ubutabera bagire imyumvire imwe yo gukurikirana no guhana abanyabyaha ariko na none abo banyabyaha badahawe icyuho cyo gukora ibyaha ngo be guhanwa nk'uko amategeko abiteganya.

5. INGARUKA ZO KUDAHUZA IMYUMVIRE MU ISESENGURA RY'IMANZA MPANABYAHA

Uwatanze ikiganiro: Dr KARIMUNDA MUYOBOKE Aime (Perezida w'Urukiko rw'ubujurire)

Iriburiro

“Nta numwe mu banyamategeko bariho n'abazabaho ugomba guhirahira asesengura aya mategeko, icyemewe gusa ni ukuyahindura mu ki Gereki hakurikijwe uko atondekanye kandi n'uburyo amagambo y'iki Roma akurikiranye...niba ashaka kwandika ku bibazo bigaragara mu bice bimwe azajye akoresha interuro nto (paratitla). Birabujijwe gukora isesengura ry'amategeko, kubikora ni amahano (perversion), kubera ko ibigambo (verbosity) by'abakora isesengura bishobora gutera urujijo mu mategeko yacu bikanatuma atakarizwa icyizere. Ni hagira ukora icyo kintu (gusesengura), azafatwa nk'umuhemu kandi ibitabo bye bitwikwe (Justinian, Tanta, 21 (533: lx–lxi))³

Iki cyerekezo cyatumye isesengura ry'amategeko riba ikintu cy'imbonekarimwe (marginal phenomenon). Abanyamategeko bagasesengura amategeko iyo gusa itegeko, ku

³ “No one, of those who are skilled in the law at the present day or shall be hereafter, may dare to append any commentary to these laws, save only insofar as he may wish to translate them into the Greek language in the same order and sequence as those in which the Roman words are written [...]; and if perhaps he prefers to make notes on difficulties in certain passages, he may also compose what are called paratitla. But we do not permit them to forward other interpretations – or rather, perversions – of the laws, for fear lest their verbosity may cause such confusion in our legislation as to bring some discredit upon it. [...] If any should presume to do such a thing, they themselves are to be made subject to a charge of fraud, and moreover their books are to be destroyed.” Justinian, Tanta, 21 (533: lx–lxi)

bw'impanuka rigaragara ko rifite inenge. Ku ikubitiro buri munyamategeko agafata ko itegeko ryihagije kandi ko nta bindi bisobanuro rikeneye ku buryo mu gusesengura umucamanza abanza kugaragaza icyo anenga ingingo z'itegeko, hagamijwe kurinda ubusugi bw'itegeko (purity of the law).

Abacamanza basabwa kuba umunwa uvuga amagambo y'itegeko ntacyo bongereyeho cyangwa bagabanyijeho (la bouche de la loi). Uyu muco watangijwe na Justinian niwo washimangiye n'abashakashatsi bakomeye harimo na Charles-Louis de Secondat tuzi ku izina rya Montesquieu wanditse mu gitabo cyeye cyitwa L'Esprit des Lois (The Spirit of Laws) kimaze imyaka 271 wagize ati:

«Les juges de la nation ne sont que la bouche qui prononce les paroles de la loi, des êtres inanimés, qui n'en peuvent modérer ni la force ni la rigueur.»

Iki gitekerezo nicyo twagiye tugarukaho mu mategeko mpanabyaha yacu. Ingingo ya 3 y'itegeko-Teka ryo ku wa 18/08/1977, iya 4 y'itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012, iya 4 y'itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 zose zihuriza ku kuvuga ko **“amategeko ahana agomba gufatwa uko ateye....”**.

Iri hame icyakora rishoboka iyo imiterere y'ingingo y'itegeko ihura n'ikigamijwe. Iyo ikigamijwe n'imyandikire bidahuye cyangwa bitumvikana mu buryo bumwe, ushinzwe gukoresha itegeko abura icyerekezo.

Ikibazo cyibazwa hano ni ukumenya niba umucamanza ari umunwa uvuga ibyawushyizwemo gusa (une bouche automate/ automaton mouth) cyangwa niba kugirango umucamanza abe umunwa w'itegeko biterwa n'iremo ry'iryo tegeko ubwaryo.

Umuhanga Jean-Claude MARIN avuga ko uko hagenda habaho ubwiyongere bw'amategeko (inflation des législations), ni nako ireme ry'uburyo ingingo zandikwa rigenda rigabanuka, akenshi ugasanga amategeko ateye urujijo aho gutanga icyerekezo. Avuga ko icyo gihe, umucamanza, ashingiyeye ku mirongo yatanze n'inkiko mbere, agenda agira inshingano zo gusobanura ingingo z'amategeko bikagera n'aho atangira gushyiraho amategeko mu mwanya w'Umushingamategeko, ko icyo gihe noneho bikavugwa ko umucamanza ari umunwa umurikiye (une bouche éclairée/enlightened mouth), kandi akaba umunwa w'amategeko aho kuba uw'itegeko.

Umuhanga Jean-Étienne-Marie Portalis yigeze kugira ati:

Inshingano y'Umushingamategeko ni ugushakisha amahame arengera inyungu rusange, inshingano y'umucamanza ni ugushyira ayo mahame mu bikorwa, akayagura akoresheje ubushobozi n'inararibonye ku byabaye iyo amagambo y'itegeko atihagije. (*La science du législateur consiste à trouver dans chaque matière les principes les plus favorables au bien commun; la science du magistrat est de mettre ces principes en action, de les*

ramifier, de les étendre, par une application sage et raisonnée, aux hypothèses privées d'étudier l'esprit de la loi quand la lettre ne suffit pas).

Iyo Urukiko rutumvise iyi nshingano, gushyira mu bikorwa amategeko mpanabyaha biragorana.

1. I kibazo cyo gucura umugambi wo gukora icyaha (conspiracy)

Kuri iki kibazo haracyakoreshwa amategeko abiri (irya 2012 ku beregewe inkiko rigikoreshwa n'irya 2018). Gucura umugambi wo gukora icyaha ni ubwumvikane hagati y'abantu babiri cyangwa benshi bugamije gukora icyaha bikoze n'umwe cyangwa benshi muri bo.

Iki cyaha kiri mu rwego rw'ibyaha bidafite ibibigize byuzuye (inchoate crime). Iyo bigeze mu isesengurwa ryacyo bitera urujijo. Ese *conspiracy* ko yashyizwe mu ngingo ya 20 (Itegeko rya 2018), ingingo ya 25 (itegeko rya 2012) byaba bivuze ko icyo cyaha gishoboka ku byaha byose biri mu itegeko mpanabyaha?

Urugero, ese byaba bikwiye ko abantu bahamirwa gucura umugambi wo gutukana mu ruhame (ingingo ya 161, Itegeko rya 2018). Icyaha cyo gutukana mu ruhame gihanishwa igifungo kitarenze amezi abiri.

Mu rubanza Lt Col RUGIGANA Rugemangabo yaburanaga n'Ubushinjacyaha, uregwa yajuriye avuga ko Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwivugurije kuko hamwe rwavuze ko adahamwa n'icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho, rurongera ruvuga ko ahamwa n'icyaha cy'ubugambanyi ku cyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho, nyamara hatagaragajwe abo yagambanye nabo.

Ubushinjacyaha bwashubije ko Lt Col RUGIGANA Rugemangabo atagikurikiranweho icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho kandi ko iki cyaha gitandukanye n'icy'ubugambanyi, akaba asanga nta n'uburyo byakwitiranywa kuko umushingamategeko yatanze igisobanuro cy'ubugambanyi mu ngingo ya 25 y'Itegeko-Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana.

Icyo Ubushinjacyaha bwashatse kumvikanisha ni uko ubugambanyi buvugwa mu ngingo ya 25 y'Itegeko-Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana ari kimwe mu bigize icyaha cyo kugirira nabi ubutegetsi buriho aho kuba icyaha ubwacyo.

Kuri iyi ngingo, Urukiko rw'Ikirenga rwari rwaracye urubanza n° RPA 0050/15/CS-RPA 0031/16/CS ku wa 22/12/2017 hagati y'*Ubushinjacyaha na MUKASHYAKA Xaverine na bagenzi be* ku cyaha cy'ubugambanyi bugamije kugirira nabi ubutegetsi buriho cyangwa Perezida wa Repubulika rusobanura mu gika cya 35 ko:

“[ubugambanyi ari] ukwifatanya n’umutwe w’iterabwoba, ugamije kugirira nabi ubutegetsu buriho ukoresheje imbaraga za gisirikare cyangwa ubundi buryo, ukabikora ufasha cyangwa ushyigikira uwo mutwe mu bikorwa byawo nko kuwushakira abayoboke, inkunga, kugezwaho icengezamatwara na gahunda zawo ukazishyigikira cyangwa ugakoma mu nkokora uburyo n’imbaraga Leta ikoresha mu kurwanya uwo mutwe nibyo bigaragaza umugambi mubisha (hostile intent) uregwa yari afite...umugambi mubisha (hostile intent/animus hostilis) [ukaba] ugaragazwa no gufata Leta nk’umwanzi cyangwa kubw’impamvu izo arizo zose, umuturage agashaka gufasha umwanzi cyangwa gukoma mu nkokora ingamba za Leta mu kumurwanya, ibyo kandi bikaba bidasaba ko byanze bikunze uwo muturage abikorera ubugome cyangwa urwango afitiye Leta, ko apfa kuba yashatse kuyirwanya”

Nubwo uru rubanza rwaciwe ku wa 22/12/2017, urwa Lt Col RUGIGANA Rugemangabo rugacibwa ku wa 22/06/2018, icyagaragaye ni uko Ubushinjacyaha butakurikiye ibisobanuro byatanze n’Urukiko rw’Ikirenga. Ndetse mu iburanisha ry’urubanza rwa Lt MUTABAZI Joel na bagenzi be (16/07/2019) byagaragaye ko ubushinjacyaha bwakomeje kumva ko icyaha cy’ubugambanyi ku byaha bihungabanya umutekano w’igihugu gishingira ku ngingo ya 25 y’Itegeko-Ngenga no 01/2012/OL ryo ku wa 01/05/2012 rishyiraho igitabo cy’amategeko ahana.

Ibi bisobanuye ko Ubushinjacyaha butasomye ngo busobanukirwe umurongo watanze n’Urukiko rw’Ikirenga mu rubanza rwa MUKASHAKA Xavérine.

2. Ikoreshwa ry’itegeko mpanabyaha mu gihe

Ingingo ya 334, igika cya 2 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n’ibihano muri rusange iteganyaga ko “Icyakora, icyaha cyakozwe mbere y’uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda gihanwa hakurikijwe itegeko ryakigengaga **keretse mu gihe iri tegeko riteganyaga ibihano bito.**”

Iki gika cyahurije hamwe amahame abiri. Ihame ry’uko itegeko rivanwaho n’irindi. Ihame rya kabiri ni uko icyo itegeko rya mbere ritavuyeho ariko bikagaragara ko ibyaha ryateganyaga byagarutse mu itegeko rya kabiri, itegeko rya kabiri rikoreshwa ku byaha byakozwe ritarajyaho icyo riteganyaga ibihano bito.

Icyakora icyo usomye icyo gika bisa naho icyo umushingamategeko yitsitsaho ari igihano aho kuba ibyaha. Abaturanyi rero bavugaga ko icyo icyaha kitagarutse mu itegeko rishya, Urukiko rudakwiye kwirirwa rushakisha niba igihano cyoroheje cyangwa kitoroheje, bagasaba ahubwo ko Urukiko rwemeza ko icyaha cyavuyeho.

Mu rubanza n° RP ECON 00016/2018/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 31/12/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwasanze Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ntaho

riteganya icyaha cyo kunyereza umusoro, rushingiye ku ngingo ya 3, iya 8 n'ya 334 z'iryo Tegeko ruvuga ko bitoroshye kubona itegeko riteganya ibihano byoroheje mu gihe icyaha cyari giteganyijwe mu Itegeko-Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 ryashyiragaho Igitabo cy'amategeko ahana kitagarutse mu Itegeko rishya. Urukiko rwavuze ko icyaha cyo kunyereza umusoro cyavuyeho. Uku ni nako Urukiko rwabisanze mu rubanza Hategekimana Jean Damascène na bagenzi be baburanaga n'Ubushinjacyaha aho rwavuze ko, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, habayeho ubuzime bw'ikirego cy'ikurikiranacyaha.

Hari urundi rubanza ruri mu Rukiko rw'Ubujurire, ruteganyijwe gucibwa aho ababuranyi bazanye icyo kibazo. Urukiko rubajije Ubushinjacyaha ntibwabasha guha Urukiko icyerekezo gikwiye.

3. Ifunga n'ifungura ry'agateganyo

Mu rubanza rwa SEMAHORO Musabwa n'Ubugenzacyaha (N° RPA 00010/2018/CA) rwaciye ku wa 12/07/2019, Ubushinjacyaha bwabanye Urukiko kwemeza ko ubujurire nta shingiro bufite bitewe n'uko ingingo ya 105, igika cya 5, y'Itegeko n° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko niyo haba hari inenge ku cyemezo gifunga by'agateganyo ku buryo byafatwa ko uregwa afunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ufunzwe atarekurwa iyo hari impamvu zikomeye zigaragaza ko yakoze icyaha, ahubwo ko akomeza gufungwa, hanyuma agakurikirana uwakoze ayo makosa.

Avoka yavuze ko icyo basaba ari uko abo bunganira barekurwa by'agateganyo hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 105 n'ya 121, igika cya 2, y'Itegeko no 30/2013 ryo ku wa 30/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha kandi ko uregwa yemerewe kubisaba aho urubanza rwaba rugeze hose.

Urukiko rw'Ikirenga rwari rwarafashe umwanzuro kuri icyo kibazo ku wa 28/04/2017 mu rubanza Ubushinjacyaha bwaburanaga na MBARUSHIMANA Bernard aho rwavuze ko ubujurire bw'imanza zibanziriza izindi bugomba gukorerwa rimwe n'urubanza rw'iremezo, kandi ko ibyo ntaho bibangamiye uburenganzira bw'uregwa bwo kujurira kuko abugumana, akabukoresha igihe urubanza mu mizi rumaze gucibwa.⁴

Bikaba nabyo bigaragaza ko impaka zatewe n'uko ababuranyi batari bazi uyu murongo.

4. Ibyaha bijyanye n'umudendezo w'igihugu

Hari ibyaha bihindurirwa amagambo yari abigize bigateza impaka mu Rukiko, aba Avoka bakavuga ko ibitari mu itegeko ari uko Umushingamategeko yabivanyemo kandi aribyo

⁴ Reba urubanza n° RPA/GEN 0009/16/CS-RPA/GEN 0010/16/CS rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/04/2017, igika cya 19.

aba “clients” babo baregwaga. Abashinjacyaha bamwe bakabyemera batyo abandi bakavuga ko nubwo bitari mu itegeko rishya ariko Umushingamategeko yabivuze ukundi. Urugero akaba ari ingingo 463 y’Itegeko rya 2012 ugereranyije n’ingingo ya 204 y’Itegeko rya 2018.

Twakwibutsa ko iri tegeko ryatowe nta politiki y’ibyaha n’ibihano ihari, inyandiko nsobanura mpamvu (*exposé des motifs*) ntabwo ahanini isobanura impamvu ingingo iyi n’iyi yahinduwe. Iyo Urukiko rushatse kwiambaza *Travaux préparatoires*, rusanga ahanini ntazo Inteko Nshingamategeko iratangira gutangaza, bikagora Urukiko kumenya icyari kigamijwe.

UMWANZURO

Mu mategeko mpanabyaha umucamanza ntabwo yakora inshingano ze uko bikwiye ururimi rudahujwe n’ikigamijwe. Itegeko rigizwe n’amagambo. Uburyo ururimi rukoresha mu itegeko bikwiye kwitabwaho. Ntabwo bihagije gushyiraho itegeko ritabogamye. Ahubwo birakwiye ko, mu mategeko mpanabyaha, ururimi n’ikigamijwe iteka bihuzwa. Akenshi abacamanza babura icyerecyezo iyo hari icyuho mu rurimi rwakoreshejwe mu itegeko. icyo cyuho gituma bidakunda ko itegeko ryumvikana mu buryo bumwe, ugasanga kandi amahame y’isesengura ntacyo amariye inteko. Iyo rero inteko zidasesengura mu buryo bumwe amategeko yakagombye kuba yumvikana mu buryo bumwe, bituma abaturage batera icyizere Urukiko, bikaba byanatera ipfunwe bamwe mu bacamanza mu gihe imanza zabo zigwaho na bagenzi babo nk’urugero rw’imanza zafashe icyerekezo kitari cyo. Umushakashatsi Solan avuga ko iyo abacamanza bakoresha amategeko agaragaramo kuduha ururimi n’ikigamijwe bagira umuhati wo gusobanura icyo itegeko ryari rikwiye kuba rivuga, uwo muhate ugatuma basenya icyizere cy’urwego barwanaga no kwubaka.

6. IBIBAZO BIGARAGARA MU MADOSIYE Y'IBYAHA BY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA ABANA

Uwatanze ikiganiro : **MUHONGERWA Agnes** (Umuyobozi w'Ishami rikurikirana amadosiye y'ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina)

INTANGIRIRO

Umwana ni impano ikomeye itangwa n'Imana. Iyi mpano ikwiye kubungabungwa ndetse ikarengerwa na buri muntu, yaba umukuru cyangwa umuto.

Mu rwego rw'amategeko agenderwaho mu ikurikiranacyaha, umwana uvugwa ni umuntu wese utaragira imyaka cumi n'umunani y'amavuko.

Mu isi hagiye hashyirwaho amategeko atandukanye, yaba amategeko yihariye y'ibihugu ndetse hanashyizweho amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga arengera umwana.

Mu Rwanda, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015, mu ngingo yaryo ya 19 igira iti “ **Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi Banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga.**”

Hashyizweho kandi itegeko rirengera umwana; Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana.

N'ubwo hashyizweho amategeko menshi ndetse na politiki zitandukanye hagamijwe kurengera umwana, hakomeje kugaragara imibare myinshi y'abana bahohoterwa.

Mu bwoko bw'ihohoterwa rikorerwa umwana, iriza ku isonga ni “**icyaha cyo gusambanya umwana.**”

Mu gukurikirana abakekwa gukora iki cyaha, hagenda hagaragara imbogamizi zitandukanye zishingiye kuri ibi bikurikira: **Kubura kw'ibimenyetso , imiterere y'ingingo zimwe z'amategeko, imikorere cyangwa imyumvire y'abantu mu ikurikiranacyaha muri aya madosiye.**

Izi mbogamizi zituma rimwe na rimwe abakekwa badahamwa n'ibyaha, bityo umwana wahohotewe ndetse n'uwakoze icyaha ntibahabwe ubutabera.

1. IGISOBANURO CY'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina: “ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorwa **umuntu** haba **ku mubiri**, mu **mitekerereze**, ku **myanya ndangagitsina** no ku **mutungo**, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. icyo gikorwa **kimuvutsa uburenganzira bwe** kandi **kikamugiraho ingaruka mbi**. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo.”(Reba ingingo ya 2 y'itegeko N°59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina).

Iri hohoterwa rikorerwa abantu, ni ukuvuga ko n'abana barikorerwa. Ariko nk'uko twabivuze haruguru ihohoterwa abana bakunze gukorerwa cyane, ni iri rikorerwa **ku myanya ndangagitsina, cyangwa irikorwa hagamijwe ishimishamubiri**.

Imibare y'amadosiye y'icyi cyaha igenda yiyongera buri mwaka, tugendeye ku madosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakira buri mwaka.

UKO AMADOSIYE Y'IBI BYAHA YAGIYE YAKIRWA N'UKO IMANZA ZAGIYE ZIBURANISHWA MU MYAKA ITANU ISHIZE

a. Uko dosiye zo gusambanya umwana zinjiye mu Bushinjacyaha bukuru

UMWAKA	AYINJIYE	AYAREGEWE INKIKO	AYASHYINGUWE	% AYAKOZWE
2014-2015	1879	1166	698	99,2%
2015-2016	1917	1207	700	99,4%
2016-2017	2086	1285	766	98,3%
2017-2018	2996	1866	1096	98,9%
2018-2019	3363	2221	1129	99,6%
Nyakanga-Nzeri 2019-2020	866	448	184	73%

N.B: Ukwiyeongera kw'aya madosiye bigaragaza ko n'umubare w'abakorerwa ibi byaha wiyongera, ariko ibi binafatwa nk'umusaruro w'ubukangurambaga bugenda bukorwa hirya no hino aho abantu baba basabwa kumenyekanisha ibi byaha.

Uko Ubushinjacyaha bwatsinze izi manza

UMWAKA	DOSIYE ZASOMYE	IZO TWATSINZE	IZO TWATSINZWE	CONVICTION RATE
2014-2015	814	632	182	77,6%
2015-2016	840	647	193	77,2%
2016-2017	1355	1109	246	81,85%
2017-2018	1480	1168	312	78,9%
2018-2019	1673	1222	451	73%
Nyakanga-Nzeri 2019-2020	386	264	122	68%

N.B: Ni ngombwa ko dosiye zikwiye kuregerwa inkiko zuzuje ibimenyetso. Ibimenyetso bishingiye kuri DNA ni byiza, ariko mu gihe bidashobora kuboneka hakwiye kujya hashingirwa ku bindi bimenyetso aho gushyingura Dosiye cyangwa kugira uregwa umwere .

2. IBIBAZO BIGARAGARA MU MADOSIYE Y'IMANZA Z'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKORERWA UMWANA

Mu gukurikirana amadosiye y'ibi byaha hagenda hagaragaramo ibibazo bitandukanye, ariko ibyinshi ni **ibishingiye ku ibura ry'ibimeyetso**, bimwe muri ibyo twavuga ibi bikurikira:

1. IMITERERE Y'IBIMENYETSO MURI DOSIYE

- Ibi byaha bikorerwa ahantu hihireye bityo akenshi n'uwagikorewe agatinda kumenyekanisha ko yakorewe icyaha,
- Gutinda kugera kwa muganga ngo hafatwe ibimeyetso hakiri kare
- Raporo z'abaganga zitera urujijo cyangwa ugasanga umuganga yafashe role y'umucamanza,
- Uwahohotewe uhabwa requisition yo kujya kwa muganga hanyuma kubera impamvu zitandukanye ntajeyo
- Kutagera ahabereye icyaha kigikorwa ngo habe hafatwa ibimenyetso: imyenda cyangwa ibindi bizafasha mu butabera

- Abatangabuhama baba batabajijwe hakiri kare,
- Aho usanga icyaha kigikorwa, uwahohotewe yoherezwa kwa muganga ariko ukekwa ntiyoherezwe yo, ahubwo akabanza gushyirwa muri cashot iyo agifatwa,
- Ibyemezo by'amavuko bitaboneka cyangwa bikaza bivuguruzanya,
- Dosiye zo gusambanya umwana muto, usanga irimo imvugo ya nyina n'umwana gusa, nta na Raporo psychologique yigeze isabwa ,

2. IMITERERE Y'AMATEGEKO

Mu rwego rw'amategeko nta bibazo byinshi birimo, gusa twavugaga kuri ibi bikurikira:

1. **Iteka rya Minisitiri No 002/MoH ryo kuwa 08/04/2019**, rigena ibigomba kubahirizwa ku gira ngo muganga akuremo umuntu inda; **ingingo ya 10** iteganya ko umuganga ukuyemo inda agomba kubigira ibanga⁵, kandi ko bayimukuriramo nta rupapuro rumwohereza babanje kumusaba (**Ingingo ya 9**)⁶.

N.B: Iyi nda igiye gukurwamo, niyo yari kuzaba kimwe mu bimenyetso byashingirwaho hakurikiranwa uwasambanyije uwo mwana. Kuba nta samples zizafatwa bizagorana gutsinda iyi dosiye. Byakabaye byiza umwana wese usaba gukurirwamo inda abanje kunyura kuri IOSC, byibura bagasaba umuganga kugira samples afata kuri iyo nda ikurwamo.

2. Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana, Ingingo yaryo ya 26, iteganya ko umwirondoro w'umwana utagomba gutangarizwa rubanda cyangwa ibitangazamakuru.

N.B: Kugeza n'ubu hari imanza nyinshi zicibwa hagikoreshwa amazina yose ya Victim.

⁵ **Ingingo ya 10: Kugirirwa ibanga**

Umuganga n'ikigo cy'ubuvuzi bakiriye umuntu usaba gukurirwamo inda bagomba kwita ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwo **kugirirwa ibanga**

⁶ **Ingingo ya 9: Guhabwa serivisi yo gukurirwamo inda**

Umuntu wifuzaga kubona serivisi yo gukurirwamo inda afite uburenganzira bwo kugana ikigo cy'ubuvuzi cyabihereye uburenganzira yihitiyemo no guhabwa serivisi **akeneye atabanje kubazwa urupapuro ruhamwohereza.**

3. IBIJYANYE N'IMIKORERE CYANGWA IMYUMVIRE Y'ABAKURIKIRANA AYA MADOSIYE.

- Aho hadakorwa iperereza ry'inyongera kandi byari ngombwa,
- Aho umucamanza ataba actif mu rubanza nshinjabyaha, yabona hari ikimenyetso umushinjacyaha atagaragaje, ubwo uregwa agahita agirwa umwere.
- Aho urukiko rwanga guha agaciro ibindi bimenyetso ngo kuba DNA itarakozwe nta kindi kimenyetso cyashingirwaho,
- Aho urukiko rugira uregwa umwere ngo ni uko nta acte de naissance yashatswe,
- Aho urukiko rugira uregwa umwere ngo umwana yasambanyije wari ufite imyaka 17 irengaho ukwezi, ngo ubwo ntakiri umwana kuko yamaze kwinjira mu mwaka wa 18,
- Aho uregwa aba yaremeye icyaha kuva mu bugenzacyaha kugeza mu Rukiko anasobanura uko yakozwe icyaha, ariko DNA results zaza zigaragaza ko umwana atari uwe, Urukiko rugahita rumugira umwere, nk'aho yaregwaga gutera inda!!!!
- Dosiye aho uregwa kubana nk'umugore n'umugabo n'umwana utarageza imyaka 18, avuga ko atari azi imyaka y'umwana bityo ko nta intention yari afite yo gukora icyaha, urukiko rukamugira umwere, kabone n'yo harimo ibyangombwa bigaragaza ko victim yari mineur.

4. NI IBIKI BY'INGENZI BIKWIYE KUBA BIGARAGARA MURI DOSIYE ZO GUSAMBANYA UMWANA?

Mu bijyanye n'ibimenyetso, muri izi dosiye ntabwo ari buri gihe ko habonekamo ibimenyetso bya DNA, kuko ibi bimenyetso bigira amasaha kugira ngo bibe byafashwe.

Inzego z'ubutabera zikaba zigomba kumenya ko muri dosiye zo gusambanya umwana mu gihe umwana adahise abivuga, ngo ahite ayanwa kwa muganga, cyangwa ngo habe hafashwe imyenda yari yambaye harebwe niba hari ibimenyetso byayisigayeho, iyi Raporo ya DNA ntishobora kuzaboneka; akaba ariyo mpamvu hajya hashingirwa no ku bindi bimenyetso mu guca urubanza

Dosiye yose igira imiterere yayo, ndetse n'ibimenyetso ntabwo ari ngombwa ko biba bisa muri dosiye zose; ariko by'umwihariko muri dosiye zo gusambanya abana, mu gihe bishoboka ibi bikurikira bikwiye kuba biri muri dosiye:

1. Inyandiko mvugo y'uwahohotewe igihe ariho
2. Inyandiko mvugo y'uregwa
3. Inyandiko mvugo z'abatangabuhamya igihe bahari
4. Inyandiko zigaragaza igihe victim/ suspect yavukiye
5. Requisition isaba Raporo ya muganga/victim/suspect

6. Raporo ya muganga/victim/suspect
7. Raporo scientifique niba hari samples, zafashwe bitewe n'igihe icyaha cyabereye
8. Pv de constant y'aho icyaha cyabereye kuko akenshi ihuza ibyavuzwe na victim n'aho icyaha cyabereye
9. Raporo psychologique mu gihe hari ibyo umwana atabasha gusobanura neza

5. ICYAKORWA MU KURWANYA IBI BYAHA

1. Mu muryango ababyeyi bakwiye kuba inshuti z'abana babo bakagerageza kubaha umwana, kugeza ku rugero rw'aho umwana adashobora kugira icyo ahisha umubyeyi we igihe yagize ikibazo,
2. Mu gihe umwana ahohotewe bikamenyekana kare, bataramwoza bihutire guhita bamugeza kuri isange one stop centers mu rwego rwo gukumira indwara, kurinda ko yasama ariko no kumufataho ibimenyetso bitarasibangana,
3. Kwakira neza uwahohotewe no kumuha umwana uhagije agasobanura ibyamubayeho, kuko mubyo asobanura niho hava amakuru yandi ashobora kugufasha kubona ibimenyetso,
4. Aho bishoboka uwahohotewe akwiye kuza gusobanurira umucamanza uko yakorewe icyaha kabone n'iyi yaba ataratanze ikirego cy'indishyi,
5. Ubufatanye mu kurwanya ibikorwa byo kunga uwakoze icyaha n'uwagikorewe mu gihe habaye icyaha cyo gusambanya umwana,
6. Gukora ku buryo ahamwe n'ibi byaha ku buryo budasubirwaho bakwiye kujya batangazwa mu bitangazamakuru n'ahandi hose hashoboka, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 y' Iteka rya Minisitiri w'Intebe No 001/03 ryo kuwa 11/01/2012 rigena uburyo inzego za Leta zikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikanagena uburyo bwo kurengera uwahohotewe,
7. Hakwiye kugenwa uburyo abana bakorewe ibi byaha bakaba barabyaye bafashwa, kuko akenshi usanga bariho mu buzima bubiri, ari nacyo gituma baza gushinjura ababa barabasambanyije kuko hari ibyo baba babizeza cyangwa babafashisha.
8. Abakurikirana ibi byaha ndetse n'ababiburanisha bakwiye amahugurwa ahoraho ajoyane n'ibi byaha ndetse n'uburyo bwo kubikurikirana.
9. Gukora ubuvugizi ku buryo Iteka rya Minisitiri No 002/MoH ryo kuwa 08/04/2019 rigena ibigomba kubahirizwa ku gira ngo muganga akuremo umuntu inda, ryateganywa ko usaba gukorirwamo inda ari umwana yabanza akanyura kuri IOSC, agafasha mu kwegeranya ibimenyetso by'ibanze mu gukurikirana uwakoze icyaha.

6. UMWANZURO.

Mu kugenza ibi byaha, mu kubukurikirana mu nkiko no guca izi manza, birasaba ibimenyetso bidashidikanywaho, ariko biranasaba kugira umutima wa kinyamwuga (conscience professionnelle).

Turasabwa guharanira gukora neza ibyo dushinzwe; ibyo bigezweho urengana yarenganurwa maze uwakoze icyaha akagihanirwa.

“Dufanye twese turwanye ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa umwana”

7. INGAMBA ZO GUGUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA: UBURYO BWO GUHUZA UMUCO, INDANGAGACIRO ZA KINYARWANDA N'ICYEREKEZO CY'ISI

Uwatanze ikiganiro: Padiri Prof. Dr. NYOMBAYIRE Faustin

IRIBURIRO

Ni ngombwa gukumira ibyaha, kuko biturinda gushya amaboko twunga cyangwa duhana, kuko hari n'ibiba byarenze igaruriro.

Gukumira kandi tuvuga si ugutangatanga ibyatangiye ahubwo ni ugutora imico iturinda ibykwaduka bitwangiza cyangwa bitwangiriza : ni ugukingira.

Ku ngingo itureba, umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo kubihuza n'icyerekezo cy'isi, si ikindi kindi ni ukumenya uwo muco nyine mu biwugize n'ibiwuranga, tukawureba twireba mu by'ukuri mu gihe tugezemo (kuko igihugu cyacu atari ikirwa mu isi dutuye kandi isigaye idusanga iwacu) ; ibi bigashingira mu rugo (mu muryango) bikisanzurira mu burere no mu burezi ; maze iterambere muri ibi n'ibi ntiridutokoze ahubwo ibyo twunguka byose tukagenda tubishungura kugirango bitubyarire amajyambere.

Umuco urakura : kujya mbere bivuga kugira aho uva n'aho ujya, ibyo usiga n'ibyo usanga, ibyo uta n'ibyo wunguka ngo urusheho kuba wowe. Indangagaciro rero, nk'imwe mu ngiramuco kandi iri ku isonga, nazo zigizwe n'indangagaciro ntayega (ubupfura), n'izindi zigenda zibwinyagamburiramo uko ibihe biha ibindi.

1. **Umuryango** : Mu rugo, mu muryango, niho byose bikirira cyangwa bikahapfira (niho mu iterura).

1.1. **Mu ishingwa ry'umuryango** hari ubukwe n'indangagaciro zabwo, twavugamo : ubusabane bw'imiryango, kudashyuhaguzwa, gukomera ku masezerano, ubufatanye no kujya inama...

1.2. **Mu rugo ubwarwo** : urukundo, kujya inama, kumenya inshingano no kuzibukiranya, kubahiriza ubudasa mu bwuzuzanye (« intorezo irasa »...), ubwitange, kwitsinda no kwigomwa, gushyira mu buryo no gufata umwanya, gusobanura ibintu mu kuri no gihe cyabyo (*graduality*), ...

1.3. **Urugo mu muryango mugari** : isano n'inshingano za buri cyiciro (nyirasenge, sekuru...), kutaba nyamwigendaho, gufata umwana wese nk'uwawe...

2. **Uburere n'uburezi** : Kudaheza ababyeyi mu burezi, cyane cyane ko hari n'ikoranabuhanga rivangira bombi ; kutabubusanya (*pédagogie alternative*), kudaca iyubusamo, kumenya gutegereza, kutayoragura, kwamurura (kuvuga OYA : « *se tu mi ami non dirmi sempre si* »), urugero (*Uwiba ahetse...*)...

3. **Icyerekezo cya muntu, cy'igihugu n'icy'isi dutuye:**

Uburere-burere bwubaka umuntu bumubanisha n'abandi ; yego, indangagaciro zibanza kubaka umutimanama (imibereho timangiro), ariko inyinshi ni izitubanisha n'abandi, ngo twubakane mu buntu kandi twubake igihugu dufatanyije twuzuzanya. Ariko nanone turi mu isi yabaye umudugudu kubera ikomatanyabukungu n'ikusanyamico (globalization) kandi ifite umuvuduko usakazwa n'ikoranabuhanga mu itumanaho, kandi ntabwo turi ikirwa.

4. **Guhuza umuco wacu (n'indangagaciro zawo) n'icyerekezo cy'isi**

Ni ngombwa rero mbere na mbere kwimenya no kumenya isi turimo, tukikomeraho tutigungiyeye ku twacu gusa. amajyambere n'iterambere tukabishokana impirita ariko tutihakanye icyo turi cyo ; ibyo twunguka (duhaha cyangwa duhanga) tukabijyanisha n'ubudasa bwacu budakwiye kudutera umwirato cyangwa ipfunwe.

Umuco wacu n'indangagaciro ntibivuguruzanya n'icyerekezo cy'isi y'amajyambere turimo, kubijyanisha ahubwo biduha guhinduka tudahindanye. Amategeko n'ubundi ashingira imizi mu ndangagaciro: iyo tuziyubakishije zitugira imfura, n'amategeko iyo tuyubahirije araturinda. Aho tutabona neza tukajya inama, kandi abajya inama imana irabasanga.

8. UBWUNZI MU NKIKO : ICYO ARI CYO, AKAMARO KABWO NAHO BUKWIYE KUGARUKIRA

Uwatanze ikiganiro: **UWICYEZA Bernadette (Impuguke mu mategeko agenga ubwunzi)**

1. INZIRA Y'UBWUNZI MU GUKEMURA IMPAKA

Abantu bahitamo inzira yo gukemura impaka n'amakimbirane mu buryo butandukanye. Hari abahitamo gukoresha ingufu kugira ngo uwo bafitanye ikibazo akore ibyo bashaka, abandi bagahagarara ku burenganzira bahabwa n'amategeko, abandi bagahitamo inzira y'ibiganiro n'ubwumvikane. Ubwunzi bushingira kuri iyo nzira ya gatatu yo gushyikirana mu biganiro no gushaka gisubiza abafitanye ibibazo bahurizaho.

Iyo abantu bagiranye amakimbirane, buri wese aba afite ukuri kwe, kenshi haba hari n'amarangamutima atuma umuntu adatekereza neza. Niyo mpamvu hazamo umuhuza ufasha impande zombi buri wese kumva undi. Guhuza bisaba kumva no gusobanukirwa ibibazo impande zombi zifite mu mizi yabyo, inyungu buri wese ashaka kurengera, kuganira ku bisubizo byose bishoboka, kureba icyo buri wese yakwigomwa mu gihe inyungu zitandukanye, gusabana imbabazi iyo bishoboka. Inyungu ntabwo ari ibintu bifatika gusa nk'amafaranga cyangwa indi mitungo, hashobora kubamo ibindi bintu bidafatika nko guhabwa agaciro, kumva ufite umutekano, gusabana imbabazi, kwanga guhemuka, kuba intore, kwanga ikimwaro, kwitabwaho nk'umuntu, kubahwa n'ibindi.

Ubu buryo bwo guhuza inyungu z'abafitanye amakimbirane no kureba aho bahuriza birahendutse kandi bigera ku bisubizo byiza kurusha gukoresha ingufu cyangwa amategeko n'ibimenyetso. Kwita ku nyungu za buri ruhande bifasha gushyira ahabona ibibazo byari bihishwe no kubishakira ibisubizo bikwiye. Bifasha kandi kumenya ibyo abafitanye impaka baha agaciro kuruta ibindi, ibyo bashobora guhana bitabangamiye inyungu zabo ku buryo birangira bageze ku mwanzuro buri wese yumva ko yakiriye.

Ibi ntibivuga kwirengagiza amategeko cyangwa ingufu n'imbaraga abantu bafite bashobora kwishingikirizaho. Hari igihe umuntu kugira ngo yumvikane agomba kuba yumvise ko nta mahirwe afite yo gutsinda aramutse aburanye mu nkiko cyangwa se ko byamuhenda kurusha kumvikana cyangwa se ko gukoresha imbaraga n'ububafasha afite ataribyo bituma ikibazo kirangira neza. Hari ni igihe impande zombi ziba zikeneye kumva inyungu zifite mu kumvikana kurusha kuburana cyangwa guhangana. Inzira y'ubwunzi niyo itanga ayo mahirwe yo guhitamo, buri wese yabonye icyo afitemo inyungu ari ukumvikana, kuburana mu nkiko cyangwa se gukoresha ingufu. Ari nayo mpamvu igihe cyose igihugu cyubaka inzira yo gukemura impaka n'amakimbirane intego nyamukuru ikwiye kuba gushyiraho inzira yo gukemura impaka hakoreshejwe ibiganiro mu buryo buhuza inyungu z'impande zombi, byananirana hakarebwa uburenganzira

butangwa n'amategeko, gukoresha imbaraga bikaba gusa iyo ibindi byose byananiranye. Ntabwo ubwunzi bwashoboka hatariho amategeko meza n'inkiko ziyubahiriza zikanafasha gushyira mu bikorwa umwanzuro w'Ubwumvikane. Inkiko n'Ubwunzi biruzuzanya.

2. UKO ABANYARWANDA BUMVA UBWUNZI

Abanyarwanda bumva Ubwunzi nk'uburyo bwo guca imanza no gutanga ubutabera bwa mbere y'Ubukoloni. Ubutabera bwa mbere y'ubukoloni bwabaga bugamije kurandura imizi y'ibibazo kutumvikana bishingiyeho, kubanisha neza imiryango n'abaturage. Ubwo butabera bwari bwubakiye ku baturage, ibyo bakeneye, ibyo bifuza, ibibazo bafite.

Ubutabera bwa mbere y'abakoloni bwari bwubakiye kandi ku ndangagaciro n'intekerezo byatumaga ubwo butabera bwubakiye ku banyarwanda bushoboka : **Kubaho ni Ukubana ; Umuryangp utazimuye urazima ; Nta muryango utagira mukuru, kudatira igihango, Kutarenga umweko..etc.**

Mu gihe habaga habaye icyaha cyakwitwa nshinjabyaha mu mategeko ariho, uwakoze icyaha yabaga yagikoreye umuryango w'uwakoreweho icyaha kandi icyaha cyakozwe cyabarwaga ku muryango wose w'uwigikoze. Icyaha cyitirirwaga umuryango wose, cyikareba umuryango wose.

Ubutabera bwabaga bugamije guhangana n'ingaruka z'icyaha, gutuma abantu birengera ingaruka z'icyaha bakoze ibintu bigasubizwa mu buryo, kugarura amahoro n'umutekano wa buri wese aho icyaha cyabereye, kugarura umwuka mwiza utuma abantu bakomeza ubuzima hamwe.

Ubwo buryo bwo gutanga ubutabera bwaje gukurwaho n'ubukoloni haza ubutabera bushingiyeye ku mategeko n'ibimenyetso, bukoresha abize amategeko aho guha ijamba abafitanye ibibazo, bukoresha imvugo ijimije abaje mu rukiko kurenganurwa batumva, butita ku mibanire y'abantu, budasubiza ibibazo abaturage bafite mu mizi yabyo, buvamo urwangano n'inzigo.

Ubwo butabera u Rwanda rwazwe n'abakoloni bwari bwubakiye kuri sosiyeti ya nyamwigendaho, itita ku mibanire y'abantu. Ubwo nibwo butabera bugifite imbaraga mu nkiko kandi mu bihugu tubukuramo bamaze imyaka hafi mirongo itanu bagerageza kubihindura kugira ngo bazanemo ubwunzi badusanganye kuko bamaze kubona ko hari ibibazo badashobora gukemurwa rw'ubutabera bwubakiye ku mategeko gusa, harimo kuzuzanya abantu mu magereza, gusenya imiryango, kutarengera inyungu z'ababuranyi, gutakaza igihe n'amafaranga ku baburanyi.

3. UBWUNZI BUMAZE KUBA ICYEREKEZO CY'ISI MU GUKEMURA IMPAKA

Ibihugu nibura 80 ku isi byamaze gushyiraho amategeko n'inzeho ziteza imbere ubwunzi hamwe na gahunda z'ubwunzi mu nkiko ndetse na mbere yo kuregera inkiko.

Imiryango itandukanye y'Ibihugu nayo yashyizeho amategeko ashigikira ubwunzi : Umuryango w'Ubumwe bw'Iburayi muri 2008, Umuryango w'Ibihugu bihuriye ku mategeko y'Ubucuruzi biri muri Afurika y'Uburengerazuba na Afurika yo hagati yatiye Itegeko ry'Ubwunzi muri 2018.

Mu gihe cy'Umwaka hagati ya 2016 na 2017 habayeho mu mugi itandukanye 28 ku isi mu bihugu 24, inama zahuje abantu bakora mu nzego z'ubutabera n'abafatanyika bikorwa babo barenga ibihumbi bine, biga ku buryo bwiza bwo gukemura impaka mu kinyejana isi igezemo. Muri izo inama haberagamo n'ubushakashatsi kuri icyo ngingo. Raporo rusange yagaragaje ko abagana ubutabera bifuzako abavokaga bajya bumvikana mu kubakemurira ibibazo aho guhangana hagati yabo. Bagaragaje kandi ko bishimira inzira z'ibiganiriro mu gukemura impaka kurusha kuba bafatirwa ibyemezo.

Muri 2018, Komisiyo ya Loni ishinzwe guteza imbere Ubwisanzure mu bucuruzi (UNCITRAL) yemeje itegeko ry'icyitegererezo ku bwunzi rigamije gufasha ibihugu gushyiraho amategeko ateza imbere ubwunzi, yanashyizeho kandi amasezerano afasha mu gushyira mu bikorwa imyanzuro mpuzamahanga y'Ubwumvikane mu bwunzi mu bihugu byasinye ayo masezerano. Umuhango wo gusinya ayo masezerano yabereye muri Singapore ku wa 7/8/2019

Ubwunzi bukorwa mu nzira zitandukanye. Mu bihugu bimwe, Inkiko zifite abahuza zikorana n'abo mu nkiko (Court annexed mediation), bagakora nk'abakozi b'Inkiko cyangwa abahuza bigenga bakorera mu nkiko igihe bahamagawe. Mu bindi bihugu cyangwa se mu nkiko zimwe mu gihe, Inkiko zohereza abaturanyi mu bunzi bikorera ku giti cyabo. Hari naho ubwunzi biba itegeko mbere yo kuregera inkiko.

Hari uwakwibaza ngo ese abacamanza bashobora kungababuranyi kandi bari bubaburanishe? Mu bihugu bimwe nka Singapore, Ubwunzi bwatangiye bukorwa n'abacamanza. Byatumye abaturanyi bamenyera ubwunzi, batangira kujya bajya mu bunzi bigenga.

Ikindi kibazo abantu bibaza kijyanye n'ibi, ni uko umucamanza wakoze ubwunzi iyo bunaniranye ataburanisha urwo rubanza. Mu bihugu bimwe, impande zombi zibisabye ashobora kuburanisha kuko ubwo ntabwo baba bashobora kumwihana ariko hano iwacu, amabwiriza agenga ubwunzi ateganyako umucamanza wagiye mu bwunzi ataburanisha mu mizi y'Urubanza.

4. UBWUNZI MU NKIKO MU RWANDA

Kuva muri 2012, Ubwunzi bwateganijwe mu manza zaregewe inkiko. Umwanditsi yashoboraga kumvikanisha ababuranyi mu nama ntegururubanza. Mu manza z'ubucuruzi abacamanza nabo bashoboraga kumvikanisha ababuranyi.

Itegeko rigenga Imiburanishirize y'imanza rya 2018 riteganyaga ko ababuranyi bashobora kumvikana gihe cyose Urukiko rutarafata icyemezo. Bashobora kwiyumvikanira bo ubwabo cyangwa bagasaba urukiko kubafasha kumvikana binyuze mu nzira y'Ubwunzi.

Itegeko riteganyaga kandi ko mu gihe cyo gutegura urubanza, umwanditsi ashishikariza ababuranyi kumvinaka abibafashijemo cyangwa se babifashijwemo n'umucamanza cyangwa undi muhuza wemewe.

Kuva 2017, Urwego rw'Ubucamamanza rwashyize imbaraga mu bwunzi, rutangirira mu rukiko rw'ubucuruzi, ruhugura abacamanza bose muri Tekiniki z'Ubwunzi, rwongeraho abavoka bakunda kugira imanza mu nkiko z'ubucuruzi hamwe n'abanyamategeko b'ibigo bikunda kugira imanza nka za banki, rutangiza umushinga w'icyitegererezo mu nkiko z'ubucuruzi, rutegura amabwiriza y'ubwunzi, rutegura ibiganiro kuri ayo mabwiriza ku banditsi b'Urukiko rw'Ubucuruzi n'urw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Abacamanza n'abandi muri izo nkiko bavuga ko ababuranyi bitabira ubwunzi kandi babwishimiye. Imbogamizi isigaye ni uko kunga bibatwara umwanya munini.

Kuberako ubwunzi buteganiye mu manza zose, Urwego rw'Ubucamanza rukomeje guhugura abacamanza n'abanditsi mu bwunzi, ubu abacamanza n'abanditsi 30 bahagarariye inkiko hirya no hino barimo gusozza amahugurwa yamaze amezi atatu, biga rimwe mu cyumweru.

Urugaga rw'abavoka narwo rwatangije gahunda ihoraho yo gushishikariza abavoka kwiga ubwunzi kuko abavoka bafite uruhare runini mu migendekere myiza y'Ubwunzi mu gihe bunganira ababuranyi mu bwunzi cyangwa se iyo babafasha kumvikana.

Ari abacamanza, abanditsi cyangwa se abavoka bishimiye ayo mahugurwa kuko abaha ubumenyi bw'ibanze kandi akabafasha gukora neza ubwunzi haba mu nkiko cyangwa na mbere y'uko ibirego bigera mu nkiko.

Abo bavoka bakurikiranye amahugurwa ni nabo bashobora kwemererwa kuba abahuza mu nkiko bazunganira abacamanza n'abanditsi mu bwunzi mu manza zaregewe inkiko.

Abacamanza bize nabo biteganiye ko bazafasha kunoza agatabo k'Umuhuza mu Nkiko kakifashishwa mu kwigisha abanditsi n'abacamanza batashoboye gukurikira amahurwa

yimbitse kandi kagafasha no mu gihe cy'Ubwunzi, kunganira amabwiriza y'Ubwunzi ari hafi gutangazwa.

5. UBUTABERA BUSANA MU MANZA NSHINJABYAHA

Mu manza nshinjabyaha, ibihugu byinshi birashakisha kwinjiza mu butabera nshinjabyaha inzira zo guhangana n'ingaruka z'ibyaha zubakiye ku biganiri hagati y'abantu bose ingaruka zigiraho icyaha mu buryo butandukanye kugira ngo bafatanye kubona igisubizo gikwiriye ku cyaha cyakozwe, uwakoze icyaha yihane kandi asubize ibintu mu buryo, umuryango na kominote ye bimufasha kumva ingaruka z'ibyaha yakoze, kwihana no gusubiza ibintu mu buryo ndetse no kurangiza igihano yaciwe kandi kugira ngo uwakorewe icyaha yumve ko yarenganuwe.

Mu manza nshinjabyaha, Itegeko rigenga imiburanishirizize y'Imanza nshinjabyaha ryasohotse ku wa 8/11/2019 ryateganiye kumvikana gushingiye kukwemera icyaha. Gusa ntabwo uburyo kumvikana bikorwa byasobanutse mu itegeko. Hazakenerwa amabwiriza atanga umurongo ku mikorere y'ubu bwumvikane.

Ingingo ya 24 iteganya ko mu byo umushinjacyaha ashobora gukora harimo : Gutangiza imihango y'Ubwumvikane hagati y'ukekwaho icyaha n'uwakorewe icyaha (Ingingo ya 24 3°), gukora ubwumvikane bushingiye kukwemera icyaha (Plea bargaining).

Kumvikana bifasha mu gutanga igihano cyijyanye n'uburemere bw'icyaha cyakozwe n'ingaruka zacyo, kurengera inyungu z'uwakorewe icyaha, kugabanya ubucucike bw'amagerera, ikibazo cy'ibimenyetso, Gusubiza abakoze ibyaha mu buzima busanzwe no kugabanya isubiracyaha.

Ikibazo dufite muri izi ngingo n'uko itegeko ritasobanuye uko ubwumvikane bwakorwa mu manza nshinjabyaha. Bizaba ngombwa ko hajyaho amabwiriza asobanura ubwumvikane mu manza nshinjabyaha ndetse no kwagura nkuko byakozwe mu manza mbonezamubano ku buryo n'abaturanyi bashobora gusaba ubwumvikane

Mu manza nshinjabyaha, kumvikana ubundi bishoboka kuba hagati y'Umushinjacyaha n'Uregwa, nyuma y'uko Umushinjacyaha abonye dosiye cyangwa nyuma yo gushinja. Kumvikana bifasha mu gutanga ubutabera kandi bishobora kuvamo guca inkoni izamba ibyaha bimwe byavagamo ibihano bikomeye ntabishinjwe cynagwa se akagabanirizwa ibihano. Gusa kumvikana mu gihe cy'iperereza mbere yo gushinja bituma nanone haboneka amakuru, ariko hariho cases byaba byiza kumvikana bibaye nyuma yo gushinja

Ubwumvikane bushobora kuba hagati y'Umushinjacyaha n'Uregwa ariko hari ubundi buryo bukorehwa bwo guhuza abantu bose icyaha cyagizeho ingaruka, uwakorewe icyaha, uwagikoze, imiryango yabo n'abandi batanga inkunga mukubona igisubizo ku

ngaruka z'icyaha cyakozwe. Abo bose iyo bahuye bakaganira bakagera ku mwanzuro uba ufite imbaraga kurusha ibyo umushinjacyaha yakoze wenyine. Bizasaba ko abantu batekereza kuri iyi process yo guhuza impande zombi n'uko byajya mu mabwiriza abisobanura ariko nibyo byafasha, bituma uwakoze icyaha yisobanura akavuga uko byagenze ku ruhande rwe, akanumva ingaruka z'ibyo yakoze areba abo byagizeho ingaruka bigatuma ashobora kwihana kubari aho bose, uwihannye agasaba imbabazi bigira agaciro kurusha kwemera icyaha imbere y'ubushinjacyaha kugira ngo ukundi ugabanyirizwe ibihano.

Niyo mpamvu ibiganiro hagati y'impande zose bifasha mu kurandura imizi y'icyaha no guca inzigo. Gusa hakenewe gushyiraho amabwiriza asobanura uburyo abo bantu bose batumirwa, abatumirwa abo ari bo, uburyo ibiganiro biyoborwa. Umwanzuro wagizwemo uruhare n'abantu benshi utanga icyizere ku mucamanza ko nta kubogama kwabayeye.

Ikindi hakenewe ko abashinjacyaha bumvikanisha bagira ubumenyi bw'ibanze nk'uko abacamanza barimo kwiga ubwunzi mu manza mbonezamubabo. Urugendo ni rurerure.

Umwanzuro w'Ubwumvikane ushobora no kuba ukubiyemo indishyi ku wakorewe icyaha, kuri community, imirimo nsimburagifungo, n'ibindi bihura n'inyungu za Sosiyeti cyangwa se byatuma uwakoze icyaha yikosora

Umwanzuro w'Ubwumvikane ushyikirizwa umucamanza, akawemera cyangwa akawanga. Igituma umucamanza atawuhindura ni ukugira ngo atanyuranya n'ibyo circle yemeje kandi atarahari.

Ibi byose ni bishya bikeneye ko abantu babyigishwa, bakagira ubumenyi bw'ibanze, hakabaho practice directions,

9. IBIBAZO BIVUKA MURI CYAMANURA HARANGIZWA IMANZA ZACIWE N'INKIKO CYANGWA IZINDI NYANDIKO MPESHA

Uwatanze ikiganiro: UDAHEMUKA Adolphe (Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge)

1. INTANGIRIRO

Umuntu muri kamere ye yifuza kubaho afite uburenganzira bwe busesuye akirinda ko hari uwabuhungabanya iyo bigaragaye ko buhungabanye abafitanye ibibazo bashaka uko bikiranura ubwabo byananirana, bakiyambaza inzego z'ubuyobozi bw'ibanze, iyo byose binaniranye hiyambazwa inkiko. uvuga ko yahohotewe akagaragaza ibimenyetso by'ihohoterwa yakorewe bishobora gushingirwaho arenganurwa .

Ku rundi ruhande ariko haba hari uwo bahanganye wamuvukije ubwo burenganira na we aba arwana atunamura icumu aharanira ko ibyo yakoze mu buryo budakurikije amategeko, ibyo yanyaze, uburenganzira yambuye abandi bitagaragarira urukiko.

Inkiko ziba zifite inshingano yo kugaragaza ko koko hari uwahohotewe ndetse zikanagena uburyo uburenganzira yavukijwe yabusubirana uko bwakabaye (uko byari biteye) byaba bidashoboka bikavunjwamo ibihwanye n'ibyo avuga ko yaba yaratakaje, gusa iyo urubanza rumaze gucibwa ibyo ntabwo biba bihagije icyo uwatsinze aba ashaka si ukubona inyandiko yerekana ko afite uburenganzira ko yatsinze urubanza uru n'uru , ahubwo icyo aba ashaka ni uko urwo rubanza rumugarurira uburenganzira rurangizwa.

2. IMBONERAHAMWE IKURIKIRA IGARAGAZA IMANZA ZAGEZE MU RUGAGA

Ibihembwe	Imanza zakiriwe	Imanza zarangijwe	%
1-2018/2019	484	253	52,27273
2-2018/2019	31	13	41,93548
3-2018/2019	230	166	72,17391

4-2018/2019	231	64,98195	67,09957
1-2019/2020	277	180	

Kugira ngo irangizwa ry'imanza aribwo butabera bw'ukuri bugerweho hakwiye ubufatanye bw'inyabutatu aribwo :

ABABURANYI -UBUYOBOZI (POUVOIR EXECUTIF +ABAHESHA B' INKIKO B'UMWUGA) - URUKIKO

Byagaragaye kenshi ko ubwo bufatanye imikoranire y'ibyo bice 3 itagenze neza arinayo mpamvu imanza zakomeje kwiyongera mu nkiko, bityo imanza zabaye ndakuka ntizashobora kurangizwa ahubwo zikabyara izindi. Buri rwego kandi rwagiye rugira intege nke ubwarwo ku buryo nta rwahirahira ngo rwemeze ko rwo rwakoze inshingano zarwo uko bikwiye.

3. MUNSI HARAGARAGARA ZIMWE MU NGERO ZA BURI RWEGO ZEREKANA AHABAYE UKUDOHOKA :

A. INKIKO :

Hari Imanza zimwe na zimwe zagaragaje ibibazo bikomeye ku buryo irangizwa ryazo ryagiye ritera ibibazo bikomeye hakaba umuntu utsindira umurima ariko ubuso bwawo butagaragara rimwe na rimwe ibyemezo bikaba bivuguruzanya

Urugero: Rutegetse ko A asubiza B inka 3 yamwibye ``. Aha urangiza imanza yibaza inka azasubiza uwatsinze izo arizo, bikamuyobera agahitamo : kutaruranga ; kururanga nabi ashingiyeye uko abyumva ; cyangwa se yagira amakenga agasaba umucamanza ko yasobanura ubwoko ki bw'inka yavugaga ni: utumasa, ni inyana, ni inzungu cyangwa inyarwanda kuko uwatsinzwe ashobora kubikora nkana agatanga utumasa 3 tw'incuke. Mu bihe nk'ibi havuka urundi rubanza rwo gusobanura izo nka izo arizo n'uko zingana bityo umubare w'imanza ukarushaho kwiyongera mu nkiko n'uwatsinze agatinda kubona ibyo yatsindiye hatirengejijwe n'ikiguzi izi manza zikomeza kumutwara.

B. URUHARE RW'ABABURANYI

a. Kwanga kurangiza urubanza ku neza (ku bwende)

Mu rwego rwo gutanga ubutabera bunoze uwatsinzwe akwiye kugira ubupfura akemera ko yatsinzwe ntagundire ibitari ibye, akemera ko urubanza rurangizwa ari na we ubyikoreye. Ibi ni na byo Umushingamategeko yifuzaga aho yabisobanuye mu ngingo ya 247 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi aho igira iti : ``Mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, uwatsinzwe yegera uwamutsinze akamumenyesha uburyo yifuza gushyira mu bikorwa ibyo icyo cyemezo cy'urukiko cyangwa indi nyandikompesha bitegeka kugira ngo babyumvikaneho. Aho gukora ibiteganywa n'iyi ngingo, icyakunze kugaragara ni uko uwatsinzwe yihutira gutangiza urundi rugamba rwo guhisha umutungo we kugira ngo uzaza kwishyura azabure icyo agurisha ...

Mu rwego rwo gutanga ubutabera bunoze uwatsinzwe akwiye kugira ubupfura akemera ko yatsinzwe ntagundire ibitari ibye, akemera ko urubanza rurangizwa ari na we ubyikoreye. Ibi ni na byo Umushingamategeko yifuzaga aho yabisobanuye mu ngingo ya 247 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi aho igira iti : ``*Mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, uwatsinzwe yegera uwamutsinze akamumenyesha uburyo yifuza gushyira mu bikorwa ibyo icyo cyemezo cy'urukiko cyangwa indi nyandikompesha bitegeka kugira ngo babyumvikaneho.* Aho gukora ibiteganywa n'iyi ngingo, icyakunze kugaragara ni uko uwatsinzwe yihutira gutangiza urundi rugamba rwo guhisha umutungo we kugira ngo uzaza kwishyura azabure icyo agurisha ... Ibi nabyo bibyara izindi manza.

b. Hagurishijwe ikidakwiye kugurishwa

Ingingo ivuzwe hejuru ikomeza igira iti : *Ugomba kwishyura kandi ategetswe kugaragaza umutungo we ushobora kuvanwamo ubwishyu binyuze muri cyamunara igihe atubahirije amasezerano; akanagaragaza urutonde n'uburyo byakurikiranywa mu kubigurisha. Iyo bumvikanye, ayo masezerano afatwa nk'inyandikompesha agatangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa n'uwatsinzwe cyangwa Umuhesha w'Inkiko.* `` Aho kwerekana ibyo yifuza byagurishwa mbere y'ibindi, uwatsinzwe arinamira nyuma akagaragaza ko bagurishije imitungo itimukanwa kandi yari afite imitungo yimukanwa yavamo ubwishyu ibi nabyo bikurura izindi manza.

C. ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA

a. Kurangiza urubanza mu marangamutima.

Hari imanza zagiye zigaragara mu nkiko aho Abahesha b'inkiko bamwe bagiye baregwa kurangiza urubanza bakurikije "interperation" bakoreye urubanza aha biba mu gihe urubanza hari ibyo rutasobanuye neza, ubundi biba ari akazi ku rukiko gusobanura urubanza, si ak'abahesha b'inkiko.

b. Abakomisiyoneri

Byakunze kugaragara ko mu manza zirangizwa abaguzi b'ukuri bataza ahubwo bohereza abakomisiyoneri bakaba bafite inshingano yo guhombya ba nyirimitungo, hari kandi abahesha b'inkiko bamwe bagiye bagaragarwaho gukorana n'akomisiyoneri.

c. Kutita ku igenagaciro

Hari imanza zimwe na zimwe zaregewe aho ba nyiri mitungo bavuga ko abahesha b'inkiko bamwe na bamwe bapfobeje imitungo yabo nk'uwari ufite agaciro ka 100M ukagurishwa kuri 20M.

